Ellen G. White

Kugana Yesu

Ibirimo

Umutwe 1—Urukundo Imana Ifitiy' Abantu

Ibyaremwe n'ibyahishuwe byose byerekan'urukundo rw' Imana Ubugingo, n'ubgenge, n'umunezero, byose bikomoka kuri Data wa Twese wo mw ijuru Ibyaremwe byiza bitangaza, ubyitegereie, wabon'uburyo bikwiriy'abantu n'uko bibazanir'umunezero Nyamara s'abantu gusa, ahubg'uwo munezero ugera no ku byaremwe byose Izuba rirava, n'imvur'ikagwa, bikanezez' isi, bikayihembura Imisozi, n'inyanja, n' ibibaya na byo bitugaragariz'urukundo rwa Rurema Imana ni y'itungish'ibyo yaremye byos'igaburo ry'immsi yose Umugaragu w'lmana Dawidi, yar'abizi, ni ko kuvug'ati: {KY 3.1}

"Amaso y'ibintu byos'aragutegereza,
Naw'ukabigaburir'ibyo kurya byabyo, igihe cyabyo
Upfumbatur'igipfunsi cyawe,
Ugahaza kwifuza kw'ibibaho byose." {KY 3.2}

Zaburi 145:15, 16.

Imana yaremy'umuntu wera rwose, kand'ufit'amahoro y'umudendezo Isi nziza na yo, ubgo yavaga mu maboko ya Rurema, nta kizinga cyo kwononekara yar'ifite; nta n'igicucu cy'umuvumo cyayirangwagamo Amakuba tugira, n'urupfu rwatugezeho, byazanywe no kwic'amategeko y'lmana Nyamara, nubg'ibyaha byatuzaniy'imibabaro, urukundo rw'lmana ruramenyekana Byanditswe muri Bibliya yukw Imana yavumy'ubutaka kubg'umuntu. (Itangiriro 3:17.) Amahwa n'ibitovu, —n'umuruho n'ibyago biter'abantu agahinda n'ishavu —byagenewe kubagirir'akamaro, no kubigish'inama Imana ibafitiye yo kuzabasayura no kubakura mu buhanya no guhenebera byazanywe n'ibyaha Isi nubgo yazikamye mu byaha, ntirimw ishavu n'ubuhanya gusa Ahubgo, aho tujya hose, tuhabon'ibituzamr' ihumure n'umunezero, ndetse no ku bitovu bihmyurwa hamer'uburabyo bgiza bugaragaz'ineza y'lmana. {KY 3.3}

Iri jambo ngo: "Imana n'urukundo" ryanditswe ku mugengararo w'ururabyo rwose, no ku katsi kose kamera Utunyoni twiza turirimbira mu kirere. n'uburabyo bg'amabara meza buhumuz'umwuka neza, n'ibiti by'inganzamarumbo byo mw ishyamba bihoran'itoto, — uko bingana byose bigaragaz ukw Imana itugenzereza neza, nk'umubyeyi w'impuhwe wifuriz'abana be kunezerwa. {KY 3.4}

Ijambo ry'lmana ryerekan'imico ya nyiraryo Kandi rer' Imana ubgayo ni yo yigaragarij'urukundo n'ibambe bitagir'akagero ifitiy'abanyabyaha Igihe Mose yasabag'ati, "Nyerek'ubgiza bgawe burabagirana." Uwiteka yaramushubij'ati: "Ubganiye nzanyuza kugira neza kwanjy'imbere yawe." Kuva 33:18, 19. {KY 3.5}

Ukwo kugira neza kw'lmana ni bgo bgiza bgayo Imana yaravuz iti Koko, Uwiteka n' Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi; igumanir'abant'imbabazi, ikageza ku buzukuruza baboo b'ibih' igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha." Kuva 34:6, 7. Imana yacu "igir'ubuntu n'imbabazi,

itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi” (Yona 4:2), kuko “yishimira kubabarira.” (Mika 7:18.) {KY 3.6}

Mw isanzure ry’ijuru no mw isi, Imana yahadushyiriy ibimenyetso byinshi by’ineza yayo. Ariko rero, nubgo bimeze bityo, umwanzi w’ibyiza yahumy’imitima y’abantu kugira ngo bareban’ Imana ubgoba, ngw igir umwaga kandi yanga kubabarira. Satani atum’abantu batekereza kw ingeso ya mbere y’lmana ar’ugucan’imanza zitaber’igituna, ngo n’umucamanza w’ubukana, n umwishyuza w’intavumera uzimbuza. Agereranya Rurema n umunyeshyari ugenzurir’abantu kubashakamw ibicumuro n’ibyo bafudikaho ngw abone uko yabagirira nabi. {KY 4.1}

Kugira ng’uwo mwijima w’icura-burindi ubatamururweho, ni cyo cyatumye Yesu aza guturana n’abantu, ngw abahishurir’urukundo rw’lmana ruhebuje. {KY 4.2}

Umwana w’lmana yazanywe mw isi no kwerekana Se. “Uhereye kera kose ntihari hagir’uwabony’lmana: “Umwana w’ikinege, uri mu gituza cya Se, ni we wayimenyekanishije.” (Yohana 1:18.) “Nta uzi Se, kerets’ Umwana n’umuntu wes’uw’Umwana ashatse kumumenyesha.” (Matayo 11:27.) {KY 4.3}

Ubg’umwigishw’umwe wa Yesu yamubazag’ati: “Twereke Data wa Twese,” yaramushubij’ati: “Nabanye namw’imins’ ingan’ityo, kandi ntiwari wammenya, Filipo? Umbonye ab’abonye Data: n’iki gitumy’ uvug’uti: Twereke Data wa twese?” Yohana 14:8, 9. {KY 4.4}

Yesu yasobanuy’icyo yaje gukora mw isi, ati: “Uwiteka yansTze ngo mbgir’abaken’ubutumwa bgiza, yantumye kumenyesh’ imbohe ko zibohorwa, n’impumyi ko zihumuka, no kubohor’ibisenzegeri.” Luka 4:18. Uwo ni wo murimo Yesu yaje gukora. Yajyaga hos’akor’ibyiza, agakiz’abo Satani atwaz’igitugu. Yesu akiri mw isi, hariho ibirorero bitabagamw iminiho, ku mpamvu z’uko yari yarabinyuzemo, akavur’abarwayi babirimo bose. {KY 4.5}

Gukora kwe n’ingeso ze byagaragazaga yuko yari yasTzwe n’lmana. Urukundo n’imbabazi, n’impuhwe, ni mw ibyo yakoraga byose byakomokaga. Yar’afit’umutima w’imbabazi wo gukund’abana b’abantu. Yenze kamere y’abantu kugira ngw abone ukw abakiz’ubukene. Nta mukene cyangwa s’umwinazi watinyaga kumwegera. Ndetse n’abana bato bumvaga bamukunze. Bakundaga kumusanga, bakicara ku bibero bye. {KY 4.6}

Yesu ntiyigez’aryamir’ukuri hw ijambo na rimwe. Yar’az’uburyo bgo kugenz’abantu, akabazirikana, akabitaho. Ntiyigez’ atukana, nta bgo yacyahirag’ubusa. Nta bgo yababarizag’ubusa unyurwaho. Nta bgo yazinukwag’ intege nke z’abantu. Yajyag’avug’ukuri, kand’akakuvugan’urukund’iteka. Yerurag uburyarya, no kutizera n’ibibi, ariko yabikoranag’ikiniga. Yaririye Yerusalemu, umudugudu yakundaga, kuko bari banze kumwakira, kand’ari we Nzira, n Ukuri n’Ubugingo. Bari bamwanze, ari we Mukiza; ariko yabarebanag ibambe, afit’agahinda. Yemeye kwigomwa no kubabara ngw abon ukw

abagirir akamaro. Umuntu wese yar'afit'igiciro mu maso ye. Nubgo Yesu yar'umunyacyubahiro, yemeye kwicisha bugufi kugira ngw abon'ukw asayur'umunyabyaha wese. {KY 4.7}

Ingeso z Imana ni na zo Kristo yerekaniye mu kubaho kwe. Imigezi y'impuhwe iva ku mutima wa Data wa Twese, igatembera ku bana b'abantu, yagaragariye muri Kristo Yesu, Umukiza mwiza w'ibambe, yar'lmana yigir' umuntu. {KY 4.8}

Yesu yemeye kubabara no gupfa kugira ngw aducungure Yabay'umunyamibabaro wamenyerey'intimba, kugira ngo twebge tugaban'umunezero w'iteka. {KY 5.1}

Imana yemeye guhar'umwana way'ikunda, wuzuy'ubuntu n'ukuri, gusig ubgiza butarondoreka yahoranye mw ijuru, ngw aze mur'iyi si y'igisibe yaremaiwe n'ibyaha, irimw umwijima w'icura-burindi, n'umuvumo w'urupfu Yamwemereye kuva mu gituza cyayo, no gusig'igitaramo cy'abamaraika, ngw aze mur'iyi si gukozw'isoni, no gushinyagurirwa, no kwangwa, no kwemer' urupfu rw'umusaraba, art tw'azira. {KY 5.2}

"Ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesh'amahoro cyan kuri we, kand'imibyimba ye ni y'adukmsha Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabay'intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese." Yesaya 53:5, 6. {KY 5.3}

Nimumwitegereze ari mu butayu, n'i Cetsemani, no ku musaraba! Mbeg ubury'Umwana w'lmana utagir'inenge yikorey'umutwaro w'ibyaha byacu! {KY 5.4}

Yesu, kuko yari kimwe n'lmana, yamenye mu mutima we itandukaniro ritey'ubgoba ibyaha byashyize hagati y'lmana n'abantu, nubgo tutabizi Ni byo byatumy'arangurur'ijwi, atak'ati "Mana yaniye, Mana yanjye, n'iki kikundekesheje?" Matayo 27:46. {KY 5.5}

Ubgo bgihotore bga Yesu ntibgabereyeho guter'lmana umutima wo gukund'abantu, ngo yemere kubakiza Ashwi da! "Kukw Imana yakunz abari mw isi, ni cyo cyatumy'itang'Umwana wayo w'ikinege." Yohana 3:16. Imana yadukunze Umwana wayo ataremera kutuber'impongano Yamuduhayehw inshungu **kukw idukunda**. {KY 5.6}

Yesu ni we cyungo Imana yanyujijem'urukundo rwayo ruhebuie, ngo rusukwe ku ban mw isi bari bararohamye mw isayo y'ibyaha "Tuvuga yukw Imana yari muri Kristo yiyuzuza n' abari mw isi, itababarahw ibicumuro byabo." 2 Abakormto 5:19. {KY 5.7}

Imana yababaranye n'Umwana wayo mu kababaro k'i Cetsemam no mu rupfu rw' i Nyabihanga Koko, Imana yatanz' igiciro gihebuje cy agakiza kacu. {KY 5.8}

Nta wundi wari kubasha kuducungura rwose, kerets'Umwana w'lmana gusa, kukw ari nta wundi wajyaga kutumenyesha Data wa Twese, kerets uwo wari mu gituza cye Uburebure bg igihagararo, n uburebure bg ikijyepfo bg urukundo rw'lmana, nta wundi wabashaga kubumenyesh'abandi, kerets'uwar'ubuzi. Nta kintu cyakwerekan'uko Data wa Twese yakunz abari bazimiye, kerets igitambo gihebuje cya Kristo cyatambiw abantu baguye. {KY 5.9}

“Kukw Imana yakunz’abari mw isi, ni cyo cyatumy’itang Umwana wayo w’ikinege.” Imana yatangiy’Umwana wayo kubana n abantu, kugira ngw atwar’ibyaha byabo, ab’ari w’uhanwa mu cyimbo cyabo, **atangir’ubugingo bge gucungur’ubgabo**. Yesu yemeye kwigira nk isanga-n ingoyi mu bikomerer’abantu bose Uwahoz’ari kimwe n Imana yifatanishije n’abantu ingoyi zidacibga. Ndetse Yesu ntiyagiz’isoni zo kutwita bene Se Abaheburayo 2:11. {KY 5.10}

Yesu ni we watuberey’igitambo Ni we Muhuza wacu, kandi ni we Mukuru wacu, wenze kamere y’umuntu, akager’imbere y’intebe y’ubuntu, asa natwe. Umwana w’lmana yemeye kwitw’ Umwana w’Umuntu: kand ibyo byose yabyemereye kugira ngw abantu bave mu buhanya bgo guhenebera bgazanywe n’ibyaha, ngo bameny’urukundo rw’lmana, kandi ngo basangir’-umunezero w’abera. {KY 5.11}

Inshungu twacungujwe, no kwihotora kutagir’akagero kwa Data wa twese wo mw ijuru ko gutang’Umwana we ngw adupfire: ibyo byose bikwiriye kutwumvish’urugero rushyitse dukwiriye kugeraho, rwerekaniwe muri Kristo. {KY 6.1}

Ubg’lntumwa Yohana yar’amaze gushorerwa n’Umwuka w’ Imana, yitegerej’uburebure bg’igihagararo, n’uburebure bg’ikijyepfo, n’ubugari bg’urukundo Data wa Twese yakunz’ab’isi bar’ abo gupfa. Ibyo byamuteye kuramy’Imana, no kuyih’icyubahiro. Abuz’amagambo yasobanuz’ingano y’urwo rukundo rukomeye, biramutangaza, arumirwa, ni ko kubgir’abi’isi ati: “Mureb’urukundo, Data wa Twese yatweretse, kw ari rwinshi; ko twitw’ abana b’lmana!” 1 Yohana 3:1. {KY 6.2}

Mbeg’uburyo kwitw’abana b’lmana byatumy’abantu bagir’agaciro! Ibicumuro ni byo bihindur’abantu ibiretwa bya Satani. Nyamara ben’Adamu babasha kub’abana b’lmana kubgo kwizer’ impongano y’igitambo cya Yesu. Gutwara kamere y’umuntu kwa Kristo, ni ko kwatey’abantu kugir’agaciro. Abantu baguye, iyo biyunze na Kristo, babasha rwose kuba bakwiriye kwitw’ abana b’lmana. {KY 6.3}

Urukundo nk’urwo nta cyo twarugereranyaho. Ni rwo rwatumye twitw’abana b’Umwami wo mw ijuru. Mbeg’inkuru nziza y’inkora-mutima dukwiriye kuzirikana kuruta byose! Mbeg’ urukundo ruhebuj’lmana yakunz’ ab’isi, batayikundaga! {KY 6.4}

Urwo rukundo ntirurondoreka, rutum’umutima wemer’lmana, ukayigandukira, na y’ikawugenz’ukw ishaka. Uko turushaho gushimikira kumeny’ingeso z’lmana, no gutekerez’umusaraba wa Yesu, ni ko turushaho kumeny’impuhwe n’ibambe no kubabarirwa n’ukuri, no kutabera: ni na ko turushaho gushishora n’ibindi byinshi bigaragaz’urukundo rutagir’akagero, n’ibambe Imana idufitiye, rirut’iry’umubyeyi agirir’umwana we wararutse. {KY 6.5}

Umutwe 2—Uk'Umunyabyah'akwiriye Kristo

Mbere, umuntu akiremwa, yari yahaw'imico myiza, n'umutim'uhuguka Nta nenge yar'afite, kandi yashyiraga hamwe n'lmana Ibyo yatekerezaga byar'imbonera, kand'ibyo yagamije byareraga. Ariko kutumvira ni ko kwatumy'imbaraga ze zishira, maze kwikunda gusimbura urukundo yakundag'lmana. {KY 7.1}

Umutima we udeburwa n'ibicumuro, bitum'abur'uko yakwitsindishiriz' ubge, ngw anesh'ibibi Ab'imbohe ya Satani, kandi rero yajyaga kugumya kuba yo iteka, iy'lmana itamugoboka, ngw imuhagarareho Imigambi y'umushukanyi yar'iyo kugwabiz'inama Imana yar'ifitiy'umuntu ikimurema Icyatumye Satani yuzuz'isi agahinda n'umuze, kwar'ukugira ngw abihererereze ku Mana, ngo ni yo yabiremye. {KY 7.2}

Abantu bataracumura, buzuraga n'üwo "ubutunzi bgose bg ubgenge no kumenya bgahishwemo." Abakolosayi 2:3. Ariko, ahw amariye gucumura, ntiyab'akinezezwa n'ibyera, ni ko gushak'uko yakwihish'lmana N'ubu ni ko bikimeze ku muntu utabyaw'ubga kabiri Ntabasha gushyira hamwe n' Imana, ndetse ntiyishimira kubana na yo. {KY 7.3}

Umunyabyaha ntiyabasha kunezererw'imbere y'lmana, yakwihëza mw iteraniro ry'abera Nubgo yakundirwa kugera mw ijuru, ntiyahasang'ibimunezeza Urukundo rutikanyiza ruhaba rwamuji|isha Iby'atekereza, n ibyo yifuza, n'iby'agambirira, byanyurana n'iby'abazira-nenge baho Ijwi rye ryasobana n'ay'abari mw ijuru Kuba mw ijuru byamubabaza, kuko yabur' uko yihish'lmana, iber'abakiranutsi umucyo n'umunezero Kubuz'umunyabyaha kujya mw ijuru s'ltegeko ry'akarengane ahubg'abanyabyaha ni bo bibuza, kuko batabasha gushyikirana n'abaho Ubgiza bg'lmana bgababer' umurir'ukongora Bakwifuza kurimburwa kugira ngo batarebana n'uwapfiriye kubacungura. {KY 7.4}

Ubgacu ntitwabasha kwisayura mu rwobo rw'ibyaha twarohamyemo Imitima yac'iranduye, nta bgo twabasha kuyihindur'ubgacu "Ni nde wabasha kuvan'icyiza mu kibi? Nta we." Yobu 14:14. "Cutekereza kwa kamere y'umuntu gutera kwang'lmana, kuko kutumvir'amategeko y Imana, kandi kutabasha kuyumvira." (Abaroma 8:7) {KY 7.5}

Nubgo twagir'ubgenge ubgahe, n ubuhanga, n'imbaraga, ntitwabasha kwihindura Icyakora, ibyo byose byabasha kwitondesh umuntu ku mugaragaro, ariko ntibyabasha guhindur'umutima we wa kamere Ntibyakwez'amasoko y'ubugingo. Nib'umuntu ashaka gucika ku byaha, akera, akwiriye kwakir'ubugingo bushya buva mw ijuru Ubgo bugingo bubonerwa muri Yesu Ubuntu bge bgonyine busa, ni bgo bubasha guhembur'ingeso nziza z'umutima, no kuwegerez'lmana ngo were. {KY 7.6}

Umukiza yaravuz'ati: "Umuntu utabyaw'ubga kabiri, ... ntabasha kubon'ubgami bg'lmana." Yohana 3:3. Kwibgira yuk' umuntu akwiriye kwiyungura mu by'asanganywe byiza, n'ukwihamagarir'urupfu. Ibyo ntibihagije. Umuntu ukw ari ntavukan'ibyiza by'Umwuka w'lmana: kuko we abireba nkahw ar' ubupfu: kandi ntabasha kubimenya, kuko byitegerezwa mu buryo bg'Umwuka. "Ntutangare kuko nkubgiye yuko bibakwiriye kubyarw'ubga kabiri." 1 Abakorinto 2:14; Yohana 3:7. {KY 7.7}

Kristo yandikiwe ngo: “Muri we harimw ubugingo. Ubgo bugingo bgar’umucyo w’abantu,” kandi “nta rindi zina munsi y’ijuru ryahaw’abantu, dukwiriye gukirizwamo.” Yohana 1:14; Ibyakozwe 4:12. {KY 8.1}

Ntibihagije kumeny’ubugwa-neza bg’lmana, no kurora kugira-neza n ibambe rya kibyeyi by’imico yayo. Ntibihagije kugenzur’ubgenge bg’ amategeko yayo, no gukiranuka kwayo, ukabona kw ashinzwe ku rufatiro rw’urukundo rudahanguka. Intumwa Paulo yar’abizi, ni ko kuvug’ati: “Nemer’amategeko, kw ari meza. Amategeko n’ayera, ndets’itegeko ryose rirera, rirakiranuka, ni ryiza.” Abaroma 7:16, 12. Hanyuma abisonger’ababaye mu mutima, afit’ubgob’ati: “Nd’uwa kamere, ndetse naguriwe gutegekwa n’ibyaha.” Abaroma 7:14. {KY 8.2}

Paulo yifuzaga cyane kubonera no gukiranuka, akananirwa kubyishyikiriza, ni ko gutera hejuru, aratak’ati: “Mbony’ ishyano! ni nde wankiz’uyu mubiri unter’urupfu?” Abaroma 7:24. Igisubizo ni kimwe gisa, ngiki ngo: “Nguyu Mwana w’lntama w’lmana, ukurahw ibyaha by’abari mw isi.” Yohana 1:29. {KY 8.3}

Yesu ni we nzira y’agakiza. Umwuka w’lmana yabishushanije mu buryo bginshi, kugira ngo yumvishe nez’abifuza gukizw’umutwaro w’ibyaha. {KY 8.4}

Ubgo Yakobo yar’amaze guhend’Esau ubgenge, agahunga av’i wabo, yumvag’icyaha cye cyamutsikamiye, cyamugushije hasi; ar’igicibga, atagira shinge na rugero, yatanye n’ibintu byose bikundish’umuntu kubaho. Ariko kurutaho, icyamuhagarits’umutima, n’uko yatinye yukw icyaha yakoze cyamucanije n’lmana, kikamuvuts’ijuru. {KY 8.5}

Abura nk’aho yacumbika ngw aryame, ahirika hasi afit’agahinda, akikijwe n’imisozi gusa, imukubiye hagati, araharara burinda bucya. Hejuru har’ijuru ryakahw inyenyeri. Agisinziriye, abon’umucy’utangaje urabagirana usāb’ikibaya cyose aho yar’aryamye. Agiye kubon’abon’urwego runini ruvuye kw isi, umutwe warw’ugeze ku marembo yo mw ijuru. Abon’abamaraika b’lmana baruzamukiraho, kandi barumanukiraho; maze yumv’ijwi rivugira mu bgiza bgo mw ijuru rimubgir’ ubutumwa bgo kumurem’agatima bumuter’ibyiringiro. {KY 8.6}

Mur’ubgo buryo Yakobo yamenyeshejw’iby’umutima we wifuza. Agaragarizwa nez’ubury’umuntu nka we w’umunyabyaha yabasha kwongera kuzura n’lmana. Rwa rwego rutondana Yakobo yaboneye mu nzozi, rwashushanyaga Yesu, ari we Muhuza wenyine w’lmana n’abantu. {KY 8.7}

Urwo rwego ni rwo Yesu yabgiye Natanaeli, ubgo yavugag’ati: “Muzabon’ ijuru rikingutse, abamaraika b’lmana bazamuka bavuye ku Mwana w’Umuntu, bakamumanukiraho.” Yohana 1:51. Ubg’abantu bahakanye, bacanye n Imana; isi itandukana n’ijuru. Imanga yaciye hagati itum’umubano wo gusābāna ubura. Ariko, kubga Kristo, isi yongeye guhuzwa n’ijuru. Kubaho kwe kuboneye ni kwo Kristo yatindishij’imanga yaciwe n’ibyaha, kugira ngw abamaraika bakorer’lmana babone kubana n’abantu Kristo ni w’uhuz’umunyabyaha w’mtege nke, agatum’ashyikir’imbaraga z’lmana zitagir’akagero. {KY 8.8}

Kwibarir’amajyambere kw’abantu n’ukugorwa n’ubusa, kand’imirimo myiza yose dukora yo gutum’abantu baiya mbere, nta cy’imaze, tyo tubikoze tutitaye kuri Sōko y’lbyinngiro. “Cutanga kwose kwiza n’impano yos’itunganye rwose biva ku Mana.” Yakobo 1:17. Nta wagir’imico myiza, atayikomoye ku Mana Kandi rero nta yindi nzira yo kuiya ku Mana keretse Kristo wenyine Yaravuz’ati “Ni |ye nzira, n’ukuri, n’ubugingo: nta ujya kwa Data ntamujyanye.” Yohana 14:6. {KY 9.1}

Umutima w’lmana ugirir’abana bayo bo mw isi urukundo ruhebuje Ubg’lmana itatugomw’Umwana wayo, nta kind yatwimye, ahubgo yarahaz ibyo mw ijuru byose ku bgacu Ukubaho kwera k’Umukiza, urupfu rwe, kuduhakirwa kwe, no guhendahenda k’Umwuka Wera, —byose bikubira hamwe kugira ngo bizanir’abantu agakiza. {KY 9.2}

Yemwe! Tuzirikany’igitambo gihebuje twatambiwe! Tugerageze gusobanukirwa n’umwete w’abo mw ijuru badufitiye, n’imirimo bakora, kugira ngo bagarur’abazimiye mu rugo rwa Data wa Twese Nta migambi myiz’isumb’ iyo: nta buryo bgarut’ubgo. {KY 9.3}

Ingororano ihebuj’ibikiw’abakora neza; n’umunezero wo mw ijuru, n’ umubano w’abamaraika; umwuzuro n’urukundo by’lmana n’Umwana wayo; ububasha bushyitse kandi butunganye rwose tuzahorana mu bihe bidashira, — mbes’ ibyo byose ntibikwiriye kudutera guhakwa ku Mana n’Umucunguzi wacu, tubikuye ku mutima? {KY 9.4}

Ubund’Imana itwerurir’ukw izacira icyaha hw iteka, kand’itugaragariz’iby’ igihano kitazakuka cyo kurimburwa buheriheri Ibyo byose n’ibyo kutuburira kugira ngo tudahakwa na Satani. {KY 9.5}

Mbese twahmyur’imbabazi z’lmana? Har’icyo yirengagije kudukorera se? Nib’ari nta cyo, tujye tumerer’uko bikwiriy’Uwadukunz’urukundo ruhebuje Nuko, nimutyo dukoresh’umwanya twahawe, kugira ngo duhmduke, tumere nka Yesu, dusubire kubana n’abamaraika; tugir’ubumwe bushyitse bg’isangan’tngoyi, twuzura na Data wa Twese n’Umwana we. {KY 9.6}

Umutwe 3—Kwihana

Mbes'umuntu yatsindishirizwa n'lmana ate? Umunyabyaha yahinduk' umukiranuts'ate? {KY 10.1}

Kristo ni we mus'ubasha kutwuzuza n'lmana, ngo twere. Ariko se, n'iki cyatugeza kuri Kristo? Abantu benshi bajya babaz'iby'abo ku munsi wa Pentekote babajije, ubgo bemezwag'ibyaha byabo, bakarangurura bati: "Tugire dute?" Ijambo rya mbere Petero yabashubije n'iri ngo: "Nimwihane." lbyakozwe 2:38. Bidatinze yongera kubabgir'ati: "Nimwihane, ... muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe." Ibyakozwe 3:19. {KY 10.2}

Kwihana, rero, n'ukubabazwa n'ibyaha, no kubicikaho. Ariko nta warek' ibyaha atiyumvisem'ububi bgabyo. Kubicikaho bya nikize ntibyatuma duhinduka by'ukuri. {KY 10.3}

Hariho benshi bayoberwa kwihana nyakuri. Abantu benshi baterw'agahinda nuko bacumuye, ndetse bagahinduka bya nikize kuko batiny'ingaruka yabyo. Ben'ukwo si ko kwihana Bibliya yigisha. Barizwa n'ishyano bagusha aho kurizwa n'ibyaha; nkuko Esau yagenje abonye kw aheby'umugisha wo kuragw'ibya se. Na Balamu, wari wishwe n'ubgoba cya gihe maraika yar'amuhagaz'imbere, afit'inkota mu ntoke, yemey'ibyaha bye kuko yatinye gupfa, ariko nta bgo yari yarihanny'ibyaha bye by'ukuri Umutima we ntiwari wahmdutse, ntiyari yazinutsw'ibibi Yuda Isikaryota, amaze kugambamr' Umwami, yaratats'ati "Nakoz'icyaha, kuko nagambaniy'amaraso adafit' urubanza." Matayo 27:4. {KY 10.4}

Yemejwe n'umutim'ucumuye, yumv'urubanza rutey'ubgoba rumuriho, atiny'amateka y'lmana Amaherezo y'ibyo yari yakoze yatumy'amarwa n'ubgoba, ariko mu mutima we nta shavu rikomeye risheniagur'umutima ryari rimurimo Yari yagambaniy'Umwana w'lmana utagir'inenge, akihakan' Uwera w'lsiraeli. {KY 11.1}

Farawo na we ubgo yababazwaga n'amateka yari yaciriweho n'lmana, yemey'ibicumuro bye, kugira ngw akir'ibindi byago, arikw iy'icyago cyashiraga, yongeraga kwigamba ku Wo mw ijuru Abo bose barizwaga n'mgaruka y'ibyaha, ntibarakarizwa n'ibyah'ubgabyo. {KY 11.2}

Ariko, iy'umutim'uyobots'icy'ubgiri|we n'Umwuka w'lmana, urakanguka, utangira gusobanukirwa, ukameny'ukw amategeko y'lmana no kwera kwayo bisobanurwa, ukamenya kw amategeko yayo ari yo rufatiro rw'ubutware bgayo bgo mw ijuru, no mw isi. "Umucy'uvir'umuntu wes'uza mw is!" (Yohana 1:9), ugatangaz'ibihishwe byo mu mutima, nuko bigaherako bigahishurwa Uwo muntu akemezwa mu mutima we no mu bgenge bge, akumva kw Imana ikiranuka, agafatwa n'ubgoba bginshi kuzahagararan ibyaha bye n'amahumane imbere y'Ugenzur'imitima ly'amaze kubon'urukundo rw'lmana ruhebuje, n'amahirwe n'umunezero bizanwa no kwera, ni h'umuntu yifuza cyane gutunganywa no gusubira kugir'umushyikirano n'abo mw ijuru. {KY 11.3}

Ishengesho rya Dawidi, amaze gucumura, ryerekan'ishavu ry'ukuri ry' ibyaha iry'ari ryo. Kwihana kwe kwabay'ukw ukuri ntikwārim'uburyarya Ntiyagerageje gupfoby'ibyaha bye, kand'ishavu yar'afite ntiryatewe n'ukw ashaka gukir'amateka yar'agiye gucirwaho Ahubgo Dawidi yumvise kw igicumuro eye cyari gikabije: yabony'uko cyahumanii'umutima we, yumv' akizinutswe Ntiyasabag'imbabazi gusa, ahubgo yasabaga k'umutima we ubonezwa Yifuzaga cyan'umunezero uzanwa no kwera, ngw abone gushyikirana n'lmana, babane. Ni ko gusuhuz'umutima, aravug'ati: {KY 11.4}

"Hāhirw'uwababariw'ibicumuro bye, ibyaha bye bigatwikirwa Hāhirw' umunt'Uwiteka atabaraho gukiranirwa." Zaburi 32:1, 2. {KY 11.5}

"Mana, umbabarire kubg'imbabazi zawe Kubg'imbabazi zawe nyinshi usibangany'ibicumuro byanjye Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye, Unyez'unkurehw ibyaha byanjye Kuko nz'ibicumuro byanjye, Ibyaha byanjye bir'imbere yanjy'iteka.... Ni wowe, ni wow'ubgawe nacumuye, Unyejesh'ezobu, ndera, unyuhagire, ndab'umweru ndushe shelegi.... Undemem'umutima wera; unsubizem'umutim'ukomeye Ntunte kure yo mu maso yawe; ntunkureh'Umwuka wawe wera, Unsubizemo kunezezwa n'agakiza kawe; Unkomeresh'umutima wemera.... Unkiz'urubanza rw'amaraso y'undi. Aī Mana, ni wowe Mana y agakiza kanjye Ururimi rwanjye ruzaririmba cyane gukiranuka kwawe." Zaburi 51:1-14. {KY 11.6}

Kwihana nk'ukwo, ubgacu ntitwabasha kugusohoza kubonerwa muri Yesu gusa, wazamuwe mw ijuru, agah'abant iyo mpano. {KY 11.7}

Ibyo ngibyo biyoby'abantu batari bamwe, bigatuma baheb icyo Kristo vifuza kubafashisha. Bibgira yuko bitashoboka gusanga Kristo batabanje kwihana, ngo kwihana kubaringaniriza kubabarirw ibyaha. Icyakora, kwihana kubanziriza kubabarirwa kw'ibyaha koko, kuk'umutim'umenetse ushenjaguwe ni wo gusa wumva k'ukwiriy'Umukiza. {KY 12.1}

Ariko se, umunyabyaha yarindira kwihana ngw abone gusanga Yesu? Mbese kwihana ni kwo kwab'inkomero yo kubuz'umunyabyaha Umukiza we? {KY 12.2}

Bibliya ntivuga k'umunyabyah'akwiriye kubanza kwihana ngo hanyuma y'ahw abone kwitaba kurarika kwa Yesu. Umukiza wacu araturarik'ati: "Nimuz'aho ndi, mwes'abarushye n'abaremerewe, ndabaruhura." Matayo 11:28. {KY 12.3}

Imbaraga iva muri Yesu ni y'itera kwihana nyakuri. Petero yarabyeruy' igihe yabgirag'Abisiraeli, ati: "Imana yaramuzuye, imushyir'i buryo bgayo, ngw ab'Ūkomeye n'Umukiza, ngw ahe Abisiraeli kwihana no kubabarirw' ibyaha." Ibyakozwe 5:31. Uko tutabasha kubabarirwa tudafite Yesu, ni na ko tutabasha kwihana tudafit'Umwuka we ukangur'imitima. {KY 12.4}

Kristo ni we Soko y'imigambi yos'itunganye. Ni we wenyin'ubasha guter'umutima kwang'ibyaha. Gushishikarir'iby' ukuri no kubonera, no kwemezw'ibyaha byacu, ni tubigira, n'ibihamya byerekana k'Umwuka wa Yesu akorera mu mitima yacu. {KY 12.5}

Yesu yaravuz'ati: "Ni mmanikwa hejuru y'isi, nzikururiraho bose." Yohana 12:32. Umunyabyaha akwiriye guhishurirwa Kristo, akamenya kw ari we Mukiza wamanitswe ku musaraba, azir'ibyaha by'ab'isi. lyo twitegerej' Umwana w'lmana ku musaraba w'i Kalvari, ni bgo duhishurirw'ibiyoberana by'agakiza, maze kugira-neza kw'lmana kukadutera kwihana. {KY 12.6}

Ubgo Yesu yapfirag'abanyabyaha, yagaragaj'urukundo rutarondorwa adukunze; kand'umunyabyaha utumbiriy'urwo rukundo rudohor'umutima we, rukamutera gutekereza, akabur'ukw agumya kurwanya Yesu, akitanga burundu. {KY 12.7}

Hab'ubg'ibibi by'abantu bibakoz'isoni, bigatuma barek'ingeso zabo mbi zimwe, bataramenya kw ari Kristo ubareshya. Iteka, iy'abantu bagerageza guhinduk'ukundi, babikuye ku mutima, imbaraga ya Kristo, ni y'ib'ibareshya. Nubgo baba batabizi, haba harihw Igitot'imitima yabo, Kiyikangura, Kibatera guhinduk'ukundi. Ibibi byo mu kubaho kwabo, n'icyaha cya kamere cyo mu mutima, byose barabihishurirwa, bagatangira kugir'icyo bumva cy'igitangaza cyo gukiranuka kwa Yesu, bakumirwa, bati: "Mbese icyaha n'iki kugira ngo kirihirirw'igitambo kingana gityo? Mbes'urukundo rungana rutyo, n'uwo mubabaro wose, n'agashinyaguro kose, n'ukugira ngo dukir'urupfu, tuzabon'ubugingo budashira?" {KY 12.8}

Icyakora, umunyabyaha yashaka, yabasha kwang'urwo rukundo ruhebuje; yabasha no kwanga kwegerezwa Yesu; ariko, atanze, yamwegerezwa. Yamara kumeny'inama y'agakiza, bigatum'agera ku Musaraba, akihan'ibyaha bye Umwana w'lmana yazize. {KY 12.9}

Umwuka w Imana, ubeshahw ibyaremwe, ni w'utot'imitima y'abantu, ukayitera kugirakahe k'ibyo bakennye. Ibyo mur'iyi si bajyaga bakunda, ntibibe bikibasha kunyur'imitima yabo Umwuka w'lmana abahendahendera gushakashaka gus'ibyabazamr'amahoro n'lhumure, — an byo mbabazi za Yesu, n'umunezero uzanwa no kwera {KY 12.10}

Umukiza wacu ntahwema gukuruz'imitima y'abantu ibiboneka n'ibitaboneka, kugira ngo barek'ibyo kwinezeza bitagir'umumaro, babon'amahirwe atagir'ingano, amubonerwamo Abantu bose barushywa n'ubusa, bishakir' amazi mu mariba yakamye, Imana ibatumaho, ngo "Ūfit'inyot'aze Ūshak ajyan'amazi y'ubugingo ku buntu." Ibyahishuwe 22:17. {KY 13.1}

Mwebge mwese, abifuriz'ibyiza birut'ibibonerwa mur'iyi si, mumenye yukw ar'ijwi ry'lmana ribgiriz'imitima yanyu Nimuyisabe, kugira ngw ibahe kwihana, no kugaragarizwa Yesu, kubg'urukundo rwayo ruhebuje, ukw aboneye rwose. {KY 13.2}

Mu kubaho k'Umukiza, ni mw'urufatifo rw'amategeko y'lmana rwagaragarijwe Kugira-neza, n'urukundo rutikanyiza, ni byo byari kamere ye lyo twitegerej'Umukiza, ni bg'umucy'umuvaho uturasiraho, bigatuma twibonah' ububi bg'ibyaha byo mu mitima yacu. {KY 13.3}

Ahari twigize shyashya nka Nikodemo, tugira ng'ukubaho kwacu kuraboneye, n'ingeso zacu ziratunganye, twibgira kw ari nta cyatuma twicisha bugufi imbere y'lmana, nkuko bikwiriy'abandi banyabyaha. {KY 13.4}

Ariko, iy'umucyo wa Yesu urasiye mu mitima yacu, ni ho tubon'ububi bgacu, tukameny'uko twikanyiza, n'ūko twang'lmana, kandi kw ari byo byatwanduje Ni ho twimenyaho yuko gukiranuka kwacu kumeze nk'ubushwambagara bufit'ibizinga, n'ūko ari nta kintu cyera cyirabura cyadukiz' ibyaha byatwanduje, kitar'amaraso ya Yesu. {KY 13.5}

Umwambi w'umucyo uvuye ku bgiza bg'lmana, akambi k'isuku ya Kristo, iyo birasiye mu mitima, bigaragaz'akazinga kose, lyo kava kakagera, bigahishur'ubugoryi n'inenge yose by'umutima w'umuntu Bigaragaza kwifuza kubi kwose, n'ubuhemu bg'umutima, n'ukw iminw'ivug'ibyanduye Ubugome bgose bg'umunyabyaha bgo guhmdur'ubus'amategeko y'lmana, iy'abugaragarijwe n'Umwuka Wera w'lmana, bitum'ashenguk umutima, akababara cynne. Uko yitegerez'imico myiza ya Yesu itagir'inenge. ni kw arushaho kwizinukwa. {KY 13.6}

Igih'umuhanuzi Danieli yitegerezag'ubgiza bga maraika wamutumweho, avuye mw ijuru, yacits'intege, abony'uko yanduye Asobanur'ibyamubayehw ati "Smasigaran'intege, kuk'ubgiza bganjye bgampindukiyemw ububore ndatentebuka." Danieli 10:8. {KY 13.7}

Ni k'umuntu ukozwemw atyo azajy'agaya kwikanyiza no kwikunda kwe. ashake umutim'uboneye, ushyira hamwe n'amategeko y'lmana abiheshejwe na Kristo. {KY 13.8}

Paulo avuga yuko kubgo "gukiranuka kuzanwa n'amategeko" (Abafilipi 3:6), nta wabon'icy'amugaya, — akurikij'imirimo igaragara itegetswe n'amategeko Ariko amaze kurondor'ibitagaragara by'umwuka bitegetswe na yo asang'ar'umunyabyaha Ūwakurikiz'ukw amategeko avuga, yasanga ko Paulo atakoz'icyaha; ariko we ubgo yarorag'ukw amategeko asobanurwa mu by'umwuka, akireb' ukw Imana imureba, byamuteye kwicisha bugufi no kwerur'ibicumuro bye; ni ko kuvug'ati Nanjye kera nan muzima ndafit' amategeko. Maz'itegeko rije, ibyaha birazuka, nanjye ndapfa.' Abaroma 7:9. Paulo, abony'uburebure bg'iby'amategekw arondora, ibyaha bimugaragarira kw ari bibi bitey'ubgoba, ntiyab'acyishima. {KY 13.9}

Imana ntivuga kw ibyaha byose bifit'urugero rumwe. Umunt'afit'ingero z'ibyaha, kandi n'lmana na y'irazifite. Arikw igicumuro kibaye gito mu maso y'umuntu, mu maso y'lmana kiba kinini, kukw ari nta gicumuro kiba gito imbere yayo. ly'umuntu aciy'urubanza rubamo kubera, ntirutungana; arikw Imana igera byos'uko biri koko. Umusinzi anegurizw'izuru, abgirwa kw icyaha cye kizamubuza kujya mw ijuru; arik uwīrārīra, n uwikanyiza n'uwifuza, hab'ubgo bo batabihanirwa. Nyamar'ibyo byaha na byo Imana ibyang'urunuka; kuko biciy'ukubiri n'ubugwa-neza bg'imico yayo, na rwa rukundo rutikanyiza rugos'amasi ataguye. Ugwa mu cyaha gikomeye, hab' ubg'agir'isoni, akumv'akenny'imbabazi za Kristo; arik'uwīrārīra we, ntiyumva ko har'icy'akennye, yanga gukingurira Kristo umutima we, akavuk'umugish' ukomeye yatugeneye. {KY 14.1}

Wa mukoresha w'ikoro wasabag'ati: "Mana, mbabarira, nd'umunyabyaha," yari yiyumvisemo kw ar'inkozi y'ibibi, yibgira kandi yuko n'abandi ariko bamuzi. Yar'az'icy'akennye, ni ko gusangan'lmana umutwaro w'ibyaha, kand'akozwe n'isoni, yifuza kw imubabarira. Yari yugururiy'Umwuka w'lmana umutima we, ngw abon'ukw amukoreramo, amubātūre, amukure mu bubata bg'ibyaha. {KY 14.2}

Ariko gusenga k'umufarisayo ko kwirata, no kwigira shyashya, kwagaragaye k'umutima we utifuza kugibgamo n'Umwuka Wera. Ntiyar'azi kw Imana iboneye, kandi yera, kuko yari kure yayo. Ntiyumvaga ko har'icy' akennye, ni ko kutagir'icy'ahabga. {KY 14.3}

Ni muramuka mumeny'ibyaha byanyu, ntimugatinde kubicikaho. Benshi bibgira yukw ibibi byabo bibabuza gusanga Kristo. Mbese mwibgira kw ari mwe muzigira beza? "Mbese Umwetiopiya yabasha guhindur'umubiri we, cyangw'ingwe ubugondo bgayo?" Yeremia 13:23. Namwe ni ko mutābasha gukor'ibyiza kandi mwamenyereye gukor'ibibi. {KY 14.4}

Nta wund'ubasha kudufasha kerets'lmana yonyine gusa. Twē kurindir'ikindi gihe: twe kuganyiriza ngo twemezwe kurutaho, cyangwa ngo turindir' uburyo burut'ubgo twabonye, cyangw'ingeso ziboneye zirut'izo dufite. Ubgacu nta cyo twabasha kwimarira. Dukwiriye gusangana Yesu imitwaro yose y'ibyaha dufite. {KY 14.5}

Ariko rero, he kugir'abishuka no kwibgira ngw Imana, ubg'ar'inyarukundo, izakiza n'abang'imbabazi zayo. Ububi bg'ibyaha butey'ubgoba, bubasha kugerwa gusa, iy'umucyo w'umusaraba uburasiyeho. Abavuga k'ubugwaneza bg'lmana butazacira umunyabyaha hw iteka, nibitegerez'umusaraba w'i Kalvari. Kristo yishyizehw ibicumuro by'abagome, ababazwa mu kigwi cy'abanyabyaha, kukw ari nta yindi nzira abantu bajyaga gukirizwamo. {KY 14.6}

Atari kubg'icyo gitambo, nta wajyaga gukir'urukongi rw'imbaraga y' ibyaha, no gusubira kūzura n'abera; kandi nta bgo twajyaga kugabana ku by umwuka. Urukundo rw'Umwana w'lmana, n'umubabaro yababajwe, n urupfu yapfuye, —byose byerekan'ukw ibyaha bikabije kuba bibi, kandi byerekana yukw ari nta wabiva mu nzara, ngo yiringire kuzahabg'ubugingo bgo mw ijuru, keretse yeguriye Kristo umutima we. {KY 14.7}

Har'ubg'abatizera bikirish'Abakristo, bati: "Ntibandusha kwitonda Ntibandusha kwirinda no kwifata neza Bakund'ibibanezeza no gukor'ibyo bishakiye nkaniye." Ibikwiriy'Abakristo, abatizera bananirwa gukora, babyikirish'ibicumuro by'abandi batyo Ariko rero, ibyaha n ibicumuro by'abandi, nta uzabigir'urwitwazo ngw abyikirishe, kuk'umunt'Uwiteka yaduhayehw icyitegererezo atar'umunt'uyoba Umwana w'lmana utagir'inenge, ni we twahawehw icyitegererezo Abagay'Abakristo, ikibakwiriye, n'ukwitunganya no kwitonder'uko bifat' ubgabo, bataratungir'aband'urutoke Mbese, niba baz'urugero rw'Abakristo, uko rukwiriye kungana, icyaha cyabo ntigikabije kurutaho? Baz'ibitunganye, bakanga kubikora. {KY 15.1}

Ntimukaragirize kwihana! Ntimukarindire kuzarek ibyaha byany'ikindi gihe, no kwishakir'umutim'uboneye kubga Yesu Ngaho, ahw abantu ibihumbi byinshi bayobera, bakazimira buheriheri. {KY 15.2}

Ubu sinshaka kubarambira, mbatekererez'uk uku kubaho ari kugufi, n uko tutagutegeka, kuko musanzwe mubizi Ariko rero, icyo nshaka kubagaragariza, n'uko kuragiriza, no gutinda kwemera kūmvir'ijwi ry'Umwuka Wera w'lmana riduhendahendera guhitamo, ar akaga kabi gatey ubgoba, nubgo benshi batabizi. Akaha, nubgo twakwibgira kw ari gato, twakagundira, kāzadushyira mu kaga ko gupfa buheriheri. Icyaha tudatsinda kizadutsinda. kiturimbuze. {KY 15.3}

Adamu na Eva bibgiraga yukw ikintu gito nk'icyo kury' itunda ryabuzanijwe, kitazan'amakub'akomey'angana n'ay Imana yari yavuze. Ariko rero, ako kantu gato kar'ukwic'itegeko ry'lmana ryera ridahinduka, kandi ni ko katandukanij'lmana n'abantu. Ni ko kagomororey'isi yacu urugomero rw'urupfu n'ibyago byinshi bitavugwa. Mu miryango yos'ukw ikurikirana mw isi, hahora hazamukam'umubōrōgo mwinshi, watewe n'ubugome bg'umuntu. Kandi ibyaremwe byose bihora binihira hamwe, bikagir'ibise. Ndets' ubgo bugome, umuntu yagomey'lmana, bgakoze no kw ijuru. I Kalvari hasigay'ar'urwibutso rw'igitambo gihebuje Imana yatanze cyahongerew' ibicumuro byo kw itegeko ryera abantu bacumuye. Ntitukareb'icyaha, ngo tugisuzugure, ngo n'ikintu gito. {KY 16.1}

Igicumuro cyose mucumura, n'ubuntu bga Kristo mwirengagiza mugahinyura; ingaruka yaby' izabakoraho. Gukor'ibyo bibatera kwinangir'imitima, bigatum'ubgenge bugw'ikinya, ntibube bukibabazwa n'ibyaha. {KY 16.2}

Benshi bifata mu mugongo, bagahumuriz'imitima ibabaye, ngo bazava mu bibi igihe bishakiye. Bibgira yuko bashobora gukinish'imbabazi z'lmana, ngo ntizazibakuraho. Bibgira ko ni bamara guhinyur'Umwuka w'imbabazi, bagahitamo Satani, ngo ni babon'ishyano ribagwiriye, ni ho bazahinduka. Arikw ibyo ntibikunda kuboneka. Akamenyero ko mu bugingo, iyo kamaze kurem'imico, bikomerer'umuntu cyane ntabashe kwifuza gusa na Yesu. {KY 16.3}

Ndets'ingeso mb'imwe nsa, no kwifuza kubi kumwe, iyo bigundiriwe kera, birashyira bigahindur'ubus'imbaraga zose z'ubutumwa bgiza. Igicumuro cyos'umunt'agundiriye kimuter' umutima wo kurushaho kwang' Imana. Umuntu wang'ukuri kw'lmana yeruye, azasarur' ibyo yabibye. Muri Bibliya yose nta kuburir'abakinish'ibyaha, kurut'uk'umunyabgenge yavuze, ubgo yavugag'ati: "Umunyabibi azafatwa n'ibibi bye; kand'azakomezwa n'ingoyi y'icyaha eye." Imigani 5:22. {KY 16.4}

Kristo yiteguye kudukiz'ibyaha, ariko ntahata utabishaka: kandi nib'umutima wacu ushimikiriy'ibibi kuko twabigiz'akamenyero, tukanga gukizwa n'imbabazi za Kristo, yashobora gukora kindi ki? Tuzaba twiyahuye kuko twanz'urukundo rwe twihenuye. "Dore none n'igihe cyo kwemererwamo, dore none n'umunsi wo gukirizwamo." 2 Akaborinto 6:2. "Uyu munsi ni mwumv'ijwi ryayo, ntimwinangir' imitima yanyu." Abaheburayo 3:7, 8. {KY 16.5}

“Umunt’areb’ibigaragara, arik’ Uwiteka we, areba mu mutima.” 1 Samweli 16:7. Uwiteka areba mu mutima w’umuntu, ah’umunezero n’agahinda bikunda kubisikanira; uwo mutima utaguma hamwe, uyoba w’ikirara, icumbi ry’uburiganya bginshi n’ubuhenzi; Uwiteka az’iby’ utekereza, n’icy’ ugambiriye gukora cyose, n’uk’uzagenza. Nuko nimumusangan’umutima wanyu wanduy’uk’uri kwose. Mugenze nka Dawidi, mwugururir’amarembo yawo yose ijisho ry’ Ubona byose, muti: “Mana, ndondora, umeny’ibyo ntekereza. Urebe yuko harihw inzira y’ibib’ indimo, unshorere mu nzira y’iteka ryose.” Zaburi 139:23, 24. {KY 16.6}

Benshi b umutim’udatunganye bemer’idini bya nikize, bagir’ishusho yo kwubah Imana, kandi batabikuye ku mutima. Mwebgeho mujye musenga mutya, muti: Mana, undememw umutima wera, unsubizemw umutim’ukomeye. Zaburi 51:10. Mwe kwihend’ubgenge, mwe kurambirwa, ahubgo mushishikare nkuko mwabigenza mushaka gukiz’ubugingo bganyu Mwikira nure n’lmana mu mitima yanyu. Ni mwiringira mushidikanya muzarimbuka. {KY 16.7}

Nimujye mwig’liambo ry’lmana musenga, kukw ari ryo ribagaragariz ingingo zikomeye zo kwera zibonerwa mu mategeko y’lmana no mu kubaho kwa Kristo Umuntu yazibura, “ntazareb’lmana” Abaheburayo 12:14. ljambo ry’lmana ritwemez’ibyaha, ritugaragariza rwos’inzira y’ agakiza Muiye muryitaho ribaber’ijwi ry’lmana rivugana n’imitima yanyu. {KY 17.1}

Uko mubon’ ukw ibyaha bikabya n’uko mumeze, ntimugakuk’imitima, ngo mvi ebe. Abanyabyaha ni bo Kristo yazanywe no gukiza Sitwe twakwiyuzuza n’lmana, ahubgo—ni mwumv’ urukundo ruhebuje —Imana yari muri Kristo, “yiyuzuza n’abari mw isi.” 2 Abakorinto 5:19. Ihendahendesh’imitima y’abana bayo bayoby’urukundo rwayo rukomeye Nta mubyeyi wo mur’iyi si wakwihangamr’ibicumuro n’amafuti by abana be, nk’ukw Imana yihangamr’ab’ishaka gukiza Nta minwa y’abantu yarush’ Imana kwingingan’ ikirara urukundo. Amasezerano yayo yose, n’imiburo yayo, bikomoka ku rukundo rutangaje. {KY 17.2}

Satani n’aza kukubgira yuk’ur’umunyabya bitangaje, uhang’amaso Umucunguzi wawe, uvug’icy’akumariye Wemer’ibyaha byawe, arik’obgir’Umwanz’uti “Kristo Yesu yazanywe mw isi no gukiz’abanyabyaha. 1 Timoteyo 1:15. Kand’umubgire k’ubasha gukirishw’urukundo rwe rutangaje. {KY 17.3}

Har’ubgo yabajije Simoni iby’abantu babiri bari mw imyenda ya Shebuja Umwe yishyuzwaga bike, undi yishyuzwaga byinshi Shebuja ayibaharira bombi Nuko Yesu abaza Simoni uwarush’undi gukunda Shebuja uw ari we Simoni aramusubiz’ati “Uwo yababariye byinshi.” Luka 7:43. {KY 17.4}

Natwe twar’abanyabyaha bikabije, ariko Kristo yapfinye kugira ngo tubabarirwe Igitambo cye cyo kutwitambira kirahagije Kibasha kutwishyurir’umwenda wacu ku Mana Abo Kristo yababariye byinshi ni bo bazamukunda kurushaho Ni bo bazeger’intebe y’ubuntu bamushimir’igitambo gitangaje yabatambiwe lyo turushijeho kwumv’urukundo rw’ Imana,

ni ho turushaho kumeny’ububi bg’ibyaha lyo tubony uburebure bg umunyururu watumanukiyeho kudutabara, iyo dusobanukiwe ho hato iby igitambo cya Kristo kitagir’akagero, cyatambge kubgacu, ni h’umutima ushenjagurishw urukundo n’ishavu. {KY 17.5}

Umutwe 4—Kuvug’lbyaha

“Utwikir’ibyaha bye ntazagubga neza: arik’ubyatuy’akabireka, arababarirwa.” Imigani 28:13. Ibiter’ Imana kubabarira ntibiruhije, n’ibintu byoroshye, kandi birakwiriye. Uwiteka ntatubaz’amananiza ngo tubone kubabarirw’ibyaha. Ntidukwiriye gukubit’urugendo rurerure rw’agahanyu no kugw’ agacuho, cyangwa kwihotora kugira ngw Imana yo mw ijuru ikunde kutwitaho, cyangwa kwihongerer’ibicumuro byacu: ahubgo, uwatur’ibyaha bye, akabireka, ni w’ubabarirwa. {KY 18.1}

Intumwa Yakobo yaravuz’ati: “Mubgiran’ibyaha byanyu, musabirane kugira ngo mukire.” Yakobo 5:16. {KY 18.2}

Ibyaha byanyu mubibgir’lmana: ni yo yonyin’ibasha kubabababarira; kand’ ibicumuro mwagiriranye mubibgirane. Niba waracumuye kuri mugenzi wawe, cyangwa ku muturanyi, ukwiriye kwemer’igicumuro cyawe, kandi na w’akwiriye kukubabarira ataziganije. Maz’uherek’ushakashak’ imbabazi z’ Imana, kuko mugenzi waw’uwo wamucumuyeho ar’uw’ Imana, kand’ubgo wamugiriye nabi wacumuy’ lyamuremye, n’ Uwamcunguye. Urwo rubanza rugezw’ imbere y’Umuhuza, ari we Mutambyi wacu mukuru “wageragejw’ uburyo bgose nkatwe, keretse yukw atagiz’icyaha yakoze” ndetse “ababazwa n’intege nke zacu,” kand’abasha kudukiz’ikizinga cyose cy’ icyaha. {KY 18.3}

Abaticisha bugufimbere y’ Imana, ngo bemer’ibicumuro byabo, baba batarashyikir’ amendeze yo kwikiranura. Niba twarihanny’ ibyaha byacu, maze hanyuma tukicuz’icyaduteye kubyihana, tukigaya, tuba tutigeze gushaka kubabarirw’ibyaha by’ukuri. Niba tuticuza by’ukuri nta mahoro y’ Imana twabona. Impamv’imwe rukumbi yatuma tutababarirw’ibyaha twakoze, n’uko twakwanga kwicisha bugufi no gukurikiz’ ukw Ijambo ry’lmana rivuga, kukw ari ryo rigaragaza neza inzira nziza ya ngombga umuntu anyuramo yicuza. Kuvugir’ibyaha mu ruhame rw’abantu, cyangwa ku munt’ umwe, ukw’ari kwo kwose, gukwiriye kuva ku mutima, kutazinzitswe. Umunyabyaha ntakwiriye kuvug’ ibyaha bye ku gituna. Umuntu ntakwiriye gupfa kubikora atabyitayeho. Utazi kuzinukw’ibyaha icy’ari cyo, ntakwiriye kubihatirwa. Kwibur’ibyaha, ubikoz’ubikuye ku mutima koko, kukuber’inzir’ ikugeza ku Mana y’imbabazi zitagir’ akagero. Umunyezaburi yaravuz’ati: “Uwiteka aba hafi y’abafit’imitim’imenetse, kand’akiz’abafit’imitim’ishenjaguwe.” Zaburi 34:18. {KY 18.4}

Kwibura k’ukuri kurarombboreza, kukemer’ibyaha nkuko biri, ntigukikira. Harihw ibyaha byabgirw’ Imana gusa; harihw ibindi bikwiriye kubgirw’ababigiriwe. Nib’ar’ibyaha byakorewe ku mugaragaro, bikwiriye kuvugwa ku mugaragaro. Nyamara, kwibur’ibyaha kwose gukwiriye kwerura, ntigukikire, ikintu cyose kikavugwa nkuko kiri, icyaha cyose kikāturwa mw izina. {KY 18.5}

Mu gihe cya Samweli, Abisiraeli bimuy’ Imana, batezw’ ibyago ku mpamvu z’ibyaha; kuko bari baretse kwizer’ Imana, bari bayobewe guhitamw imbaraga yayo n’ubgenge bgo gutwar’ ubgoko bgabo Bari baretse kwiringir’ububasha bgayo bgo guhagarikira no kurenger’ibyabo

Baheraho banga Rurema, Umutware w'ibyaremwe byose, bashaka gutwarwa nk'ayandi moko yose yar'abakikije Batarabon'amahoro, babanje kwerura rwos'icyaha, bati: "Ku byaha byacu byose, twongeyehw icyo cyago, twats'umwami kudutwara." 1 Samweli 12:19. Icyo cyaha bari bakoze, ni cyo bari bakwiriye kwibura nyine Kutanyurwa kwabo kwabatway'umutima, kubatandukanya n'lmana. {KY 18.6}

Kwibur' ibyaha kudatewe n'agahinda kabyo, kandi kudaturutse ku kwihana nyakuri, ntikwemerwa n' Imana Ingeso zikwiriye guhinduk'ukundi rwose, ikibabaz' Imana cyose gikwiriye kurekwa Ngayo rero, amaherezo y'agahinda nyakuri ko kubabazwa n'ibyaha. Icyo dukwiriye gukor' ubgacu twarakigaragarijwe neza, ngo: "Nimwiyuhagire mwiboneze mukurehw ibyaha byo mu mirimo yanyu, biv'imbere yanjye, mureke gukora nabi Mwige gukora neza, mushak'imanza zitabera, mutabar'abarengana, mucir' imfuby'urubanza, muburanir'abapfakazi." Yesaya 1:16, 17. "Nib'umuntu w'inkozi y'ibibi agarur'ingwate, agasubiz'icyo yibye nyiracyo, akagendera mu mategeko y'ubugingo, adakor'ibibi, n'ukuri azabaho, ntazapfa." Ezekieli 33:15. Paulo avug'ibyo kwihana, ati: "Ntimuror'ako gahinda ko mu buryo bg' Imana, yuko kabatey'umwete mwinsh'utyo? Kandi no kwiregura, kandi no kurakara, kandi no gutinya, kandi n'urukumbuzi, kandi n'ishyaka, kandi no guhora? Muri byose mwiyerekane ko muboneye mur'ibyo." 2 Abakorinto 7:11. {KY 19.1}

ly'ibyaha bimaze kugush'umutim'ikinya, umuntu w'inkozi y'ibibi ab atakimenye kurobanur'ibigoramye byo mu ngeso ze, kandi ntamenye ukw ibib'akora bingana ly'atorohey'imbaraga y'Umwuka Wera, ngw imwemeze, asigar'arindagirira mu byaha bye Kwibura kwe ntikuba kuvuye ku mutima Icyaha yemeye cyose, acyongerahw icyo yikirisha Icy'ahaniwe, akavug'ati "Nagitewe n'ibi n'ibi." {KY 19.2}

Adamu na Eva bamaze kurya ku mbuto zabuzamjwe, bakozwe n'isoni, bafatwa n'ubgoba Icyo babanje gukora n'ugushak'icyo bikirisha cy'urwitwazo, ngo bakir'iteka ryo gupfa ritey'ubgoba Uwiteka ababajij' iby'icyaha bakoze, Adamu ahererez'icyaha cye ku Mana no ku mugore we, ati "Wa mugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya." Itangiriro 3:12, 13. Umugore na w'abiherereza ku nzok ati "Inzoka yanshukāshutse, ndazirya Kuki waremy'iyo nzoka? Kuki wayikundiye kuza mu murima wa Edeni? Ibyo ni byo bikirishije babigir'urwitwazo, ni ko guhererez'lmana hw ibyaha byabo Uwo mutima wo kwikiza, ukomoka kuri Se w'ibinyoma, uba muri ben Adamu bose Kwibur ibyaha ben ako kageni, ntigukomoka ku Mwuka w'lmana, kandi ntikwemerwa n Imana Kwihana by'ukuri bitum'umuntu yemer'ibicumuro bye, akabyemer'atihenda cyangwa kuryarya, akagenza nka wa mukoresha w ikoro, agatinya kūbur amaso, agataka ati: "AyT Mana! Mbabarira, nd'umunyabyaha Abemer' ibyaha bacumuye, bazatsindishirizwa, kuk umunyabyaha wihana, akemer' amaraso ya Yesu, amutsindishiriza. {KY 19.3}

Ibyitegererezo bimwe byo kwihana k ukuri byanditswe muri Bibliya. byerekan'umutima wo kwihana, uk'umeze, n'uko wemera kwicisha bugufi, ntugerageze gushak'ibyo kwikirisha, haba no kugerageza kwitsindishiriza. Paulo ntiyagerageje kwitsindishiriza, ahubgo yeruy'icyaha cye cyirabura tsi tsi uko cyakabaye. Ntarakagerageza gupfoby'ibibi bye, ahubgo yeruy'ati: "Nashyize abera benshi mu mazu y'imbohe, mpaw'ubutware n'abatambyi

bakuru; kand'uko babicaga, nemeraga ko babica. No mu masinagogi yose nabahanaga kenshi; nkabahata gutuka Yesu, kandi kuko nasazwaga cyane no kubarakarira, nkabarenganiriza no mu midugudu y'abanyamahanga." Ibyakozwe n'lntumwa 26:10, 11. Paulo ntarakagerageza kwigira shyashya. Dor'uko yavuz'ati: "Kristo yazanywe mw isi no gukiz'abanyabyaha, muri bo ni jye w'imbere." 1 Timoteyo 1:15. {KY 19.4}

Umutima wicisha bugufi, ushenjaguritse, ubitewe no kwihana by'ukuri, uzajy'ushim'urukundo rw'lmana, n'inshungu watangiriw'i Kalvari; kand'uk' umwana atagir'icy'ahisha Se umukunda, ni k'uwihannye ababaye by'ukuri, ashyīr'Imana ibyaha bye byose. Ndetse byanditswe ngo: "Ni tuvug'ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa, kand'ikiranuka; ibyo ni byo biyitera kutubabarir' ibyaha byacu, no kutwuhagira gukiranirwa kwose." 1 Yohana 1:9. {KY 20.1}

Umutwe 5—Kwitanga

Imana yaradusezeraniy'iti: "Muzanshaka, kandi muzambona, ni munshakan'umutima wose." Yeremiya 29:13. {KY 21.1}

Umutima wose ukwiriye kwegurirw'lmana Bitabaye bityo, guhinduka kwatuma dusa na yo ntikwatubonekamo Kubga kamere yacu twatandukanijwe n'lmana Umwuka Wera asobanur'uko tumez'ati "Mwishwe n'lbicumuro byanyu" (Abefeso 2:1); "murahwereye" (Yesaya 1:5, 6); "nta gisigaye kikiri kizima" (2 Timoteyo 2:26). Dukanagiriwe cyane mu mitego ya Satani, wadufashe mpiri, ukw ashatse Imana yo ishaka kudukiza no kutubohora Arik'ubgo kamere yac'igomba guhinduk'ukundi rwose no kugirwa nshya dukwiriye kuyiyegurira rwose. Kwirwanya no kwitsinda n'intambara irut' izindi zose zigeze kubaho Kwitanga no kwegurir'lmana byose, bigomb intambara, kand'umutim'ukwiriye kuyobok'lmana kugira ng'uhinduke mushya rwose were. {KY 21.2}

Ingoma y'lmana s'iy'ubuhake bg'abayoboke bameze nk'impumyi, batwazw' igitugu. {KY 21.3}

Ahubg'ingoma y'lmana ishimwa n'ubgenge n'umutima Uwiteka ararik'abo yaremy'ati: "Nimuze, dusīgāne" (Yesaya 1:18), Imana ntihat'abo yaremye ku gituna Ntiyemera ko twitāngan'icyubahiro kitavuye ku mutima ukunze, kandi kidatanganyw'ubgenge Kwemera ku gahato kwabuz'umuntu gukuz amajyambere Kwatum' amera nk'imashini igengwa n'abandi Uko si kw Imana Rurema ishaka Ahubg'ishaka k'umuntu ajya mbere, agashyikir' urugero rushyitse, kukw ari we mbonera mu byo yaremye Yadushyiz'imbere amahirw'atagir' ukw asa, ishaka kuyatugezaho, kubg'ubuntu bgayo Itugir' inama ngo tuyiyegurire, idukoreremw icy'ishaka Noneho, ni twe bisigariye Dukwiriye guhitamo kubohorw'ingoyi z'ibyaha, kugira ngo tubone gusangira n'abana b'lmana umudendez' utagir'impinduka. {KY 21.4}

lyo twiyeguriy'lmana, ni ngombga ko twitandukanya n'iby'isi byose Ni cyo cyatumy'ivug'iti: "Umuntu wese wo muri mwe, udasig'iby'afite byose, ntakwiriye kub'umwigishwa waniye" Luka 14:33. Ikintu cyose kidutesh' Imana gikwiriye kurekwa Ikigirwa — mana cya benshi ni Mamoni Cukund amafaranga, no kwifuz'ubutunzi, bimeze nk'umunyururu w'izahabu ubaboheye kuri Satani, Kwifuza kuratwa n'abandi no kugir'irari ry'icyubahiro cyo mw isi, biber'abandi ikigirwa-mana Ariko izo ngoyi zitugir ibiretwa, zikwiriye gucibga. {KY 21.5}

Ntitwabasha kwitang'igice, ngo tub'ab'lmana uruhande rumwe ng'urundi tub'ab'isi Ntitwab'abana b'lmana, keretse tubaye bo rwose Harihw abavuga ko bayobok'lmana, kandi bibgira ko bashobora gukomez'amategeko yayo kubg'imbaraga zab'ubgabo, no kubonez'ingeso zabo, no kuzakizwa kubg' umwete wabo Urukundo rwa Kristo ntirwashoy imizi mu mitima yabo, ngo rubakoreremo, ahubgo bagerageza gukor'imirimo y'Ubukristo, nk ahw iyo mirimo ari y'izabageza mw ijuru. Idini rimeze rityo nta kamaro, n ubusa! {KY 21.6}

Kristo n'aba mu mutima w'umuntu koko, ubugingo bg uwo muntu buzuzur'urukundo rwe, bunezerwe no gushyikirana na we, bgomatane na we; kand'ukw azajya amurangamira, aziyibagirwa. Urukundo akunda Kristo ni rwo ruzajya rumuyobora mu by'akora byose; akiyumvamo k urukundo rw' Imana rumuhāta, ntabaz'ubuke bg'iby' akwiriye gutanga ngw akizwe, ntabaz' urugero rwo hasi urw'ari rwo. Ahubg'agambirira gushyikir'urugero rushyitse rwagenwe n'Umucunguzi we. Ashishikarira cyane gushyikir'urwo rugero, bigatuma ahara byose. Kand'ukw arushaho gusobanukirwa n'uburebure bg'urwo rugero, ni na kw arushaho gushishikarira kurushyikira. Kwivuga k'ur'Umukristo, ntugir'urukundo rukomeye rungana rutyo, n'ugupfa kwivugira, n'umugenzo, no kurushywa n'ubusa. {KY 22.1}

Mbese, wiyumyamo ko kwiyegurira Kristo rwose, ar'ukwihotora kurenz' urugero? Wakwibaz'uti: "Kristo we se, yammariy'iki?" Umwana w'lmana yatanze byose —ubugingo bge, n'urukundo rwe, yemera no kubabazwa— kugira ngo dukire! Byashoboka bite ko twebge, abatari bakwiriy' urukundo rungana rutyo, ko tumwim'imitima yacu? {KY 22.2}

Nta mwanya wo mu kubaho kwac'uhita, tutabeshejweho n'amahirwe y'ubuntu bge, ni cyo gituma tutabasha kumeny'ubujiji n'ibyago twakijijwe uko bingana. Mbese twabasha guhang'amaso Uwacumisw'icumu, azir'ibyaha byacu, kandi tugahinyur'urwo rukundo ruhebuje n'ubgo bgihotore? Mbese turangamiy'Umwami wacu w'icyubahiro, wicishije bugufi cyane, twabasha dute kwivōvōtera kurwana no kwicisha bugufi dushak'ubugingo budashira? {KY 22.3}

Abantu benshi birata mu mitima yabo bakibaza bati: "N'iki cyatuma nibabaza, nkicisha bugufi, ntaramenya rwose kw Imana yanyemeye?" Ndabinginga nimuhange Kristo amaso. Nta cyaha yigez'akora, kandi nubgo yar'umutware w'ijuru, yigize nk'umunyabyaha kubg'abantu. "Yabaranywe n'abagome. Yishyirahw ibyaha by'abantu benshi, asabir'abamucumuye." Yesaya 53:12. {KY 22.4}

Ariko, twebgeho, iyo dutanze byose, tuba duhaz'iki? Nta kindi kerets' umutima uhumanijwe n'ibyaha, dushaka k'ubonezwa na Yesu, akawejesh' amaraso ye akawukirish'urukundo rwe ruhebuje. Nyamar'abantu bibgira ko biruhije guhara byose! Kubyumva ntyo binter'ishavu; ndetse mfit'isoni zo kubyandika. {KY 22.5}

Imana ntiyatubuza kurek'ikintu cyose, iyiba yar'izi ko cyatubera cyiza tukigumanye. Mu by'ikora byose, icy'ishaka n'ukw abana bayo bagubga neza. Icyampa abatahisemo Kristo bakameny'ibyiz'abafitiye birut'ibyo bishakir'ubgabo. {KY 22.6}

Umunt'ucish'ukubiri n'iby'lmana ishaka mu by'atekereza no mu by' akora, ab'arengany'umutima we awishe. Nta munezero nyakuri ubonekera mu nzira yabuzanijwe n'lmana. Ni y'iz'ibyiza, ikatugener'ibidukwiriye. Inzira y'ibyaha irimw amakuba no kurimbuka. {KY 22.7}

Kwibgira yukw Imana inezezwa n'imibabaro y'abana bayo, n'ukuyoba. Abo mw ijuru bose bifuriz'abantu kugubga neza. Umubyeyi wacu wo mw ijuru ntagomw umuntu n'umwe mu

baremwe inzira y'umunezero. Icy'lmana iduhamagarira gukora, n'uguter'umugongw ibyatuzanir'imibabaro no gucogora, bikatuvuts'umunezero n'i|uru Umucunguzi wab'isi yemer'abantu uko ban kose Ubukene bgabo, n'ubugoryi bgabo, n'intege nke zabo, ibyo byose abiturokoresh'amaraso ye, ariko, uretse n'ibyo, ahaza no kwifuza kw'abemera kumuhakwaho no kwikorer'umutwaro we Imigambi ye n'ukuruhur' abamusanga bose, bashak'umutsima w'ubugingo, no kubazamr'amahoro Icy'atubaza gusa n'ugukor'ibyagenewe kutuzamr'umunezero utagir'akagero, bitabasha kubonwa n'abatamwumvira. {KY 22.8}

Abantu benshi barabaza bati "Nabasha kwiyegurir'lmana nte?" Wenda wab'ushaka kwiyegurir'lmana, ariko kuk'ufit' intege nke mu mutima, ukab ur'imbata yo kutizera, ingeso za kamere zikubuza kwitandukanya n'ibyaha Amasezerano yawe n'imigambi yawe bimeze nk'uwakwend'umusenyi, akawubohamw umugozi. {KY 23.1}

Ntubasha gutegek'ibitekerezo byawe, n'lgishinja cyawe, n irari ryawe Uko wibuk'amasererano yose wishe, n'umuhigo utahiguye, bitum'ucik'intege, ukiheba: ukibgira yukw Imana itabasha kukwemera; ariko ntukwiriye kwiheba Icy'ukwiriye gusobanukirwaho n'imbaraga yo kwitegeka, ukw ingana, kukw ari yo mbaraga itegeka kamere yose y'umuntu, n'ububasha bgo guhitamo Byose bigengwa n'ubushake bg'umuntu Imana yahay'abant' umudendezo, wo guhitamo; bawuherewe kuwukoresha Ntiwabasha guhindur'umutima wawe, ntiwabasha kandi kwiter'irari ryo gukund'lmana; arikw icy'ubasha cyo, n'uguhitamo kuyiyoboka, ukemerer'lmana kuyobor'ububasha bgawe; kukw ari bg'izagukoreramo igasohorez'ubushake bgayo muri wowe Ni ho kamere yawe izitegekerwa n'Umwuka wa Kristo; akab'ari we ugirir'irari, ibitekerezo byawe kigahuza n'ibye. {KY 23.2}

Kwifuza kwera n'ibyiza, ariko rero iyo bigungiriy' aho, nta cyo bimara Benshi bazazimira nubgo bifuza no kwiringira ko bazab'Abakristo Ntibamasha kimwe, ngo begurir'lmana ubushake bgabo. Ntibahitamo kub Abakristo bamaramaje. {KY 23.3}

N'ugeng'ubushake bgawe, ukubaho kwawe kuzahinduk'ukundi rwose lyo weguriye Kristo ubushake bgawe, uba wifatanije n'ububasha burut'ubg ubutware bgose n'ingoma zose. Uzagir'imbaraga iva mw ijuru yo kugukomeza, maze kandi, uk'uzajya wiyegurir'lmana, ni k'uzaiy'ubashishwa kugir' ubugingo bushya, ari bgo bugingo bgo kwizera. {KY 23.4}

Umutwe 6—Kwizera no Kwemera

Kuk'umutima wawe wamaze gukangurwa n'Umwuka Wera, wakubis' amaso ibibi bimwe bizanwa n'ibyaha, n'iby'imbaraga zabyo, n'ishyano rizanwa na byo; maze wumv'ubizinutswe. Wumva yukw ibyaha byagutandukanije n'lmana, kandi k'ur'imbata y'ubutware bg'ibibi. Uk'urushaho kurwanira kubicikaho, ni na k'urushaho kumva ko binaniranye. Kwifuza kwawe kuranduye; umutima waw'urahumanye, ukabona k'ubugingo bgawe bgose bguzuyemw ibyaha no kwikanyiza. Wifuza cyane kubabarirwa, ng'ubonere, uvanwe mu bubata. Ariko se, ukwiriye kugir'ute kugira ng'ubone kūzūra n'lmana, use na yo? {KY 24.1}

Icy'ukwiriye kugira n'amahoro, — amahoro y'ijuru n'ihumure n'urukundo, byuzur'umutima. Ibyo ntibigurw'ifeza, ntibiboneshwa no kugir' ubgenge; nta bgo wakwitegaho kubyishyikiriza wow'ubgawe. Arikw Imana ishaka kubiguher'ubuntu, "ari nta feza, ari nta biguzi." Yesaya 55:1. Byab'ibyawe, urambuy'ukuboko, ukabyakira. {KY 24.2}

Uwiteka aravug'ati: "Nubg' ibyaha byawe byasa n'umuhemba, bizab' umweru nka shelegi: nubgo byatukura tuku tuku, bizahinduka nk'ubgoya." Yesaya 1:18. "Nzabah'umwuka mushya, kandi nzashyir'umwuka mushya muri mwe." Ezekieli 36:26. {KY 24.3}

Wamaze kwerur'ibyaha byawe, umutima wawe urabizinukwa. Wahisemo kwiyegurir'lmana. Noneho, yisange, uyisabe kubikūhagira, iguh'umutima mushya. Maze wizere kw ibikora byose, kuko yabisezeranye. {KY 24.4}

Yesu akiri mur'iyi si, yigishije kw ari ko dukwiriye kubigenza. Ubunt'lmana yadusezeraniye kw izatugirira, dukwiriye kwizera ko tububona, bukab'ubgacu. {KY 24.5}

Yesu yavurag'abant'indwara zabo, iyo bizeraga kw abibasha. Yabafashishaga kurora, agatuma bizera kw afit'imbaraga zo kubababarir'ibyaha. Yabyeruye rwos'ubg' akijij'ikirema, ati: "Mumenye yuk'umwana w'Umuntu afit'ubutware mw isi bgo kubabarir'abant'ibyaha, (ni ko kubgir'ikirem'ati:) byuka, wikorer'ingobyi yawe, utahe." Matayo 9:6. {KY 24.6}

Ni k'umubgiriza-butumwa Yohana avuga, adutekererez'iby'ibitangaza bya Kristo, ati: "Ibi byandikiwe kugira ngo mwizere, yuko Yesu ari Kristo, Umwana w'lmana; kandi ni mwizera ngo muheshw'ubugingo n'izina rye." Yohana 20:31. {KY 24.7}

Ibitekerezo bya Yesu byo muri Bibliya by'uko yavurag'abarwayi, bitwigish' uburyo bgo kwizera yukw abasha kubabarir'ibyaha byacu. Nimutyo tureb' igitekerezo cy'ikirema cy'i Betesida. Iyo mbabare ntiyagiraga shinge na rugero; yar'amaz'imyaka mirongw itatu na munani aremaye. Ariko Yesu aramutegek'ati: "Byuka, wikorer'uburiri bgawe, utambuke." Uwo murwayi yajyaga kubasha kuvuga ati: "Mwami n'umara kunkiza, ndakor'icy'uvuga." Ariko si ko yabigenje. Yizey'ijambo rya Kristo, yizera kw akijijwe, ashok' amwumvira Yemera kugerageza gutambuka; abon arabishoboye Yumviy itegeko rya Kristo, maz'lmana imuh imbaraga yo gutambuka. {KY 24.8}

Nawe nuko, ur umunyabyaha Ntiwabasha guhongerer iby aha wakoze Ntiwabasha guhindur'umutima wawe no kuwuboneza ngo were Ahubg' Imana yasezeranye yukw izabigukorera byose, kubga Kristo Wizere iryo sezerano Uvuge ibyaha byawe, wiyegurir'lmana Wifuze kuyikorera N'ukuri n'uramuk'ubigenj'utyo, Imana izagusohorezahw isezerano yasezeranije. {KY 25.1}

Ni wizer'isezerano, —ukizera yuko wababariwe, ukabonezwa —Imana izabigusohoreza Uzasanga wakijijwe koko, nkuko Kristo yahay'ikirem imbaraga yo kugenda, kimaze kwizera Nawe ni ko bizamera nta kabuza n ubyizera. {KY 25.2}

Ntukarindire kwiyumvamo ko wakijijwe, ahubg'uvug uti: "Ndizeye, ni ko biri, s'uko mbyiyumvamo, ahubgo n'ukw Imana yabisezeranye." {KY 25.3}

Yesu yaravuz'ati: "Ibyo musaba byose, muhendahenda, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona." (Mariko 11:24.) Harihw icyo tubazwa kugira ngw iryo sezerano risohore, — n'ugusaba dukurikij ubushake bg Imana. {KY 26.1}

Kuk'ubushake bgayo ar'ukutwuhagir'ibyaha, no kutuboneza, ni cyo gituma tubasha kwak'ayo mahirwe, tukizera ko tuyahawe, maze tugaherako tugashimir'lmana kuko yayaduhaye. N'ihirwe ryacu gusanga Yesu, kugira ngw atuboneze, ngo tubone guhagarar' imbere y'amategeko tudafit'ipfunwe, cyangw'umugayo, "Nuko rero, noneho, abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, badakurikij'ibya kamere, ahubgo bakurikij' iby'Umwuka." Abaroma 8:1. {KY 26.2}

Uherey'ubgo ntimuba mucyigenga; mwacungujw'igiciro, "Kuko muzi yukw atar'ibibora, ifeza cyangw' izahabu mwacungujwe, ... ahubgo mwacungujw'amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'Umwana w'lntama utagir' inenge cyangw'ibara, ni yo ya Kristo." 2 Petero 1:18, 19. Kuko wizey' Imana, ni cyo cyatumy'Umwuka Wera ashyir'ubugingo bushya mu mutima wawe. Umeze nk'umwana wavukiye mu nzu y Imana, kand'igukunda nkukw ikund'umwana wayo. {KY 26.3}

Noneho, ubgo wiyeguriye Yesu, ntugasubir'inyuma, ntukongere kumwimura, ahubg'iminsi yos'ujy'uvug'uti: "Nd'uwa Kristo; naramwiyeguriye." Umusabe kuguh'umwuka we, akurindish'imbabazi ze. Nkuko waheshejwe kub'Umwana w'lmana, n'uko wayiyeguriye, ukayizera, ab'ari k' uba muri yo. Intumwa Paulo yaravuz'ati: "Nkuko mwakiriye Kristo Yesu, Umwami wacu, ab'ari ko mugendera muri we." Abakolosayi 2:6. {KY 26.4}

Bamwe bibgira ko bakwiriye kubanza kugeragezwa, no kugaragariz' Uwiteka yuko bahindutse, ngo babone gushyikir'umugisha. Ariko nta cyababuza kuwuhabga ndetse n'ubu ngubu. {KY 26.5}

Icyakora, bagomb' ubuntu bg' Imana, n'Umwuka wa Kristo, kubatabara mu ntege nke zabo. Babibuze, ntibashobora gutsind'ibibi. Yesu akunda ko tumusanga uko turi, dufit' ibyaha n'intege nke, tutigenga. Dukundirwa kumusangan'intege nke zacu zose, n'ubupfapfa bgacu bgose, n'ibicumuro byacu byose, tukikubit'imbere y'ibirenge bye, tukamwitwaraho.

Yishimira kuduhobera n'amaboko y'urukundo rwe, no gupfuk'inguma zacu, no kutwuhagira gukiranirwa kwose. {KY 26.6}

Ngaha rero, ahw ibihumbi byinshi biyobera: ntibizera ko Yesu ababababarir' ubgabo, umw'umwe. Ntibizer'iby'lmana ivuga. N'ihirwe ry'abashyira-hamwe bose bakurikiz'ibikwiriye, kumenya yuko kubabarirwa kw'ibyaha kudatanganw'ubugūgu. Reka gukeka kw amasezerano y'lmana atar'ayawe. N'ay'umunyabyaha wese wihana. Imbaraga n'ubuntu bibonerwa muri Kristo, bizanirw' ūwizera wese, bizanwa n'abamaraika bakorer'abantu. Nta munyabyaha, n'umwe, nubgo yashayish'ubgahe, waburir'imbaraga, no kubonera, no gukiranuka muri Yesu, wadupfiriye. Ategereje kubambur'imyambaro y'ibizinga yandujwe n'ibyaha, ngw' abāmbik'ibishura byera, ari byo gukiranuka. Abingingira kubaho ngo badapfa. {KY 26.7}

Imana ntitugenza nkuko twebg'abantu bapfa, bagiriranа. Imbabazi, n' urukundo, n'ibambe rihebuje, ni by'itekereza. Iravug'iti: "Umuntu w'inkozi y'ibibi arek'inzira ye, n'ukiranirw'iby'atekereza: agarukir'Uwiteka, kand' azamubabarira, no ku Mana yacu, kukw izamubabarira rwose" "Ibicumuro byawe nabyeyuye nk'igicu." Yesaya 55:7; 44:22. {KY 26.8}

"Sinishimir'urupfu rw'ūpfa, ni k'Uwiteklmana ivuga nuko, uhindukir' ubeho." Ezekieli 18:32. Satani yiteguye kutunyag'amasezerano meza y'lmana Yifuza gutsemba kwinngira kwose, n'akambi kose k'umucyo karabagiranira mu mutima, ariko ntukamukundire, kw agenz'atyo Ntugateger' amatwi kwūmv'icy'umushukany'avuga, ahubg'ujy'uvug'uti "Yesu yapfiriye kugira ngo mbon'ubugingo Arankunda, nta bg'ashaka ko mpfa Mfit' Umuremyi mw ijuru, n'umunyampuhwe Kandi, nubgo nahinyuy urukundo rwe, ngapfush'ubus' umugisha yamperey'ubuntu, ndahagaruka njye kwa Data, mmubgire nit Nacumuy'lyo mw ijuru, no mu maso yawe, ntibinkwi nye kwitw' umwana wawe mpaka mbe nk'umugaragu wawe. {KY 27.1}

Umugani w'Umwana w'ikirara utubgir'uko cyākiriwe ngo "Akiri kure, se aramureba, aramubabarira, arirukanka, aramuhobera, aramusoma cyane." Luka 15:18. {KY 27.2}

Uwo mugani, nubg' uter'agahinda n'imbabazi, ntubasha guc'akagero impuhwe za Data wa Twese, uri mw ijuru Uwiteka yavugiye mu muhanuzi, ati: "Nagukunz'urukundo rudashira ni cyo cyatumye nkwiyegeresha kugira neza." Yeremiya 31:3. Umunyabyaha akiri kure y'urugo rwa se, akayir ibintu bye mu gihugu cya kure, umutima wa Se uramukumbura, urukumbuzi ruza mu mutima rumureherez'lmana Uko ni ko Umwuka Wera areshy'u umunyabyaha, amutotera guhabuka. {KY 27.3}

Mbese wabash'ute gushidikanya, kand'ufit'amasezerano meza ya Bibliya imbere yawe? Mbese wakwibgira yuk'umunyabyaha, wituza kugaruka, akifuza gucika ku byaha, Uwiteka yamubazany'uburakari n igitsure, ngw amwegere yihane? Reka gutekerez' utyo! Nta cyakwic'umutima nko gutekerez'Umuremyi wo mw ijuru utyo Icyakora yang'ibyah urunuka, arikw akund'umunyabyaha Ni ko gutang'Umwana we mu kigwi cye, kugira ngw abashaka bose bakire, baboner'umugisha w'Uwiteka mu bgami bg'icyubahiro. {KY 27.4}

Imana yaravuz'iti "Mbes'umugore yabasha kwibagirw'umwana yonsa? Ntagirir'umwana we yabyay'ubguzu' Yee, yamwibagirwa, ariko jyeweho sinakwibagirwa " Yesaya 49:15. Mbes'amagambo yakwerur'urukundo rw' Imana kurush'ayo yivugiye n'ayahe? {KY 27.5}

Ubūr'amaso, munt'ushidikanya, ugatengurwa we, kuko Yesu abereyeho kudusabira Uiy'ushimir'lmana ubuntu bg'Umwana wayo mwiza, kand' ujy' usaba kugira ngw ataba yaragupfiririy'ubusa Sangana Yesu umutima wawe wose, ni h'ubasha gushyikir'umugisha we. {KY 27.6}

Uk'uiy'usom'amasezerano, ab'ari na k'ujya wibuka yukw akomoka ku rukundo n impuhwe zitagir'icyo twazigeraho. {KY 27.7}

Umutima Mwiza wa Rukundo rutagir akagero wiyegereshej abanyabyaha imbabazi zitarondoreka "Ni we waduhesheje gucungurwa n amaraso ye. ni ko kubabarirw ibicumuro byacu." Abefeso 1:7. {KY 27.8}

Nuko rero, izere kw Imana ari y'igutasha Ishaka k usubira kugir'ishusho yayo Uk' uyegera, uvug ibyaha byawe, no kwihana, ni kw izakwegeran' imbabazi n'ibambe. {KY 27.9}

Umutwe 7—Urugero rw'Ubuyoboke

"Umuntu wes'iy'ari muri Kristo, ab'icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya." 2 Abakorinto 5:17. {KY 28.1}

Ahar'umuntu ntiyabasha gushing'impamvu zose z'imyihanire ye, ngw avug'igihe cyangw'ahantu byabereye. Kristo yabgiye Nikodemu ati: "Umuyag'uhuh'ah'ushaka. Wumva guhuha kwawo, ariko ntumeny'ah'uva cyangw' uh'ujya. Ni kw amer'ubyawe n'umwuka wese." Yohana 3:8. Nkuk'umuyag' utaboneka, arikw iby'ukora bikaboneka, kandi bikumvikana, ni k'umwuka w'lmana umeze mu mirimo yawo mu mitima y'abantu. Ni wo mbaraga ihembura, itabonwa n' ijisho ry'umuntu, ibyar'ubugingo bushya mu mutima w'umuntu, ikarem'umuntu mushya, afit'ishusho y'lmana. {KY 28.2}

Nubg'umurimo w'umwuka utabasha kūmvwa, cyangwa kubonwa, amaherezo yawo ntabura kugaragara. {KY 28.3}

ly'umutim'uhinduwe mushya n'Umwuka w'lmana, kubaho k'uwo muntu kurabihamya Nubgo tutabasha kugir'icyo dukor'ubgacu, ngo duhindur'imitima yacu, cyangwa kwiyuzuza n'lmana, nubgo tudakwiriye guteg'amakiriro ku mirimo myiza, ukubaho kwacu kwagaragaza k'ubuntu bg'lmana buri muri twe Byadutera gucika ku ngeso, n'ibyo turirimira Cuhabana kwabyo kwagaragara rwose, ukameny'uko byari biri mbere, n'uko bir'ubu Imico ntigaragazwa n'imirimo myiza, cyangw'imibi dukora rimwe na rimwe, ahubg' igaragazwa n'ibyo twamenyereye gukora iteka. {KY 29.1}

Koko, hab'ubgo twagir'mgeso nziza zigaragara, zitazanywe n'imbaraga ya Kristo Iran ry'icyubahiro, no gushaka kurātwa n'abandi, hab' ubgo bibasha gutuma tugir'ukubaho kuboneye, Kwiyubaha kwashobora gutum'umuntu yigengesera ngw adasa n'ūkor'ibibi. Haba n'ubgo umutima wikanyiza ugir' ubuntu None se, ubgo bibaye bityo twabgirwa n'iki uruhande turimo? {KY 29.2}

Umutima wacu ufitwe na nde? Ibitekerezo byacu byo se bifitwe na nde? Se, uwo dukunda kuganira ni nde? Uwo dufitiy'irari n'ubguzu ni nde? Ni tub' abantu ba Kristo, ibitekerezo byacu bizamuhoraho Kandi ni we tuzarushaho gutekerezany'urukundo Uko turi kose, n'ibyo dutunze byose, tuzabimwegurira Tuzifuza rwose kugir'ishusho ye no guhumek'umwuka we, no kumushimishish'ibyo dukora byose. {KY 29.3}

Abahinduk 'ibyaremwe bishya muri Kristo Yesu bazer'imbuto z'Umwuka, ari zo "urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugiraneza, ubgiza, gukiranuka, kugwaneza, kwirinda." Abagalatiya 5:22, 23. {KY 29.4}

Ibyifuzwa bya kera ntibiba bikibaber'amendeze yo gukor'ibibi, ahubgo bazakurikiz'Umwana w'lmana kubgo kwizera, bTgan'imico ye, no kwibonez ukw aboneye Ibyo bangaga kera, noneho babikunde, kand'ibyo bakundaga kera, nonehw ab'ari byo banga Ūwīrārīrāga, akishyir'imbere, nonehw azab umugwaneza, wicisha bugufi mu mutima. Umupfayongo n'umunyagasuzuguro, noneho bahinduk'abantu bitonda, batībona. Abasinzi

bakir’ubusinzi, n’ibihomora bibonere. Imigenzo y’amaniwe, n’akamenyero k’ab’isi birekwe Abakristo ntibazongera gushak’umurimbo, ahubgo bazashaka, ’ uw’imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utabora w’umwuka, ufit’ubugwaneza, n’amahoro.” 1 Petero 3:3, 4. {KY 29.5}

Nta kimenyetso cyerekana yuk’umuntu yihannye by’ukuri, keretse iy’ahinduts’ukundi. Umunyabyah’ iy’agaruy’ingwate, akarih’ ibyo yibye, akātur’ ibyaha bye, akabyerura, agakund’lmana n’abantu, amenye rwose kw avuye mu rupfu, ageze mu bugingo. {KY 29.6}

Iyo twebge, abayobye b’inkozi z’ibibi, dusanze Kristo tukemer imbabazi ze zikiza, ni h’urukundo rutangira gushor’imizi mu mitima yacu Umutwaro wos’ukoroha, kuk’umutwaro Kristo adukorera woroshye Tunezezwa n’imirimo yacu; ndetse tugashimishwa no kugir’ibyo twigomwa kubgo guhinduk Abakristo Inzira yanyuraga mu mwijima, igahindurw’ umucyo na Zuba ryo gukiranuka. {KY 29.7}

Igikundiro cy’imico ya Kristo kizagaragarira no mu bayoboke be Yanezezwaga no gukor’iby’lmana ishaka Ibyayoborag’Umukiza wacu mu kubaho kwe, byar’urukundo yakundaga Imana, n’ishyaka yayigiriraga ryo kuyogeza Urukundo ni rwo rwatumag’ ibyo yakoraga byose bibonera Urukundo rukomoka ku Mana. Urukundo ntiruboneka mu mutim’utihannye. Ruboneka mu mutima utuwemo na Yesu gusa. “Dukundane, kukw ari yo yabanje kudukunda.” 1 Yohana 4:19. ly’umutim’uhinduwe mushya n’ubuntu bg’lmana, urukundo ni rwo rub’amendeze yo gukora neza. Ruhindur ingeso, rutegek’uburara nTrari, n’igishinja, rucuby’urwangano. Urwo rukundo, iyo rutunzwe mu mutima, rugusha neza kubaho k’umuntu, rwitondesh abaturanyi. {KY 29.8}

Harih’ubuyobe bubiri abana b’lmana bakwiriye kwirinda—cyane cyane abatangiye vuba kwiringir’imbabazi zayo. Ubuyobe bumwe bgamaze kuvugwa, n’ukwiringir’imirimo yabo, no kwiringira ko har’icyo bakor’ubgabo, cyatuma basābāna n’lmana. {KY 30.1}

Umunt’ugerageza kwiboneresh’imirimo ye akora yo gukomez’amategeko, ageragez’ikidashoboka. Icy’umuntu yakora cyose adafite Kristo, cyakwanduzwa no kwikanyiza n’ibyaha. Ubuntu bga Kristo bgonyine, ni bgo bubasha kutuboneza kubgo kwizera. {KY 30.2}

Ubuyobe bga kabiri ntibuhuye n’ubgo. N’ukwibgira yukw iy’umuntu yizeye Kristo, bimukuraho gukomez’amategeko y’lmana; ngo kwizera kwonyine ni kwo kudutera kugabirw’ ubuntu bga Kristo, kandi ngw imirimo yacu ntigir’ihuriro no gucungurwa kwacu. {KY 30.3}

Nyamara mumenye yuko kūmvir’lmana atar’ugusohoz’ibigaragara gusa. Ahubgo n’ukuyikoran’urukundo. Amategeko y’lmana ayigaragaz’ukw iri, ni yo shingiro ry’urukundo; ni cyo gituma ari yo rufatiro rw’ingoma yayo mw ijuru no mw isi. ly’imitimayac’ihindutse mishya, igahuza n’iby’lmana ishaka, kand’ iy’urukundo rwayo rwashoy’imizi mu mitima yacu, se twabuzwa n’iki gukomez’amategeko yayo? ly’ishingiro ry’urukundo rimaze gushor’imizi mu mutima, umuntu na w’amaza guhinduka mushya, afit’

ishusho y’lyamuremye, ni hw ibyasezeranijwe by’isezerano rishya bisohora, ari by’ibi, ngo: “Nzashyir’amategeko yanjye mu mitima yabo, kandi mu bgenge bgabo ni ho nzayandika.” Abaheburayo 10:16. {KY 30.4}

Mbes’amategeko yaba yanditswe mu mitima, ntiyahindur’ubugingo? Kumvira, ari kwo gusohoz’iby’urukundo —n’ikimenyetso cy’ukuri cy’ubuyoboke. Ni cyo gitum’ibyanditswe bivuga biti: “Gukund’lmana n’uku, ar’uko twitonder’amategeko yayo.” “Uvuga kw amuzi, ntiyitonder’amategeko ye, n’umubeshyi, ukuri ntikuri muri we.” 1 Yohana 5:3; 2:4. {KY 30.5}

Kumvira kwacu, si ko gutuma duhabg’agakiza; kukw agakiza ar’ubuntu tugirirwa n’lmana, ahubgo tugaheshwa no kwizera. Ariko rero, kumvira ko, n’imbuto yo kwizera. “Muzi yuk’ umuntu wes’uguma muri Kristo ntakor’ ibyaha; umunt’ukor’ibyaha ntiyamubonye, kandi ntiyamumenye.” 1 Yohana 3:5, 6. {KY 30.6}

Uru ni rwo rugero rw’ukuri. Ni tuguma muri Kristo, urukundo rw’lmana rukaguma muri twe, uko twiyumva, n’uko dutekereza, n’ibyo tugambiriye, n’ibyo dukora byose, bizaba bihuje n’iby’lmana ishaka, uko bivugirwa mu mategeko yayo yera, ngo: “Bana bato, ntihakagir’ubayobya; ukiranuka, ni we mukiranutsi, nkūk’ūw’ar’umukiranutsi.” 1 Yohana 3:7. Gukiranuka kugereshw’amategeko yera y’lmana, uko yavugiwe mu mategeko cumi yatangiwe kuri Sinai. {KY 30.7}

Kwizera Kristo kw izina ar’urumamo gusa, gukur’abantu ku kumvir’lmana s’ukwizera, ahubgo n’ukwishuka “Ubuntu ni bgo bgabakijije, kuko mwīzeye” Abefeso 2:8. “Ariko kwizera kutagir’imirimo kuri kwonyine, kuba gupfuye ” Yakobo 2:17. Yesu ataraza mw isi, yarivugiy’ati: “Mana yanjye, nishimira gukor’iby’ukunda, ni koko amategeko yawe ari mu mutima waniye.” Zaburi 40:8. Kand’agiye gusubira mw ijuru yaravuz’ ati: “... Nitondey’amategeko ya Data, nkaguma mu rukundo rwe.” Yohana 15:10. Ibyanditswe bivuga ngo: “Iki ni cyo kitumenyesha yuko tumuzi, n’uko twitonder’amategeko ye.... Uvuga kw ahora muri we, akwiriye na we kugenda nkuk’uwo yagendaga.” 1 Yohana 2:3-6. “Kristo yabababarijwe, akabasigir’icyitegererezo, kugira ngo muger’ikirenge mu cye.” 1 Petero 2:21. {KY 31.1}

Ikiduhesh’ubugingo budashira ubu, ni kimwe, nkuko byahoze kera kwose, nkuko mbese byari biri muri Paradiso, ababyeyi bacu bataragwa, —n’ukūmvira amategeko y’lmana rwose, no gukiranuka rwose lyab ubugingo budashira bgaboneshwag’urugero ruri munsi y’urwo, amahoro y’ibyaremwe byose, yaba mu kaga. Ibyaha byabon’inzira, hagakurikirahw ibyago byose bikururwa na byo, bigahorahw iteka. {KY 31.2}

Byashobokerag’Adamu, ataragwa, gutungish’mgeso ze zera kwūmvir’amategeko y’lmana Ariko kuko yananiwe kugenz’atyo, byatumy’icyaha cye kidukongēra, gikom’ingeso zacu mu nkokora, bituma tutakibasha gutungish imitima yacu kūmvir’amategeko y’lmana kwonyine Kuko tur’abanyabyaha, twanduye ntitubasha kwumvir’amategeko bymonosoye Nta gukiranuka kwacu dufite kwatuma dushyikir’urugero rwo gukomez’amategeko y’lmana Ariko Yesu yaduciriy’icyanzu cyo gukira Yabaye mw isi, arageragezwa, kand’ababazwa

nka twe. Mu kubaho kwe ntiyigez'akor'ibyaha Yaradupfiriye, non'ubu yemera gutwar'ibyaha byacu, no kuduha gukiranuka kwe N'umwiyegurira, ukemera kw akuber'Umukiza, azaguhindur'umukiranutsi, n'aho waba waragiza kubaho kwandujwe n'ibyaha byinshi Imico ya Kristo ibarwa mu kigwi cy'imico yawe, Imana ikakwemera nk'ah'utigez'ukor icyaha. {KY 31.3}

Ibirutaho kandi n'uko Kristo ahindur'umutima. Aba mu mutima wawe kubgo kwizera Ukwiriye guhor'ugir'umushyikirano na Kristo, kubgo kwizera, no kujy'umwegurir'umutima waw'iminsi yose, kandi n'ugenz'utyo, azajy' agutera gukor'ibihuye n'ubushake bge. Ni bg'uzabasha kuvug'uti Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w Imana, wankunze, akanyitangira." Abagalatiya 2:20. Uku ni ko Yesu yabgiy' abigishwa be ati: "Si mwe muzaba muvuga ahubgo n umwuka wa So uzabavugisha" Matayo 10:20. Maz'uko Kristo azajy'akorera muri wowe, uzamwigana, ugir'umutima uhwanye n'uwe, kand'ukor'imirimo ajyakora,— ari yo mirimo yo gukiranuka no kumvira. {KY 31.4}

Noneho nta cyo dufite muri twe twakwiratana Nta mpamvu dufite yo kwishyira hejuru. Icyo dufite gusa cyo kwiringirwa, n ugukiranuka kwa Kristo, aduha kubg'Umwuka we udukoreramo. {KY 31.5}

Ni tuganir'ibyo kwizera, harihw itandukaniro dukwiriye kugaragaza Hariho kwizera k'uburyo bumwe, kutagir'isano no kwizera nyakuri Kwizera kw Imana ibaho, kandi kw ifit'imbaraga, no kwizera yukw Ijambo ryayo ar'ukuri; ntibigir'ubihakana, ndetse na Satani n'ingabo ze ntibababasha kubihakana. Bibliya ivuga ngo: "Abadaimoni na bo barabyemera, bagahind umushitsi." Yakoba 2:19. Arikw ibyo s'ukwizera nyakuri. Kwizera nyakuri, ahubgo, n'ukwizera Ijambo ry'lmana, ugakubitiraho no kuryumvira. ly' umutima uyiyeguriye, no kuyigirir'irari, ub'uyizeye by ukuri. Kwizera k ukuri gukomoka ku rukundo, no ku mutim' uboneye. Kwizera nk ukwo ni ko guhindur'umutima mushya, ukagir'ishusho y'lmana. Umutim umez utyo, nubgo wajyag'ugandir'amategeko y'lmana, noneho wanezezwa n'ibyategetswe byera, ukavuga nka Dawidi, uti: "Amategeko yawe nyakund'ubu bugeni! Ni yo nibgira umuns'ukira." Zaburi 119:97. Gukiranuka kw'amategeko gusohorezwa muri twe, "abatakurikij'ibya kamera, ahubgo bakurikiz' iby'Umwuka." Abaroma 8:4. {KY 31.6}

Harihw abigeze kumeny'urukundo rubabarira rwa Kristo, kandi bakifuza kub'abana b'lmana rwose, ariko bakamenya kw imico yab'itaboneye, n'ubugingo bgabo budatunganye, bigatuma batangira gushidikanya yukw' ahari imitima yab'itahinduwe n'Umwuka Wera. Abo ni bo mbgira nti: "Ntugasubir' inyuma, wihebye." Tuzajya dupfukama kenshi, turirira ku birenge bya Yesu kubg'ibicumuro byacu n'amafuti dukora; ariko ntidukwiriye gukuk'imitima. Naho twatsindwa n'umwanzi, ntituba duciwe, ntituba twahazwe no gutabga n'lmana. Reka da! Kristo ur'i buryo bg'lmana, aradusabira. Yohana ukundwa yaravuz'ati: "Mbandikiy'ibyo kugira ngo mudakor'ibyaha. Kandi ni hagir' umunt'ukor'icyaha, dufit'umurengezi kuri Data wa Twese, ni Yesu Kristo ukiranuka." 1 Yohana 2:1. Maze kandi ntimukibagirw'amagambo ya Kristo, ubgo yavugag'ati: "Data na

w'abakunda ubge." Yohana 16:27. Ashaka kwongera kubagir'abe, ashaka ko kubonera kwe no kwera kwe bigaragara muri mwe. Noneho ni mumwiyegurira, uwo watangiy'umurimo mwiza muri mwe azakomeza kuwukora, ntazahwema, ageze ku munsi wa Kristo Yesu. Nimujye mushishikarira gusaba kurushaho; murusheho kwizera rwose. Ni tuger'aho tutacyiyiringira, tuzajya twiringir'ububasha bg'Umucunguzi wacu, tubone guhimbaz'utuberey'amakiriro y'ubugingo bgacu. {KY 32.1}

Uk'urushaho kwegera Yesu, ni k'uzajy'usanga yuk'urushaho kuba mubi mu maso yawe; kuk'urushaho kubona neza, bigatum'ibidatunganye byawe birushaho kugaragara cyane, bitagir'ihuriro n'ingeso za Yesu. Ibyo ni bimera bityo, bizaba bigaragaza yuko Satani azab'atakigufiteh'urutabi. Bizaba bigaragaza kandi yukw imbaraga y'Umwuka Wera ihembura izab'igukanguye. Nta bg'urukundo rwa Yesu rwabaye kamere mu mutima wigira shyashya. Umutima wahinduwe n'ubuntu bga Kristo uzajy'ushima cyan'ingeso ze zikomoka mw ijuru; ariko rero niba tutiyizih' ubugoryi, tubasha kumenya tudashidikanya, yukw ari nta bgo twigeze kurabukw'ubgiza no gukiranuka kwa Kristo. {KY 32.2}

Uko tuzajya tugabany'umwirato wacu, ni ko tuzajya turata Kristo. Ni twibonahw ibibi, bizadutera gusang'Ubasha kubabarira; maze kand'umunt' usobanukirwa n'intege nke ze, agasingira Kristo, azamuhishurir'imbaraga ye. Ni turushaho kumushaka, no gushak'ljambo ry'lmana, ni ho tuzarushaho kwogez'ingeso ze, no kugir'ishusho ye irabagiranira muri twe. {KY 32.3}

Umutwe 8—Gukurira muri Kristo

Guhinduka k'umutima gutuma tub'abana b'lmana, muri Bibliya kwitwa "kubyarwa ubga kabiri." Maze kandi, kugereranywa n'imbut' umuhinz' atera, zikamera, Abacyihana ngo bumvire Kristo, bameze nk'impinja, bakwiriye gukura, ngo bab'abagabo n'abagore bahamye Cyangwa se bameze nk' imbuto nziza zabibge mu murima, bakwiriye gukura no kwer'imbuto Yesaya yavuze ko bazitwa "ibiti byo gukiranuka, iby'Uwiteka yateye, kugira ngo yogezwe." Yesaya 61:3. Ibyo n'ibyitegererezo bitwerek'uburyo tubasha gusobanukirwa n'iby'Umwuka bitagaragara, turebeye ku bigaragara dusanganywe. {KY 33.1}

Nubgo twagir'ubgenge bgahe, n'ubuhanga, ntitwabasha kurem'akantu na kanzinya gafit'ubugingo Ubugingo Imana yatanze ni bgo bgonyme buh imbuto cyangw'ibizima kubaho. Uko ni k'ubugingo bukomoka ku Mana bubyarira mu mitima y'abantu ubugingo bg'Umuwuka Umuntu "utabyawe n'umwuka ntabasha guhabga ku bugingo Kristo yazanye." Yohana 3:3. {KY 33.2}

Uk'ubugingo bumera, ni ko no gukura kumera Imana ni y'itum'umugengararo ubyara, n'ururabyo rwer'imbuto. Imbaraga yayo ni y'ih'imbuto kugondora, "habanz'akatsi, maz'umugengararo, hanyuma zikab'amahundo, afit'imbuto." Mariko 4:28. Umuhanuzi Hosea we, avuga kw ab'lsiraeli bazakura nk'amasaka, ati: "Bazashibuka nk'amasaka, bakure nk'umuzabibu." Hosea 14:5, 7. Kandi Yesu atugir'inama ati: "Mutekerez'uburabyo uko bumera." Luka 12:27. Uburabyo n'ibindi ntibipfa kumera bibyihaye, ahubgo bimera kukw Imana yabihaye ubugingo Umwana ntabasha kwiha gukur'ukw abishaka Namwe nuko, ntimubasha kwiha gukura mu by'Umwuka, kubg' umwete wanyu Ar imbuto, cyangw'umwana, bikuzwa n ibibikikije, bibigaburira, — ari byo umwuka, n'izuba, n'ibyo kurya Uk'ubgo buntu bg'lmana bumerer'ibizima n'imbuto, ni ko na Kristo amerera abamwiringira Ni we "Mucyo wabo w'iteka," "ni we zuba ryabo n'ingabo yabo." Yesaya 60:19, Zaburi 84:11. Azamera nka "ikime ku Bisiraeli," "n'imvura ku bgatsi buciwe." Hosea 14:5; Zaburi 72:6. Ni we mazi y'ubugingo, umutsima w'lmana .. umanuka mw ijuru, ugah'abari mw is' ubugingo Yohana 6:33. {KY 33.3}

Kubg'ubuntu butagir'akagero bg'Umwana Wayo yazengurukij' isi imbabazi, nk'ukw izengutswe n'umwuka Abahisemo bose guhumek'izo mbabazi bazabaho, kandi bagakura, bashyikir'urugero rw'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu. {KY 33.4}

Uk'uburabyo bgereker'izuba, kugira ngw imyambi yaryo ibufashe kuba bgiza no gutungana, ni ko dukwiriye kwerekera Zuba Ryo Gukiranuka, kugira ng'umucyo wo mw ijuru utuvire, ngw ingeso zacu zibone kumera nk'iza Kristo. {KY 33.5}

Icyo ni cyo yigishij'ubgo yavugaga ati: "Mugume muri jye, nanjye ngume muri mwe. Nkukw ishami ritabasha kwera imbuto, ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha ni mutaguma muri jye ... kukw ari nta cyo mubasha gukora mutamfite." Yohana 15:4, 5. Ukw ishami rigomb'igiti, ngo rikure, no kwer'imbuto, namwe nuko ni ko mugomba Kristo ni mushaka kugir'ubugingo bgera. Mutandukanijwe na we, nta bugingo mwagira. Ubganyu

nta mbaraga bgite mufite yo kurwany'ibishuko cyangwa se gukurira mu buntu no kwera. Ni muguma muri we, ni ho muzatungana. ly'ubugingo bganyu bumukomotsemo, ntimwuma ngo murumbe. Muzahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi. {KY 33.6}

Benshi bibgira yuko harihw ibyo bakwiriye gukor'ubgabo. Biringiye Kristo kubababarir'ibyaha, bakubitiraho kugeragez'ubgabo kugir'ubugingo buboneye. Nta wabigenz'atyo wabura kunanirwa. Yesu yaravuz'ati: "Nta cyo mubasha gukora mutamfite." Ibyacu byose, —ar'ugukurira mu buntu, cyangw' umunezero wacu, cyangw'akamaro kacu, —byos'uko bingana tubikesha kubana na Kristo. {KY 34.1}

Igituma dukurira mu buntu, n'ukubana na Yesu iminsi yose, no kuguma muri we. Ni we Banze ryo kwizera kwacu, kandi ni na w'ugusohoza. Kristo ni we Tangiriro, kandi ni we Herezo, ni w'uhorahw iteka ryose. Akwiriye kubana natwe, si mw itangira ry' urugendo, cyangwa mw iherezo ryarwo gusa, ahubgo tumukwiriye mu ntambge yose dutambuka. Dawidi yaravuz'ati: "Nshyiz' Uwiteka imbere yanjy'iteka. Kukw ar'i buryo bganjye, sinzanyeganyezwa." Zaburi 16:8. {KY 34.2}

Murabaza muti "Naguma nte muri Kristo?" — Igisubizo n'iki ngo "Nkuko mwakiriye Yesu Kristo Umwami wacu ab'ari ko mugendera muri we." "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." Abakolosayi 2:6, Abaheburayo 10:38. Mwiyegurir'lmana ngo mub'abayo rwose, muyikorere, muyumvire, kuko Kristo mwamugiz'Umukiza wanyu. Ubganyu ntimwabasha guhongerer' ibyaha byanyu, cyangwa guhindur'imitima yanyu, ariko noneho ubgo mwiyeguriy'lmana, mwizera ko yabibakoreye kubga Yesu Kristo Kwizera ni kwo kwabahesheje kub'abantu ba Kristo, kandi kwizera ni ko gutuma mukurira muri we. Mukwiriye gutanga byose, —ari byo mutima wanyu, n'ubgenge bganyu, n'ubushake bganyu, —mukitangira kuyumvira muby'ibā ka byose, maze kandi mukwiriye no kwakira Kristo, Nyir'imigisha yose, ngw agume mu mitima yanyu, ab'imbaraga yanyu, abe no gukiranuka kwanyu, n'umufasha wany'itek'iteka, abah'imbaraga yo kumwumvira. {KY 35.1}

Muiye mwiyegurir'lmana uko bukeye; ab'ari byo mugira nyambere mu gitondo, mutarakor'ibindi byose Mujye musenga muti "Nyagasani nyakir' ungir'uwawe rwose Inama zanjye zose nzirambitse ku birenge byawe Unkoreshe, mb'uwawe uyu munsi. Tubane Nyagasani, kand'imirimo yanjye yose nyikorane nawe" Uko ni ko mukwiriye kugenz'uko bukeye Mu gitondocyose mujye mwiyegurir'lmana kubg'uwo munsi. Inama zanyu zose, muzishyir'imbere yayo ngw ab'ari y'izisohoza, cyangwa se, ngo yenda izireke Mur'ubgo buryo ni bgo mubasha gushyir'ukubaho kwanyu mu maboko y'lmana iminsi yose, kandi ni bg'ukubaho kwanyu kuzajya kurushaho gukurikiz'ukwa Kristo. {KY 35.2}

Kuba muri Kristo bizana kubaho kw'ihumure Ahari nta munezer'uhebuie mwabona, ariko rero mukwiriye kugir'ibyiringiro by'amahoro bitagir'impinduka Si mwe mwitezehw amakiriro, ahubgo mwizigire Kristo Murek'integer nke zanyu zifatanye n'imbaraga ye, ubujiji bganyu bufatanye n'ubgenge bge. Ni cyo gituma mudakwiriye kwihang'amaso, ahubgo mwizigire Kristo Urukundo rwe, ineza ye, gukiranuka kwe, ingeso ze zitunganye,

ab’ari byo muhora mutekereza Kristo, uko yigomwe, Kristo uko yicishije bugufi, Kristo, ukw aboney’akera; Kristo, ukw akunda bihebuje, iby’ab’ari by’imitima yacu izirikana Kumukunda, kumwigana, kumutegahw amakiriro, ni byo bikwiriye kuduhindura, ngo duse na we. {KY 35.3}

Yesu yaravuz’ati: “Mugume muri jye.” Ayo ni yo magamb’adutera gutekerez’iby’amahoro, kudahindagurika, no gushir’amanga Maze kandi Kristo yakubitiyeho kuturarik’ati: “Nimuze, abarushye, n’abaremerewe, ndabaruhura.” Matayo 11:28. Ibyavuzwe na Dawidi bihwanye n’ibyo, ngo “Turiz’Uwiteka, umutegereze wihanganye.” Zaburi 37:7. Yesaya na we yarabisongey’ati: “Ituza no kwiringira ni byo imbaraga yany’izabamo Yesaya 30:15. Uko kuruhuka ntikubamw ubudeshyi; kuk’Umukiza yaturarikiye kuruhuka, abifatanya no gukor’ati: Mwemere kub abagaragu banjye, ... ni ho muzabon’uburuhukiro.” Matayo 11:29. Umutim’urushaho kuruhukira muri Kristo ni w’urushaho gushimikira no gushishikarira kumukorera. {KY 35.4}

Iy’umutima witekerej’ubgawo, wimura Kristo, ya Soko y imbaraga n’ubugingo. Ni cyo gituma Satani adahwema kugerageza guhuz amaso yacu. ngw atareb’umukiza no gushyikirana na we. Ibinezeza byo muri iyi si, n’amaganya, n’imitim’ihagaze, n’ishavu, n’ibicumuro by abandi, ndetse n’ibicumuro byanyu, — ibyo ni byo Satani azajy’agerageza gukuruz amaso yanyu. Ntimukemer’imitego ye. Hariho benshi batar’indyarya bifuza kubana n’lmana, maze Satani agaherako akabatez’ibicumuro byabo n’intege nke zabo, yibgira ko n’abasha kubatandukanya na Kristo, atazabura kubanesha. Nta bgo dukwiriye kwihugiraho n’ubgoba n’imitim’ ihagaze kuko bidutera gushidikanya ko tutazakira. Ibyo byose byibagiz’imitima yacu Isoko y’imbaraga. {KY 35.5}

Mukundir’lmana kurindir’imitima yanyu, muyiringire. Mujye muganira, mutekereze Yesu, ngw ibye ab’ari byo bibatwar’umutima. Mureke gushidikanya kwose; murek’ibibater’ubgoba. Muvuge nk’lntumwa Paulo, muti: “Ndiho, nyamara si jy’uriho, ahubgo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizer’Umwana w’lmana wankunz’ akanyitangira” Abagalatiya 2:20. Muruhukire mu Mana. Ibasha kubarindir’ ibyo mwayibikije. Nimwirekere mu maboko yayo, kand’izabaganziriza kubg’Uwabakunze. {KY 36.1}

Igihe Kristo yigiz’umuntu, yizirikishijehw abantu umurunga w’urukundo utabasha gucibga n’imbaraga zose, kerets’umunt’abyishakiy’ubge. Satani azahor’agerageza kudushukashuka guc’uwo murunga, ngo duhitemo kwitandukanya na Kristo. Aho ni ho dukwiriye kubera maso, turwana, dusenga, kugira ngo hatagir’ikidushukashukira gukez’ ubundi buhake; kukw ari nta byatubuza kubikora tubishatse. Ahubgo tujye dutumbira Kristo, kukw azaturinda. lyo dutumbiriye Kristo, tuba dukize. Nta cyabasha kudushikuza, ngo kimudukure mu maboko. Kandi, iyo tumuhojejehw amaso “duhindurwa, tugashushanywa n’ishusho ye, duhabg’ubgiza bukurikirana, nk’abahindurwa n’Umwami.” 2 Abakorinto 3:18. {KY 36.2}

Uko ni kw abigishwa ba mbere bahawe gusa n’Umukiza wabo bakundaga cyane. Abo bigishwa bamaze kumv’amagambo ya Yesu, basobanukiw’uko bamukennye. Bamushatse,

baramubona, baramukurikira. Bahoranaga na we mu nzu, bagasangira, bakamukurikira n'ahiherereye no mu nteko z'abantu. Babanaga na w' ukw abigishwa babana n'umwigisha wabo, bumv' amagambo y'ukuri yavaga mu kanwa ke iminsi yose. {KY 36.3}

Bamuhakwagaho, nk'abagaragu bahakwa na bashebuja, bakamwigirahw ibyo bakwiriye gukora. Abo bigishwa bar'abantu bameze nka twe. Yakobo 5:17 Barwanyag'ibibi nka twe. Bagombaga kugirirw'imbabazi nka twe, kugira ngo bagire kubaho kwera. {KY 36.4}

Ndetse na Yohana, wa mwigishwa Yesu yatoneshaga, ari we warushag' abandi bose kumera nka we, ingeso ze nziza ntizari kamere. Atarihana, yishyirag'imbere, akifuz'icyubahiro, agakubitiraho no guhutiraho. lyo yagirag'ikimubabaza yararakaraga. Arik'ubgo yabonag'ingeso z'Uwo wavuye mw ijuru, yimenyagahw ibibi, akicisha bugufi. Imbaraga no kwihangana, ububasha n'ubugwaneza, icyubahiro no kwicisha bugufi, yajyag'abonan' Umwana w'lmana iminsi yose, byamuteraga kūmirwa no kumukunda. Iminsi yos'umutima we wakururwaga na Kristo, agez'ah'urukundo akunda Kristo rumutera kwiyibagirwa. Ingeso ze zo kwirarira no guhutiraho ziyengeshwa n'imbaraga za Kristo Umutima we uhmdurw'ukundi n'imbaraga y'Umwuka Wera ukiza Ayo ni yo maherezo atabura y'umunt'ushyira hamwe na Yesu Kristo ly'ari mu mutima w'umuntu ingeso ze zose zirahinduka Umwuka wa Kristo, urukundo rwe, byoroshy'umutima, biwerekeza ku Mana no mw ijuru. {KY 36.5}

Igihe Kristo agiye mw ijuru, abigishwa be basigaye bameze nk ahw akiri kumwe na bo Bari basigarany'ingeso ze zuzuy'urukundo n'umucyo Yesu wa Mukiza, wahorag'agendana na bo, bakaganira, bagasengera hamwe, wari warabahumurije, akababakomeza imitima Agiye kubakurwamo ngw ajyanwe mw ijuru, ubg'abamaraika bari bamushagaye, yaravuz'ati "Dore ndi kumwe namw'iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." Matayo 28:20. Nukw aherakw azamuka ajya mw ijuru, afit'ishusho y'umuntu, ahagarar'imbere y'intebe y'lmana, akir'inshuti yabo n'Umukiza wabo. Bari bazi kandi yuk' umutima we utahindutse, ko yar'agifatanya n'imibabaro y'ab'isi Yagaragazag'imbere y'lmana umumaro w'amaraso ye atunganye, yerek'Imana inkovu zo mu biganza bye no ku birenge bye Ibyo byar'urwibutso rw'inshungu yatangiw abari mw isi Abigishwa be bari bazi yuko yaiyanywe mw ijuru no kubategurir'ahabo, ngw azagaruke, kubaiyan ahw ari, ngo babane na we. {KY 37.1}

Ubgo bari bateraniye hamwe, Yesu amaze kuzamurwa mw ijuru, bari bafit'umwete wo gusaba Data wa Twese mw izina rye Bapfukamany'icyubahiro cyinshi, badasiba kuvug'isezerano yari yarabasezeraniie ngo "Icyo muzasaba Data cyose, mw izina ryanye, azakibaha Kugeza none nta cyo mwasabye mw izina ryanjye MUSENCE, muzahabga, ng'umunezero waniy'ube mwinshi." Yohana 16:23, 24. Ukuboko kwabo kwo kwizera bagutungaga kw ijuru bati "Kristo Yesu ni we wadupfiriye, ibirutaho yarazutse, ar'i buryo bg'lmana, aradusabira." Abaroma 8:34. {KY 37.2}

Yesu Kristo avug'iby'Umufasha, yaravuz'ati "Azabana namwe Ku munsi wa Pentekote ni hw iryo sezerano ryashohojwe Kandi Yesu yarongey'aravug ati "Ikizagir'icyo kibamarira, n'uko ngenda, kuko ni ntagenda. Umufasha atazabazamo, ariko ni ngenda

nzamubohererereza.” Yohana 16:7. Uherey’ ubgo bari bagiye kubana na Yesu, noneho mu buryo bg’Umwuka Wera Uko bari bamez’igihe babanaga n’Umwuka Wera, byarushaga uko bari bameze, igihe babanaga na Yesu Umucyo n urukundo, n’imbaraga bya Kristo byarabagiraniraga muri bo, ndetse byatumag’abantu batangara bibuka ko babanaga na Yesu.” Ibyakozwe 4:13. {KY 37.3}

Uko Kristo yaberey’abigishwe be ba mbere, ni na kw ashaka kuber abana be na none Ubgo yaherukaga guseng’ari kumwe n abigishwa bamwe yaravuz’ati “Sinsabir’aba bonyine, ahubgo ndasabira n abazanyizezwa n ijambo ryabo.” Yohana 17:20. {KY 37.4}

Yesu yaradusabiye, asaba kugira ngo tub’umwe na we nkuko na we yar’umwe na Data wa Twese Mbeg’ubumwe bg’isābāne butagir’uko busa Umukiza yavuz’ibimuherereyeho, ati “Nta cy’Umwana w Imana abasha gukor’ubge.” “Data uguma muri jye, ni w’ukor’imirimo ye.” Yohana 5:19; 14:10. Noneho Kristo n’aba mu mitima yacu, azadutera “gukunda no gukor ibyo yishimira.” Abafilipi 2:13. Ni ho tuzagenz’uko yagenzaga tuzagir umutim uhwanye n’uwe Uko ni ko tuzamukunda no kuguma muri we, dukurire muri we muri byose.” Abefeso 4:15. {KY 37.5}

Umutwe 9—Imirimo n'Ubugingo

Imana ni yo Soko y'ubugingo n'umucyo n'umunezero by'ibyaremwe byose. Umugish'utemba uyivamo ugera ku byo yaremye byose. Ni nk'amazi adudubiza, ava mw isoko, cyangw'imyambi y'izuba irasira mu mpande zose. Ubugingo bg'lmana iyo buri mu mitima y'abantu, akabgo ntikiburira, bubaber'amendeze yo gukund'abandi no kubahesh'umugisha. {KY 38.1}

Icyashimishij'Umukiza wacu n'ugusayur'abantu bazikamye mu byaha no kubacungura. Kugira ngw asohoz'izo nama, ntarakita ku bugingo bge, ahubgo yihanganiy'umusaraba, ntiyita ku gashinyaguro. Nkuko Yesu atahwemaga gukorera abandi kugira ngw abahesh' umugisha, ni kw abamaraika na bo bahora bakorer'abandi. Uwo ni wo munezero wabo. Nubg' abibone banegur'abatindi bakibgira ko kubakorera ar'ukwisuzuguza, nyamara abamaraika bera bo, bishimira gukora ben'iyo mirimo. {KY 38.2}

Za ngeso za Kristo zo kutikunda, no kutikanyiza, ni zo zasābye mw ijuru hose, ni na zo shingiro ry'umunezero waho uhebuje. Izo ngeso ni na zo zizagaragarira mu bayoboke ba Kristo, zibatere kwishimira kuger'ikirenge mu cye. ly'urukundo rwa Kristo rwabaye kamere mu mutima w'umuntu, nta wabasha kuruhisha, nkuko mbes' umuntu wisīz'umubavu atabasha kuwuzimanganya ngw abandi batabimenya. Ufit'urwo rukundo rwa Yesu mu mutima we, arwanduz'abandi. Urukundo rwa Kristo iyo ruri mu mutima w'umuntu, rumera nk'isōko y'amazi idudubiriza mu butayu igahembur' ibiyizengurutse byose. Ni rwo rukiz'abagiye gupfa, rukabater'irari ry'amazi y'ubugingo. {KY 38.3}

Urukundo dukunda Yesu rwagaragazwa no kuger'ikirenge mu cye no kuber'aband'umugisha, no kubakiza. Rwadutera gukundana, no kugirir' ibyaremw'impuhwe. {KY 38.4}

Umukiza wacu, akiri mur'iyi si, ntiyagiz'ukubaho ko kwinezeza n' umunezero w'umudendezo. Ahubgo yakorag'ubudahwema kugira ngw akiz' abazimiye. Uhereye mu muvure w'inka, ukagez'i Kalvari yanyuze mu nzira y'umubabaro, kandi nta bgo yigeze yihunz'umuruho n'ingendo zikomeye, n'imirimo irembya, igatera kugw'agacuho. Yaravuz'ati: "Umwana w'Umuntu ntiyaje gukorerwa, ahubgo yaje gukorer'abandi, no gutangir'ubugingo bge kub'inshungu ya benshi." Matayo 20:28. Uwo ni wo mugambi rukumbi Yesu yar'afite mu kubaho kwe kwose. Ibindi byose babikoreraga kugira ngw asohoz'uwo mugambi wo kub'inshungu yabo. Gukor'icyo Se ashaka no kurangiz'imirimo yaje gukora byamuberaga nk'ibyo kurya n'ibyo kunywa, na ho'kwihesh' agaciro n'isumbge, ntibyamurangwagamo. {KY 38.5}

Nuko rero, abemer'ubuntu bga Kristo bakwiriye kugir' ibyo bigomwa.... Bakwiriye no gukor'uko bashobora kwose kugira ngo bab'icyitegererezo cyiza gitum'abandi begerezw'lmana. Ngay'amaherezo yo kwihana nyakuri. {KY 38.6}

Umuntu acyiyegurira Kristo, uwo mwanya yumv'ashaka kumenyesh'aba ndi iyo nshuti ye ihebuj'izindi Ntabon'ukw ahish'ukwo kuri gukiza kandi kweza. {KY 39.1}

Twambaye gukiranuka kwa Kristo, tukagir’umunezero n’amahoro by’ umwuka we utubamo, ntibyadushobokera ko duceceka lyo dusogongeye tukumva k’Uwiteka agira neza, ni ho tugir’icyo tubgir’abandi Nkuko Filipo yashohoje Natanaeli kuri Yesu amaze kumubona, ni ko natwe dukwiriye kugir’aband’inama yo kumusanga, tukageragez’uko dushobora kwose kuba reshya ngo babone guteg’amakiriro ku byiza bya Kristo bitazashira byo mw is’izaza Dukwiriye gushimikira no kumaramaza, duter’intambge, dutwaranira kuger’ikirenge mu cya Kristo Dukwiriye kujya dukeburir’amaso y’abandi kureb’lntama y’lmana ikurahw ibyaha by’abari mw isi. Yohana 1:29. {KY 39.2}

Ni tugir’ibyo dukorer’abandi, bizatugarukir’ar’umugisha mwinshi Ni cyo gituma Imana yagiz’icy’iduha, cyo gukorera gukiz’abandi no gusohoz’inama y’agakiza. Imana yahay’abantu amahirwe yo gusangira kamere yayo, kugira ngo babone guhesha bagenzi bab’umugisha Nta cyubahiro cyangw’umunezero Imana yaduha birenze gusangira kamere yayo Abashyira hamwe n’lmana bagakorana na y’imirimo y’urukundo, ni bo barush’abandi bose kwegerezw’Umuremyi wabo. {KY 39.3}

Iy’lmana ibishaka, yajyaga gutegek’abamaraika bo mw ijuru kwamamaz’ ubutumwa no gukor’iyo mirimo yose y’urukundo yo gukiz’ abandi ly’ ibishaka, yaiyaga kubisohoza mu bundi buryo Ariko kubg’urukundo rwayo rutagir’akagero, yahisemo kudutorera gukorana na yo, ngo dufatanye na Kristo n’abamaraika bera, dusangir’umugisha, n’umunezero bizanywe n’uwo murimo w’urukundo. {KY 39.4}

Gufatanya na Kristo kuduhuza na we cyane Kwihotorer’abandi no kwibabariza kubafasha kuzajya kuduter’umutima wo kugira neza, ndetse no kutwegerez’Umucunguzi w’isi, “Uwar’umutunzi, ariko agahinduk umukene kubganyu, kugira ng’ubukene bge bubatungishe.” 2 Abakorinto 8:9. Ni twemera kwihotora dutyo na twe, ni bgo gusa ubugingo bgacu buzasabga n’umugisha {KY 39.5}

Ni mwemera gukora, nkuko Kristo yabigeney abayoboke be, mukamusha kir’abihana, muzajya mwumva mushaka kugenzur’iby’lmana, ngo murusheho kubimenya, mugir’inzara n’inyota y’ibyo gukiranuka Muzatakir’ Uwiteka, kandi kwizera kwanyu kuzakomera, kand imitima yany’ izanywa cyane ku mazi y’isōko y’agakiza Amahane n’ibyago muzabona, bizababatera kwiga Bibliya no gusenga Muzakurira mu buntu bgo kumenya Kristo murusheho gushikama no gutungana. {KY 39.6}

Umutima wo gukorer’abandi no kutikanyiza, uter’imico myiza kudahinduka, igashorer’imizi kure, ikamera nk’iya Kristo Ben uwo mutima uzanira nyirawo amahoro n’ibyishimo bitazashira Aho kugir’ubugugu n’ubute. yashimikirira gushishikarira gushyikir’ingeso z’lmana, kandi yakura. agakomerera mu mirimo yayo. {KY 39.7}

Umutima we wamenya nez’inshingano ye, yakur’akagira kwizera kutalegajega, kand’amashengesho ye yagir’umumaro kurutaho Umwuka w’Imana iy’akoze mu mutima w’umuntu, atum’ingeso ze zera zose zikubira hamwe, akikiriza guhwitura kwo mw ijuru. Abitanga batyo batikunda, ngo babonez’abandi, basohoza rwos’akabo gakiza. {KY 39.8}

Kugira ngo dukurire mu buntu, dukwiriye kujya dukora wa murimo Kristo yadutegetse tutiganda, — dukor'uko dushobora kwose, dufasha no guhesh umugisha abawukennye. Imbarag'izanwa no gukora; ndetse nta wabaho adakora. Abagerageza gutungish'ubukristo gupfa kwakir'umugisha duherw ubuntu, ntibagir'icyo bakorera Kristo, bameze nk'abagerageza gutungirwa kurya gusa. Ibyo bitera kwonda no gupfa. {KY 40.1}

Umuntu wakwanga gukoresh'amaguru ye ntiyatinda kunanirwa guhagarara. Uko ni k'Umukristo udakoresh'imbaraga yahawe n'lmana amera. Uretse kudakurira muri Kristo, n'imbaraga yar'afite zirayonga. {KY 40.2}

Itorero rya Kristo ni ry'lmana yageneye gukiz'abantu. Umurimo waryo n'ukwamamaz'ubutumwa mw isi yose. Umukristo wese Imana ni wo murimo imuzeyeho gukora. Umuntu wes'ukw azi n'ukw ashobora, akwiriye gusohoza rya tegeko ry'Umukiza. {KY 40.3}

Urukundo rwa Kristo rwatugezeho, ni rwo rutuma turi mu mwenda w'abatamuzi. Imana ntiyaduherey'umucyo kuwikubira, ahubgo yawuduhereye kuwumurikishiriz'abandi. lyab'abayoboke ba Kristo barakangukiye kumeny'inshingano yabo, bagakor'uko bashoboye kose, none tuba dusang' abantu b'ibihumbi bamamaz'ubutumwa mu mahanga, aho dusang'umwe gusa. Maze kandi, abatashobora kujya kur'ubgabo, batungish'uwo murimo ubutunzi bgabo, bawusabiye kandi bawufitiy'umwete. {KY 40.4}

Icyakora, si ngombga yuko tujya mu mahugu ya kure ngo tuve muri bene wacu, niba i wacu ari ho hadukennye, tukaba dutumwe gukorera Kristo mur'icyo kirere. Tubasha kumukorerer'i wacu, n'aho turi hose, ari mw itorero, no mu baturanyi bacu, no mu bo dukorana {KY 41.1}

Umukiza wacu akiri mur'iyi si, yamaz'imyaka myinsh'akor'umurimo woroheje, kand'ugayitse ari wo kubaza. Akiri i wabo, ataratangira kwigish' abantu, abamaraika bahoraga bamushagaye, ubgo yagendererag'abahinzi n'abanyamirimo bataramenya kw ari we Mucunguzi wabo Ntidukwiriye kwibgira yuko Yesu yakorag'umurimo yahawe na Se gukora ubgo yagendeshag'amaguru hejuru y'inyanja y'i Galilaya, cyangwa s'ubgo yavurag'abarwayi gusa Ahubgo, umurimo yakoraga wos'ar'uworoheje cyangw'ukomeye, yawukorag'awitayeho, azi ko wagenwe n'lmana {KY 41.2}

Intumwa Paulo yavuz'uburyo umuntu wese, akwiriye gukor'umurimo wos'ahawe, abigumanamo n'lmana 1 Abakorinto 7:24 Umutunzi ashobora gukomez'umurimo we mu buryo bukuz'lmana, abay'inyanga-mugayo Nib' ar'umuyoboke wa Kristo w'ukuri, idini rye rizagaragarira mu by'akora byose, abantu bose bamenye kw agir'umutima wa Kristo. {KY 41.3}

Umuhanga witonda w'umwizerw'abasha kuba mu cyimbo cy'uwo wakoreshag'amaboko ye i Galilaya nk'abatirigi. Umuntu wese witirirwa Kristo akwiriye kujy'akor'atyo kugira ngw abandi ni babon'ukw akor'imirimo ye neza, bibatere gushima Rurema n'Umukiza wabo. {KY 41.4}

Harihw abantu benshi bikiza ngo babuzwa gukorera Kristo n'abandi babarush'ubgenge n'uburyo Hariho benshi batekereza yukw ar' abanyabgenge bginshi basa bazeweho gukor'uwo murimo w'lmana Bibgira kw ar'impano zahawe bamwe gusa, ngw abandi rero ntibahamagariwe gukora no kugororerwa Ariko si ko biri Iyo nyir'urugo ahamagay'abagaragu be, ah umuntu wes'umurimo we. {KY 41.5}

Tubasha gukoran'imirimo yoroshye yos'umutim'urimw urukundo nka hw ar'Umwami dukorera Abakolosayi 3:23. ly'urukundo rw'lmana ruri mu mutima, rugaragarira mu bugingo bgacu. Impumuro nziza ya Kristo iradukikiza, kandi n'ingeso zacu zizafash'abandi, zibaber'umugisha. {KY 41.6}

Ntimukwiriye kurindir'ibikomeye cyangw'ubgenge burutaho ngo mutangire gukorer'lmana Ntimukwiriye gutekereza icy'abandi bazavuga Ukubaho kwanyu gutunganye kandi kutarimw uburyarya ahubgo ni kwo gukwiriye guhamiriza Yesu imbere y'abandi. {KY 41.7}

Umuyoboke wa Yesu wese, n'aho yaba yorohej'ate, cyangw'akab'umutindi, abasha kuber'aband'umugisha n'icyitegererezo Ahari ubge ntiyamenya ko har'icyiza yakora, ariko rer'ubugingo bge buboneye bgo bgagoborer' abandi umugish'ukura, ukagwira. Ikimukwiriye cyonyine n'ukugenda yitonze, ari nta kindi, agakora nez'umurimo Imana imuhaye Abigenj'atyo ukubaho kwe ntikuzapf'ubusa. Umutima we uzunguka, use n'uwa Kristo Uretse gushyira hamwe n'lmana gukor'umurimo wayo mur'ubu bugingo, azaba yitegurira guhabg'umunezer'utagira kirogoya mu bugingo buzaza. {KY 41.8}

Umutwe 10—Kumeny’Imana

Imana ifit’uburyo bginshi ikoresha, ishaka kutwimenyesha no kudutera gusābāna na yo. Ibyaremwe bihora biduhan’ubudasiba. Umutim’iyo wemeye, ubasha kureshywa n’urukundo rw’lmana n’ubgiza bgayo, ari byo bigaragazwa n’imirimo y’amaboko yayo. Uzi guteg’amatwi ye, abasha kumva no kumeny’icy’lmana ivugira mu bintu yaremye, ar’ubgatsi bumera, cyangw ibiti binini by’inganza-marumbo, cyangw’imigengararo n’uburabyo, cyangw igicu kigenda, cyangw’imvur’igwa, cyangw’akagenzi gasuma. Byos’uko bingana byigish’imitima yacu, bikaturarikira kumenyerana n’uwabiremye byose. {KY 42.1}

Ibyigisho by’Umukiza wacu bitagir’uko bisa, yabyigishishag’ibyaremwe, abigereranya. Ibiti, n’inyoni, n’uburabyo bgo mu bibaya, n’imisozi, n’ingezi, ndetse n’ibindi bihora bibonek’iminsi yose bibakikije, ni byo yahuzaga n’Ijambo ry’ukuri, agira ngw ibyo yigishaga bibahoremo. {KY 42.2}

Imana ishaka kw abana bayo banezezwa n’imirimo yayo, ngo bashimishwe n’ibintu byiza yarimbishishij’isi yacu. Bury’lmana ikund’ibintu byiza byose, ndets’icy’ikunda cyane cyane kurush’ibigaragara byose, n’imico myiza; ni cyo gitum’itwifuriza guhirimbanira kubonera no gutungana rwose. {KY 42.3}

Twaramuka tubaye maso, ibyaremwe n’lmana byatwigish’ibyigisho byiza byo kūmvira no kunamba. Uhereye ku nyenyeri zihora zigend’urugendo rwazo rwo mu kirere kuva kera kwose, ukageza ku gakungugu katagaragara, ibyaremwe byose byumvira Rurema. Imana irind’ibyo yaremye byose, aho biva bikagera, ikabikomeza. Ni y’ikomez’amasi yos’atabarika yo mw isānzūre, ikanarinda n’igishwi kijwigira cyidabagirira. N’iyo turi hose, ar’ukujya mu mirimo cyangwa se kuryama n’ijoro, cyangwa s’iyo tubyutse mu gitondo; byos’irabizi. N’iy’umukire aremy’ibirori mu nyumba ye, cyangw’ umuken’ateranirij’abana be ku gakono k’inteka-busha, umuntu wes’arindanw’urukundo na Data wo mw ijuru. Nta marir’atemba mu maso yacu Imana itabizi. Nta kumwēnyura kuyisoba. {KY 42.4}

Iyaba twizerag’ibyo rwose, ntitwarets’imitim’ihagarikwa n’ubusa gusa, ntitwahora ku nkēke y’ibitubabaza nk’ubu ngubu; kuko byose, ar’ibyoroheje cyangw’ibikomeye twabirekera mu maboko y’lmana, itarushywa n’imiruho myinshi nka twe, cyangwa ngw igir’ikiyishēngura. Ni ho twabon’uburuhukiro bg’umutima bgahoze butonda benshi. {KY 42.5}

Uko mujya munēzēzwa n’ibintu byiza byo mw isi, bibareshya, mujye mutekerez’iby’indi si yenda kuza, itazabonekamo kōnonekara kuzanwa n’ibyaha n’urupfu; ahw ibizaba byāremwe bitazongera kurangwamo n’igicucu cy’umuvumo. Mugerageze kugenekerez’ubuturo bg’abakijijwe, uko busa; kandi mwibuke yuko hazab’ubgiza butarōndōreka burut’icy’umuntu yabasha no kugenekereza cyose. Ibintu byiza tubon’ubu mu byaremwe nubgo byadushTmisha bite, ibyo n’igicucu gusa cy’ubgiza bgayo burabagirana Byanditswe ngo: “Iby’ijisho ritīgeze kureba, n’iby’ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu, byos’lmana yabyiteguriy’ abayikunda.” 1 Abakorinto 2:9. {KY 42.6}

Abahanga bazi kugēnzura kamere y'ibintu ntibahwema gutangazwa n'iby' Imana yaremye Ni cyo gitum'Umukristo wes'arushaho kunēzēzwa n'ibintu byiza byo mur'iyi si, kukw abiboneramw imirimo y'intoke za Se wo mw ijuru Nta muntu wakuriz'icyigisho ku misozi n'ibikombe, no ku migezi n'inyanja, wabura kubirebamw urukund'lmana yakunz'abantu. {KY 43.1}

Imana ivuganira natwe mu by'ikora, no kubg'Umwuka Wera, itotez' imitima yacu Dushobora kwigishwa neza n'ibitubaho, ndetse n'tbidukikije biri mw isi yose, iy'imitima yacu yugururiwe kubyakira Dawidi, ubgo yatekerezag'imirimo itangaza y'lmana, yaravuz'ati: "Isi yuzuy'ineza y' Uwiteka." Zaburi 33:5. "Umunyabgenge wes'azitegerez'ibyo, kand'i bazita ku mababazi z'Uwiteka." Zaburi 107:43. {KY 43.2}

Imana ivuganira natwe mw ijambo ryayo Muri ryo ni mwo turushaho guhishurirw'imico yayo itangaje, itayoberana, n'ubury'ikund' abantu, ikabakiza Muri ryo kandi ni mw ibya basogokuruza n'abahanuzi n'abandi bera ba kera bigaragarizwa. Bar'abantu bameze nkatwe rwose Yakobo 5:12 Muri Bibliya dusangamw uburyo birwanagaho bacogoye nkatwe, uko bagwaga mu moshya nkatwe, bakongera kwirem'agatima, bagatsinda kubg'imbabazi z'lmana kand'uko tubitekereza twongerw'umwete wo kwishakira gukiranuka Iyo dusomy'ubury'lmana yabagobots'ikabahagarikira, n'uko yabahiriye ikabakoresh'imirimo itangaje kubg' imbabazi zayo; wa mutima wabaterag ibyo, ukwongez'umuriro wera mu yacu mitima, bigatuma twifuza kugir imico nk'iyabo ngo tugendane n'lmana nka bo. {KY 43.3}

Yesu yavuz'iby'lsezerano rya Kera, kand arushaho kuvug iby Isezerano Rishya, ati: "Ni byo bimpamya." Yohana 5:39. Koko, Bibliya yos itubgir ibya Kristo. Uhereye kw ijambo rya mbere ryo muri ryo, ukageza kw ijambo riheruka, ngo: "Dore ndaza vuba," ni ho twigir'iby'imirimo yakoze. N'ubisomye, aba yumvise n'ijwi rye rivugana na we. Niba mushaka gushyikirana n'Umukiza, mukwiriye kujya mwig'lbyanditswe Byera. {KY 44.1}

Nimwuzuze umutima wos'amagambo y'lmana, kukw ari yo mazi y'ubugingo, azabamar'inyota yica. Ndetse ni yo mutsima w'ubugingo wavuye mw ijuru. Yesu yaravuz'ati. "Ni mutary'umubiri w'umwana w'umuntu, ntimunyw' amaraso ye, nta bugingo mufite muri mwe." Yongera kubisonger'ati: "Amagambo mbabgiye ni wo mwuka, ni bgo bugingo." Yohana 6:53, 63. Imibiri yacu iremwa n'ibyo turya n'ibyo tunywa: kandi uko bimeze kubg'imibiri ni ko bimez no kubg'imitima: ibyo tujya twibgira tukabyiga, ni byo bizadutunga no gukomez'imitima yacu. {KY 44.2}

Mbese, inama y'agakiza kw ari yo nama yizihir'abamaraika bo mw ijuru akab'ari yo kandi abacunguwe bazajya baririmb'iteka bageze mw ijuru, ubu ho si yo dukwiriye gushishikarira kwiga no kumenya? Mbeg'ubuntu n'urukundo rwa Yesu, ko bitagir'akagero, si byo dukwiriye guhozah'umutima? Si byo se bikwiriye kudutera kwinira, tukibaza cyane, ngo tubone gukurikiz'imico y'Umuhuza wacu n'lmana? Uko turushaho kwibgir'iby'inama zose zo mw ijuru, ni ko no kwizera kwacu n'urukundo rwacu bizajya bikuran' imbaraga, kandi

ni kw amashengesho yac'azajy'arushaho kwemerwa n' Imana, kukw azab'arushaho gufatanya no kwīzēra n'urukundo. {KY 44.3}

Ni ko tuzarushaho kwiringira Yesu no gushikama, ndetse tuzajya tumenyerana na Yesu iminsi yose, tumeny'imbaraga ye ikiza rwos'abegerezw'lmana na we. {KY 44.4}

Ni dutekerez'iby'ubury'Umucunguzi wac'ar'imbonera rwose, ni bgo tuzifuza guhindurwa. Ni bgo kandi tuzagir'irari ryo guhinduka byimazeyo, ngo tumere nka we rwose. Tuzaba dufit'inzara n'inyota byo gusa n'uwo turamya. Ukw imitima yacu irushaho kwihatira gutekerez'ibya Yesu, ni ko tuzarushaho kumuvug'imbere y'abandi, tugahagarara mu cyimbo cye ngo tumurengere, no kumumenyekanisha tukiri mur'iyi si y'igomero. {KY 44.5}

Bibliya ntiyandikiw'abahanga gusa; ahubgo yandikiwe rubanda rwose. Imyigishirize ikomeye, iduhesh'agakiza, nubg'iruhij'ite yagaragaye nk'amanywa y'ihangu. Ni cyo gitum'ari nta wayob'inzira, kerets'uwishakiy' iye nzira mu cyimbo cyo kuromborez'inzira ihuje n'ubushake bg'Imana. {KY 44.6}

Ntidukwiriye kunyurwa n'amagambo y'undi wese utubgir'ukw Ibyanditswe bivuga, ahubgo ikidukwiriye n'ukwiyigir'amagambo y'lmana. Ni twemera kw abandi batekereza mu cyimbo cyo kwitekerez'ubgacu, umwete wac'uzahenebēra, uremare, n'ubgenge bgacu n'ububasha bgacu buzayonga, ndetse bizatuma tudashobora gusobanukirwa n'amaham'akomeye yo mw Ijambo ry'lmana. Icyakora, ni tugerageza gusesengur'ibikomeye byo muri Bibliya, ubgenge bgacu buzāguka, bujijuke rwose. {KY 44.7}

Nta cyaboneka cyabasha kūngur'ubgenge bg'umuntu nko kwig'lbyanditswe Byera Nta kindi gitabo cyera cyirabura cyaboneza gutekereza kwacu no kutwungur'ubgenge nka Bibliya lyab'abantu bigag'iiambo ry'lmana uko bikwiriye, baba bagir'ubgenge bushyitse bg'inditwe, n'ingeso nziza, bakanāmba no gushikama, bataiegajega, nubg'abameze batyo ar'imbarwa mur'iki gihe. {KY 45.1}

Ūsom'lbyanditsw'ahubutse ntagir'icyo yunguka cyane Umuntu yabasha gusoma Bibliya yos'agaheb'ibyiza byayo, ntafutukirwe ndetse n'ubgiru bgayo bukomeye buyihishwemo. Cusom'umurong'umwe umwe gusa ukawi ga ukagez'ah'uwumva neza, ugashak'icy'uhuriyeho n'inama y'agakiza, ni byo biba birushije gusom'ibice byinshi, ntugir'icy'ukurikiye, ntugira n'icyo wunguka Ujy'uhorana na Bibliya yawe. N'ubon'umwanya, jy'uyisoma Ujy'ugerageza ndetse kwibuk'amasomo mu mutwe N'iy'uri mu nzira wabasha gusom'umurong'umwe, ukawitoza no kuwutekerez'igih'ugenda, ibyo bigatum'uhinduka nka kamere yawe. {KY 45.2}

Nta bgo twabon'ubgenge tutihatiye kubushaka, dufatanije kwiga no gusenga. Ibyanditswe bimwe kuko byoroshye, nta wananirwa kubyumva, ariko rero harihw ibindi biruhije, bitabasha gusobanukir'ubisomye atitonze Ibyanditswe bimwe bikwiriye kugereranywa n'ibindi byanditswe Dukwiriye gushakashaka no gutekereza twitonze kandi dutuje

Uwig'atyo azabon inyungu cyane. Nk'uk'umucukuzi w'izahabu abon'umūtūtu w'ahw iri, akawukurikira akarinda awugeza mu kuzimu, kugez'ubg'ayicukur'akayimaramo, ni k'ūshakashaka mw Ijambo ry'lmana ubutunzi buhishwe butabonerw'amaiyejuru, akwiriye kugir'umwete, akabon'ukuri gukomeye rwose, kwari guhishw'amaso y'ūshak'atitonze. Amagamb'ahumetswe n'lmana, iyo tuyatekereje cyane mu mitima, ahinduka nk'umugez'utemba, uva mu masōko y'ubugingo, unetesh'imitima yacu. {KY 45.3}

Nta bgo bidukwiriye kwiga Bibliya tudasabye Ni tujya kubumbur' impapuro zayo zera tujye tubanza duhombek'amaso imbere y'lmana, tuyisabe kutuyoboresh'Umwuka wayo Wera, ngw adufuturire, kandi tuzamuhabga. Ubgo Natanaeli yasangaga Yesu Umukiza, uwo Murondozi w'imitima yaravuz'ati: "Dor'Umwisiraeli w'ukuri, udafit'uburiganya!" Natanaeli, ati: "Mbese Nyagasani, wammenyeye he?" Yesu aramusubiz' ati "Filipo ataraguhamagara, ubgo wari munsi y'umutīni, nakubonye Yohana 1:47, 48. Nkanswe, twebgeho Yesu azatuboner'ahiherereye tumusenga tukamusab'umucyo, kugira ngo tumeny'ukuri ukw ari kwo Azatugotesh abamaraika bava mu yandi masi y'umucy' utangaje, itwoherereze n'Umwuka wayo, atub' i ruhande. {KY 45.4}

Umwuka Wera ni w'ukuz'Umukiza no kumusingiza Yagenew'umurimo wo kumenyekanisha Kristo, no kugaragaza gukiranuka kwe gushyitse, n agakiza gakomeye ni we tugakesha. Yesu yaravuz'ati "Azenda ku byanjye, abibabgire." Yohana 16:14. Umwuka w'ukuri ni we mwigisha wenyine ubasha kwigish'ukuri kuvuye mw ijuru. Imana ikund'abantu bo mw isi yacu bihebuje, ni cyo cyatumy'itang'Umwana wayo kubapfira, igatanga n Umwuka Wera kugira ngw abigishe no kubayobor'iteka. {KY 45.5}

Umutwe 11—Amahirwe yo Gusenga

Imana ivuganira natwe mu byaremwe n'ibyahishuwe, no mu bury iturinda, n'ukw ituyoboz'Umwuka wayo. Arikw ibyo ntibihagije, akarusho kadukwiriye kandi n'ukuyiyegurira tumaramaje. Kugira ngo tubone gushyikir Ubukristo buzima butar'ubg'ibyitiriro, bushyushye, dukwiriye gusabana na Data wa twese wo mw ijuru by'ukuri, bitar'urumamo gusa. Burya tubasha kumutekereza, tubasha no kugenzur'imirimo ye, n'imbabazi ze, n'imigisha ye yose; ariko rer'ibyo s'ugushyikirana na we no gusabana na we by'ukuri. Kugira ngo dushyikirane n'lmana dukwiriye kugir'icyo tuyibgira cyerekey ibitubaho bidukikije. {KY 46.1}

Gusenga n'ukūgururir'lmana umutima, nk'uko twashyikirana n'inshutimagara. Icyakora, igituma dukwiriye kugenza dutyo s'ukugira ngo tumenyesh'lmana uko turi, ahubgo n'ukugira ngw itubashishe kuyakira. Gusenga ntikutumanurir'lmana, ahubgo kuyitugezaho. {KY 46.2}

Yesu akiri mw isi, yigishag'abigishwa be uburyo bgo gusenga. Yabigishaga kujya bikorez'lmana amaganya yabo, uko bukeye n'uko bgije, no kuyitur' imiruho yabo yose, kukw ibitaho. Isezerano ry'irema mutima Yesu yabasezeranije, ry'ukw imisabire yab'izūmvirwa, ni ryo yadusezeranije natwe. {KY 46.3}

Yesu akiri mw isi yasengaga kenshi. Umukiza wacu yihwanije natwe, tur'abakene n'abanyantegenke, nukw ahinduk'ūtabaza wingingira Se kumwonger'intege no kumugaruramw ubuyanja, kugira ngw abashe kwiyumanganya mu byago, abone no kurangiz'inshingano ye. Ni we cyitegererezo cyacu mu bintu byose. Asangira natw'intege nke zacu. "Yageragejwe mu buryo bgose nkatwe," ariko kukw azir'icyaha, umutima we wazibukirag'ibibi ugahor'ubyitarura. Yihanganirag'amagorwa n'agahinda gasāze ari mur'iyi si y'ibyaha. Kuko yenz'akamero k'umuntu ni cyo cyatumaga yiyumvamo ko guseng'ari ngombga, ndetse kw ar'amahirw'amuhesh'umugisha. Gushyikirana na Se kwamuzanirag'ihumure n'umunezero bitavugwa. Yemwe, Umukiza w'abantu, ari we Mwana w'lmana, ko yumvag'akwiriye gusenga, nkanswe twebg'abanyantegenke b'abanyabyaha bapfa! {KY 46.4}

Data wa twese wo mw ijuru, ategereje kudusukahw imigisha ye itagabanije. N'amahirwe yacu gukundirwa kunywera kw isōko y'urukundo rutagir'akagero. Mbeg'uburyo kugir'ubute bgo gusenga ar'akayobera! Imana yijihijwe no kumva gusenga nyakuri k'umwana wayo wese, naho yab'ar' uworoheje hanyuma y'abandi bana bayo bose. Nyamara ubgo bimeze bityo, dukunda gusengan'itendwe tugira ngo tumenyesh'lmana ibyo dukennye. {KY 46.5}

Abantu batagira shinge na rugero b'abakene n'abatindi, bakunda gushukwa, iyo banze gusenga uragira ngw abamaraika babatekereza bate, kand' Imana irangamiye kubah'ikirut'icyo babasha gusaba ndetse no gutekereza? Abamaraika bo bakunda kuramy'lmana bifuza kuyiba bugufi iteka, ni cyo gituma bishimira gushyikirana na yo,

bikabarutira byose. Nyamar'abatuye mw isi bo, ari bo cyane cyane bakwiriy'imfashanyo itangwa n'lmana yonyine, basa nk'aho banyuzwe no kubaho bigomw'umucyo w'Umwuka wayo, n'ihirwe ryo gusābāna na yo. {KY 46.6}

Umwijimaw'Umubi ugot'abirengagiza gusenga, n'ibyongorero by'ibishuko bye bikabatera gukor'ibyaha Ayo makuba yose bayaterwa n'uko batita kw ihirwe Imana yabagabiye, ari ryo ryo gusenga Mbese n'iki gitum'abahungu n'abakobga b'lmana bagir'itendwe ryo gusenga, kandi guseng'ari ko rufu nguzo ruri mu ntoke zo kwizera rukingur'inzu y'ububiko yo mw ijuru, irimw ibyadukenura byose, bitangwa n'Ushobora byose? Ni tudahora dusenga turi maso, tuzaba twishyize mu kaga ko kudebuka no guteshuk'inzir'itunganye Umwanzi ahor'ashakashak'uko yatuvuts'inzira igana ku ntebe y'ubuntu, agira ngw atugomw'ubutwari n'imbaraga yo gutsind'ibishuko bibonwa n'ūsenga yizeye kand'abishishikariye. {KY 47.1}

Harihw impamvu zimwe zatuma twiringira kw Imana izumvira gusenga kwacu lya mbere yo muri zo, n'uko twiyumvamo ko dukennye Imana kw idufasha Yarisezeraniy'iti: "Ufit'inyota nzamusukahw amazi, n'imigezi ku butaka bgumye" Yesaya 44:3. Abafit'inzara n'inyota byo gukiranuka, bakāhagizwa no gushak'lmana, babasha kumenya badashidikanya yuko bazahazwa Dukwiriye kūgurur'umutima rwose, kukw iyo bitabaye bityo, tutabasha gusukwah'umugisha w'lmana ngo tuwakīre. {KY 47.2}

Ubukene bgacu ni bgo burusha byose kuduhagarikira no kuturengera ku Mana, kurut'uko twakwiregura. Ariko rero tuba dukwiriye kwingingir'lmana kubitugirira Iravug'ati: "Nimusabe kandi muzahabga." Paulo na w'ati "Itimany'Umwana wayo, ikamutanga kubgacu twese, izabur'ite kuduhera byose kuri we?" Matayo 7:7; Abaroma 8:32. {KY 47.3}

Ni twemera kugundir'ibibi mu mitima yacu, tukomatana n'icyaha twiyiziho cyose, Uwiteka nta bg'azatwumvira, nyamara gusenga k'umunyabyaha wizinutswe, kandi wicujije, azakwemer'iteka Ibifutamye byose iyo bifututse, tubasha kwizera yukw Imana yumvir'amashengesho yacu Ineza yacu nta bg'iduhakirwa ku Mana, ahubgo ineza ya Yesu ni y'idukirisha, n'amaraso ye akab'ari y'atuboneza; ariko harihumurimo dukwiriye gukora mu mitima yacu kugira ngo twemerwe {KY 47.4}

Uwo murimo n'ukwizera. "Uweger'lmana akwiriye kwizera yukw iriho, ikagororer'abayishaka." Abaheburayo 11:6. Yesu yabgiy'abigishwa b'ati "Ibyo musaba byose muhendahenda, mwizere yuko mubihawe kandi muzabibona." Mariko 11:24. Mbes'ahw iryo sezerano turaryizera? {KY 47.5}

Iryo sezerano ridakuka, ntirigira kirogoya, kuk'uwarisezeramje ar'Uwo kwizerwa. Ni tudahabg'ibyo twasabye tutajuyaje, na none n'igihe tukibitegererezamo, dukwiriye gukomeza kwizera yuko Uwiteka atwumva, tukizera kandi yukw azasubiz'amashengesho yacu Tur'abantu bayobye, kandi bahumye, ni cyo gituma kenshi cyane dusab ibyatugwa nabi, nuko rero Data wo mw ijuru udukunda, akatwumvira mu buryo tudatekereza, akaduh ibirushijeho kutubera byiza, ari byo tuba twarasaby'iyo tugir'amas ahumuwe n'lmana, abasha kubon'ibintu byos'uko biri koko. Iyo dutekereje kw amashengesho yacu

adashubijwe, dukwiriye kugundir isezerano, kukw igihe cyo gusubizwa kizaza koko, kandi tuzahabga wa mugisha twarushagaho gukena. Ariko kwibgira yukw amashengesho yacu yose azasubizw'uko dushaka, ibyo n'ukwishuka no kwigerezaho. Imana n'inyabgenge ntiyoba, kand'ineza yayo nyinsh'itum'itagir'icyiza yim'abagenda batunganye rwose. Nuko rero, ntugatinye kuyiringira, nubgo gusenga kwawe kutasubizw'uwo mwanya. Ujye wiringir'isezerano ryayo rikomeye ngo: "Musabe, muzahabga." Mayayo 7:7. {KY 47.6}

Ni tugundir'ibitekerezo byo gushidikanya n'ubgoba, tukagerageza no gusobanur'ikituyobera cyose, no kumeny'impamvu y'amagorwa yos atugeraho, kugira ngo tubone kwizera hanyuma, tuzasanga yukw ibituyobera bizarushaho kugwira cyane, tugahora ku nkēke y'umutima iteka. Ariko ni dusang'imana, tumaze kumenya k'ubgacu tudafite shinge na rugero, tugaherako tukayibgir'ibyo dukennye twicishije bugufi twizera, iyo Mana if it' ubgenge butagerwa, ibona byose, igatwarisha byos'ljambo ryay'ukw ishatse, izumvira gutaka kwacu rwose, itum'umucy'uvira mu mitima yacu. Gusenga k'ukuri ni kwo kuduhuza n'umutima w'lsumba byose. Nubgo tutiyumvamo, ntitumeny'uwo mwanya k'Umucunguzi wac'aduhengekey'umusay'afit'imbabazi n'urukundo, nyamara ni ko biri koko. Ntidushobora kumv'ukw adukorakora, nyamara rer'ukuboko kwe akuturambikanahw urukundo n'impuhwe nyinshi. {KY 48.1}

Iyo tugiye gusab'lmana imbabazi n'umugisha, tuba dukwiriye kugir' umwuka wo kubabarirana no gukundan'ubgacu. Mbese nawe, twabasha dute gusaba dutya tuti: "Tubabarir'ibicumuro byacu nk'uko natwe twababariy' ababitugiriye," kandi dufit'imitim'inangiwe ituma twanga kubabarira bagenzi bacu? Ni dushaka kw amashengesho yacu yumvirwa tuba dukwiriye kubanza kubabarir'abandi mu buryo twifuza kubabarirwa n'lmana ubgacu. {KY 48.2}

Ikindi cya ngombga cyatum'amashengesho yacu yumvirwa, n'ugusenga tudahwema. Ni dushaka ko kwizera kwacu n'Ubukristo bgacu bikura, bigashyika, tuba dukwiriye kujya duseng'iteka. Dukwiriye "gukomeza gusenga." Abaroma 12:12. "Mukomeze, mubere maso gusenga, mushima." Abakolosayi 4:2. Petero yihanangirij'abizeye "kudashayisha, kugira ngo babon'umwete wo gusenga." Paulo na w'atugir' inama, ati: "Ibyo mushaka byose bimenywe n'lmana, mubisabiye, mubyingingiye, mushima." Abafilipi 4:6. Na Yuda yaravuz'ati: "Ariko mwebgeho, bakundwa ... musengere mu Mwuka Wera, mwirindire mu rukundo rw'lmana." Luka 20, 21. Guseng' ubudahwema, n'ukwiyunga n'lmana, kugira ng'ubugingo bgayo buhembura butembere mu bgacu bugingo; maze kubonera no kwera bidudubize mu bugingo bgacu, bisubire gutembera ku Mana, bimeze nk'ituro rishimwa. {KY 48.3}

Dukwiriye gusenga tudahwema, kandi tutagir'inkomyi. Mugir'umwete wo gusābāna na Yesu, mutagir'ikibarosera. Mushak'uburyo bgose bgo guteranir' aho basengera. Abihatira gushyikirana n'lmana, ntibazabura kuboneka mu materaniro y'abasenga, bakor'ibibakwiriye badasiba, bagir'ubgira kandi bashishikariye kwunguk'uko bashobora kwose. Bazashim'uburyo bgose bubaronkesh'umugisha uvuye mw ijuru. {KY 48.4}

Dukwiriye gusengera hamwe n'abo turi kumwe mu rugo; ariko kuruta byose, dukwiriye kutirengagiza kwihererana n'lmana; kukw iby'ari byo bugingo bgumutima Nta bg'umutima wakunguka twirengagi|e gusenga Gusenga hamwe n'abo mu rugo n'abo mw iteramro ntibihagije na hato Urek'ijisho ry'lmana risuzum'umutima wawe wiherereye Imana yonyine ni yo yumva gusenga ko mu rwiherero. {KY 48.5}

Nta gutwi k'umunyamatsiko gukwiriye kumva ben'iyo misabire Umutima w'ūsenger'ahiherereye ntugotwa n'ibiwuhuza, ntiwumv'urusaku no gusamāra gutewe n'iby'isi Ushakan'lmana ituza kand'ufit'umwete mwinshi. {KY 49.1}

Uiy'usenger'ahiherereye; kand'ubg'uzajy'ukor'irmrimo yaw'iminsi yose, urek'umutima wawe useng'lmana kenshi. Ni ko Henoki yagenzag'ubgo yagendanaga n'lmana. Ben'iyo misabire yo mu mutima irazamuka, imeze nk'umubav'utumbagira, ukagir'impumuro nziz'imbere y'intebe y'lmana Nta bgo Satani abasha kunesh'umuntu unamb'atyo ku Mana. {KY 49.2}

Nta gihe, kandi nta hantu, nta n'ikindi cyose cyatuma tudakwiriye gusengera mu mitima yacu. Nta cyatubuza kwerekez'imitima yacu ku Mana ngo tuyisenge, iyo tubishatse, ar'ubgo turi mu ruhame rwa rubanda, cyangwa se tuiy'inama n'abo dukorana, n'aho twaba turi hose, tubasha gutabaz' Imana, tuyiragiza' nk'uko Nehemiya yabigenj'ubgo yambazag'Umwami Arutazeruzi. Tubasha kwihererana n'lmana aho turi hose Urugi rw'imitima yacu rukwiriye kuba rukinguts'iteka ryose, tukararikira Yesu kutwinjiramo no kutuber' umushyitsi uturutse mw ijuru. {KY 49.3}

N'ubgo twaba tuzengurutswe n'abashayisha bafit'umwuka mubi wo gukor'ibyaha n'ibitey'isoni, nta cyatuma dufatanya na bo tutabishatse Imitima yacu, iyo tuyegereshej'lmana gusenga by'ukuri, tuba tuyitandukanij' uruhenu n'ibitekerezo by'isoni nke no guheheta bituzenguruka byose Abafit'umutima wo kwiyegurir'lmana bamaramaje ngw ab'ari y'ibarengera, bazahora batandukanye n'ab'isi mu ngeso zabo, ku mpamvu z'uko bazaba bashyikirana n'lmana itagir'icy'ipfana n'icyaha. {KY 49.4}

Icyo dukennye cyane n'ukumenyana na Yesu by'ukuri, no gusobanukirwa n'igikundiro cy'ibizaramb'iteka. Ni cyo gituma dukwiriye gushimikira kwiyunga n'lmana no kuyisaba kuduhishurir'ibyiza by'igihugu cyo mw ijuru. {KY 49.5}

Rek'lmana ireshy'umutima wawe, ubone gukundirwa guhumek umwuka wo mw ijuru Ni bgo tuzashobora kwomatana n'lmana rwose, maze ni twadukwaho n'amakuba, ibitekerezo byacu bizayerekeraho, nk'uko mbes' uburabyo bubogamir' ahw izuba rirasira. {KY 49.6}

Ubukene bgawe, n'umunezero wawe, n'imibabaro yawe, n'amaganya yawe, ndetse n'ibiguter'ubgoba, byose ubyikorez'lmana yawe Ntubasha kuyiremereza cyangwa kuyigondoza, kukw'idashenguka. {KY 49.7}

Ibar'umusatsi wo ku mutwe wawe, ntiyirengagiz'imibabaro y abana bayo "Uwiteka afit'imbabazi nyinshi no kubabarira." Yakobo 5:11. Umutima we w'urukundo ubabazwa n'agahinda kacu kose. Umushyir'ibikubabaza byose biguhoza ku nkēke. Nta kiyiremerera

kukw iramir’amasi igatwar’ibyaremwe byose. Ikibasha kuduhesh’amahoro cyose nubgo cyaba gito gite, ntiyagikerensa Nta kitubaho itazi; kandi nta cyatuziga Imana itabasha kutuziguraho Nta cyago cyater’umwana wayo na gito, nta mvune y’agahinda kamushengura, nta n’ishengesho ryava mu kanwa ke, Data wo mw ijuru atabizi ngw’ abure kubyitah’uwo mwanya. “Akiz’abafit’imitim imenetse apfuk’inguma z’imibabaro yabo.” Zaburi 147:3. Imana yita ku muntu wese nk’ahw ari nta w’undi mw isi yos’ubaho, yatangiy Umwana wayo w’ikinege. {KY 49.8}

Yesu yaravuz’ati: “Musabe mw izina ryanjye, kandi simbabgira ko nzabasabira Data, kuko na Data ubge abakunda. Yohana 16; 26, 27. Nabatoranije ... kugira ngw ibyo muzasaba Data byose mw izina ryanjye, abibahe.” Yohana 15:16. Ariko rero gusaba mw izina rya Yesu s’ugupfa kuvug’izina rye mw itangira no mw irangiza ryo gusenga. Ahubgo n ugusengana wa mutima wari muri Yesu, dutekereza nka we, twizer’amasezerano ye, twiringir’ubuntu bge, tugakora nk’uko yakoraga. {KY 50.1}

Imana ntishaka ko twikingiranira kure y’abantu, kugira ngo tubone guhora duseng’iteka. Ahubg’ishaka ko tuger’ikirenge mu cya Yesu, n’aho twaba turi hose, ari ku gasozi cyangwa muri rubanda. Utagir’ikind’akora rwose keretse guhor’asenga gusa, ntabura kurambirwa, akabireka, n’iy’atabiretse kandi, amashengesho ye ahinduk’amagamb’asubiranamo y’amahomvu. Ubg’abantu bikura mu bandi, bahung’umurimo Umwami Yesu yabazeyeho gukora, banga no kwikorer’umusaraba we, bakarorera gukoreran’Umwami umwete, wagirag’umwete wo kubakorera, ubgo ni bgo babur’impamvu zatuma basenga, ntibabe bakigir’ikibakundisha gusaba. N’iyo basabye, imisabire yab’ib’iyo kwikanyiza no kwisabira gusa. Ntibazi gusabir’abandi cyangwa se ngo basabir’ubgami bga Kristo kugira ngo bgogere, cyangwa ngo bambaz’ imbaraga yo kumukorera mu buryo bumushimisha. {KY 50.2}

Iyo twirengagij’amahirwe yo gufataniriza hamwe n’abandi gukomezanya no gusubizanya mw itege turi mu buhake bg’lmana, tuba twigomwe. Amahame yo mw Ijambo ry’lmana ntab’akitunogera, bigatuma dutangira kuyakerensa. Ndets’imitima yacu igatangira kurindagirira mu mwijima w’icura-burindi, Ubukristo bgacu bugakomwa mu nkokora. Harihw Abakristo benshi bivuts’ umugisha mwinshi babitewe n’uko biganyir’ubgabo, ntibite ku bandi. Uwikubir’atyo ntab’ashohoj’inshingano Imana imuzeyeho gukora. Burya kwimenyereza kuzirikan’abandi bidutera kubakunda, ndetse natw’ ubgacu bikatwungura, bikaduter’umutima wo gukorer’Imana. {KY 50.3}

Iyab’Abakristo bajyaga bateranira hamwe, bakaganir’urukundo rw’lmana, n’iby’agakiza by’igikundiro, imitima yabo yahembuka, na byo bikabatera kwiyungayungana. Ni tujya twunguk’ibya Data wo mw ijuru uko bukeye n’uko bgije, tukaronka n’imigisha ye tudasanganywe, ni ho tuzashaka kuganir’urukundo rwe; ni ho kand’imitima yac’izashyuh’igakomezwa. lyaba twibgiraga tukaganir’ibya Yesu, tukarushaho kwiyibagirwa, ni bgo twasābāna na we kurutaho. {KY 50.4}

Iyaba twasobanukirwaga yukw imigisha n'amahirwe dufite byose, tubikesh'lmana, tukamenya kw ar'ibimenyetso by'ineza yatugiriye, nta bgo twasiba kuyitekereza, ngo duhweme kwishimira kuyitekererez'abandi no kuyisingiza. Igituma tuganir'iby'isi n'uko tubikunda, n'inshuti zacu igituma tuziganira n'uko tuzikunda, zikab'ari zo dusangir'ibitunezeza, n'ibiduter' ishavu. None rero, ko dufit'impamvu zirutaho cyane zatuma dukund'lmana kuyirutish inshuti zacu zo mur'iyi si, ntituba dukwiriye kujya tumenyera kuyishyir imbere ya byose no kub'ari yo tuganirir'abandi kurut'ibindi byose? Ibintu yatugabiye byose ntiyabiduhereye kugira ngo bidutwar'umutima wose, ngo tubur'icyo tuyiha, ahubgo bikwiriye kujya biyitwibutsa, bikayitwegeresheshe imirunga y'urukundo n'ishimwe. Ariko twebgeho dukunda kwifatanya n'iyi si Ngaho twubur'amaso, turebe mu muryango w'urusengero rwo mw ijuru, ah'umucyo w'ubgiza bg'lmana uvira mu maso ha Kristo, "ubasha gukiza rwos'abegerezw'lmana na we." Abaheburayo 7:25. {KY 50.5}

Dukwiriye kujya turushaho gushimir'lmana "kugira neza kwayo, n'imirim' itangaza yakorey'abana b'abantu." Zaburi 107:8. Amashengesho yacu ntakwiriye kub'ayo kwisabira guhabga gusa. Twe kugumya kwiganyira no gutekerez'ibyo twishakiy'iteka, ngo twirengagiz'ineza twagiriwe Ifuti ryacu s'ugusenga kurut'uko bikwiriye, ahubgo n'uko dukunda kwirengagiza gushima Duhora tugirirw'ubuntu n'lmana, nyamara tukayishim'urumamo, ntituyihimbariz'ibyo yadukoreye byose. {KY 51.1}

Ker'Uwiteka yabgiy'Abisiraeli ati: "Azab'ari ho mujya, mubone kurir' imbere y'Uwiteka Imana yanyu, azab'ari ho mwishimana n'abo mu ngo zany'ibyiza byose byabavuye mu maboko Uwiteka Imana yany'ikabibaheramw umugisha." Gutegeka 12:7. Icyo dukorer'lmana cyose dukwiriye kugikoran'umutim' unezerewe, turirimb'indirimbo zo kuyihimbaza no kuyishima, turets'imitima y'urutebge no kugononwa. {KY 51.2}

Imana yac'igir'ibambe, n'Umubyeyi w'umunyampuhwe Ntidukwiriye kuyikoreran'umutim'ubabay'ucogoz'abandi. Ahubgo dukwiriye kujya duseng'Uwiteka twishima, tunejejwe no kumukorera Imana ntishaka kw abana bayo yaringanirij'agakiza gahebuje, bayikorera, nk'ahw ar'lmana y'inkazi itagir'imbabazi. Ni yo nshuti yabo y'amagara; kand'iyo bayisenga, irabamanukira, ikabahira ikabahumuriza, igasāby'imitima yab' umunezero n'urukundo. Umwami ashaka kw abantu be baboner'ihumure mu buhake bge, no kubon'ibibanezeza kurut'ibibababaza bamukorera. Ashaka kw abahora bamusenga batāhan'umutim'uguwe neza, ngo babone gukomerezwa mu mirimo yabo yose, bakitonda bagatungana mu bintu byose Dukwiriye guteranira hamwe ku musaraba wa Yesu. Dukwiriye kurangamira Kristo, n'iby'ibambga rye tukabiganira, tukabitekereza. Dukwiriye kurek' ibyo bitunogera no kudushimisha kuruta byose. Umugisha wose yaduhaye n'ineza yatugiriye, ab'ari byo duhozah'umutim'iteka. {KY 51.3}

Kubg'urukundo rwayo rutarondoreka rutangaje, dukwiriye kwegurir' ibyacu byos'ukuboko k'uwo watubambiwe ku musaraba i Gologota Ibitekerezo by'Umwana w'lmana wese biyegerezwa n'umutima wo kuyisingiza yishima Imana ihor'ishengeshw'indirimbo no gucurangirwa mu bikari byo mw ijuru, na twe iyo tuyishimye tuba tugiz'isano no gusenga

kw ingabo zo mw ijuru Imana yabgiye Dawidi iti: “Untambir’ishimwe wes’ab’anshimisha.’ Zaburi 50:23. Nuko rero, tujy’imbere y’Uwaturemye dufit’ umunezero n’icyubahiro “n’ibyishimo n’ijwi rimusingiza.” Yesaya 51:3. {KY 51.4}

Umutwe 12—Uko Gushidikanya Kwagenzwa

Hariho benshi, cyane cyan'abagitangir'Ubukristo, bahagarikw'imitima rimwe na rimwe no gushidikanya. Harihw ibintu byinshi byo muri Bibliya bitabasobanukira, ibyo rero, Satani akabikoreshesha kubaminjagiramw igitekerezo cy'ukw Ibyanditswe bitahumetswe n'lmana, bakabaza bati: "Inzira y'ukuri nayibgirwa n'iki? Niba Bibliya ari yo Jambo ry'Imana koko, n'iki cyambātūra mur'ibi bitekerezo byo gushidikanya no kujugira binsābye mu mutima?" {KY 52.1}

Nta bg'lmana yatubgira yuko dukwiriye kwTzera, itabanje kuduh' ibyahamya bihagije byo gusegura kwizera kwacu. Iby'ukw Imana iriho, n'ukw Ijambo ryayo ar'ukuri, byose bishingiye ku bihamya byinshi bidahakanwa. Nyamara rero nta bg'lmana itubuza gushidikanya. Icyakora, kwizera kwacu gukwiriye gushyigikirwa n'ibigaragara, bitar'ibyo twivugira. Abashaka gushidikanya ntibazabur'uburyo; nyamara kandi, abashaka kumeny'ukuri ntibazabur'ibihamya byinshi byo gushyigikira kwīzera kwabo. {KY 52.2}

Icyakora ntibishoboka kw abafit'ubgenge bugerwa basobanukirwa na hato n'amayoberane y'Ubumana Bgera. Ndetse n'umunyabgenge w'umuhanga bgahe ntiyarondor'iby'Uwo Wera, uzahor'azengurutswe n'ibitangaza biyoberan'iteka. "Mbese wibgira k'ubasha kugenzur'icy'lmana itekereza? Uragira ng'ubasha kumenya rwos'ubgenge bg'Usumba byose? Bureshya n'ijuru uburebure, wabigenz'ute? Busumb' i kuzimu kw'abapfuye; wabubgirwa n'iki?" Yobu 11:7, 8. {KY 52.3}

Intumwa Paulo yarumiwe ni ko gutangar'ati: "Mbeg'uburebure bg'ikilyepfo bg'ubgenge no kumenya by'lmana! Inama zayo nta wazisobanura, n'inzira zayo nta wazirōndōra." Abaroma 11:33. "Nubg'ibicu n'umwijima biyigota, gukiranuka no kutabēra n'imfatiro z'intebe yayo." Zaburi 97:2. Icyakora, nubg'ubgenge bgacu butabasha kumv'iby'lmana keretse bike cyane, tubasha gushishoz'urukundo n'ubuntu n'ububasha byayo bitagir' akagero, tubimenyeshejwe n'uburyo itugenzereza. Imana yaduhaye kumeny' imigambi yay'iduhagije: ibirenz'ibyo dukwiriye kubishyira mu maboko y'lmana akomeye, tukayiringira, kukw ari yo Nyir'ububasha n'urukundo bihebuje. {KY 53.1}

Ijambo ry'lmana na ryo, rihwanye na Nyiraryo, kubera yuko ririmw amayoberane atabasha gusobanukir'abantu bapfa bacanye n'lmana. Ubury' ibyaha byadutse mw isi, n'uko Kristo yigiz'umuntu, n'ibyo kubyarw' ubga kabiri, n'ibyo kuzuka, n'ibindi byinshi nk'ibyo byo muri Bibliya, byabay' amayobera asumb'ubgenge bg'abantu. Uretse kubisobanura, no kubyumva ntibabyumva Ariko rero, ibyo ntibyatuma tutizer'ijambo ry'lmana, tubitewe n'uko tutabasha kumv'amayoberane Imana yaduhishe. Mur'iyi si yacu ndetse, dukikijwe n'ibiyoberana tutabasha kurondora. Dore n'udusimba tuniya cyane turi hanyuma y'ibindi tutazirikanwa, kumeny'impamvu zatwo byananiy'abanyabgenge b'abahanga. N'aho tujya hose har'ibitangaza bisumb'ubgenge bgacu tutabasha gusobanura. None se ko bimeze bityo ku bigaragarir'amaso, twatangara dusanze yuko no mu by'umwuka harimw amayoberane tutabasha kurōndōra? {KY 53.2}

Amendeze yo kutabisobanukirwa n'ubgenge bgacu budashyitse. Mu Byanditswe Byera ni mwo har'ibihamya bihagije byo kutugaragariza kw aho byakomotse, ari kuri y'ubgayo. Nuko rero, kuko bibaye bityo, ntituba dukwiriye gushidikanishw'iryo jambo ryayo n'uko tutabasha kurōndōra cyangwa se kumva bisobanutse iby'amayoberane yaryo byose. {KY 53.3}

Intumwa Petero avuga ko mu Byanditswe "harimo bimwe biruhije kumenywa, iby'abaswa badakomeye bagoreka ... bakizanira kurimbuka." 2 Petero 3:16. Abatizera b'abahakanyi bagerageza kugayisha Bibliya ibiyoberana byanditswemo; ari byo kandi bigaragaza cyane ko yahūmetswe n'lmana! lyaba Bibliya yatubgirag'iby'lmana byarondorwa natwe, tukabyumv'uwo mwanya bitaturuhije, ububasha n'icyubahiro byayo bikarondozw' ubgenge buke bg'abantu, noneho Bibliya ntiyab'ifit'ibimenyetso bitayoberana bya Nyirayo. Ibyanditswe bikomeye bitarondoreka, ni byo cyane cyane bikwiriye kudutēra kwTzera ko Bibliya ari ryo Jambo ry'lmana koko. Bibliya itugaragariz'ukuri icy'ari cyo mu buryo butaruhije, buhura rwose n'iby'umutima w'umunt'ukennye. Bibliya yatangaj'abanyabyenge buhebuje, kandi n'umuswa na we ntananirwa gushishozamw inzira y'agakiza. nyamara, ukwo kuri kwos'uko kwavuzwe mu buryo butaruhije bgumvikanir' umuntu wese, kwigish'ibikomeye cyane, bisumb'iby'umunt'abasha kumva, bituma tubyemezwa gusa n'ukw ar'lmana yabivuze. Nuko rero, mur'ubgo buryo, Imana yaduhishuriy'inama y'agakiza, bigatum'umuntu wes'ameny' intambg' akwiriye gutera, kugira ngo yerekere ku Mana, akabona kurokoka nk'ukw Imana imwifuriza. {KY 53.4}

Nyamara, nubg'ukuri kwo muri Bibliya kutarushy'iyumva, harihw amayoberane ayanditswemo arenz'ubgenge buzTmbura. Icyakora, ben ayo mayoberane nubgo aturindagiza, akatugeza mu rujijo, ni y'ater ushakashaka ukuri abikuye ku mutima, kūbaha Bibliya no kuyizera kurutaho. Ukw arushaho kwihatira gushakashaka muri Bibliya, ni kw arushaho kwēmezwa kw ari yo Jambo ry'lmana ihoraho, nuk'ubgenge bge bgicisha bugufi imbere y'icyubahiro cy'lmana byahishuriwe mw Ijambo ryayo. {KY 54.1}

Iyo twemeye ko tutabasha kuzimbuza rwos'ukuri kwose ko muri Bibliya, tuba twemeye kandi yuk' ubgenge bgacu buke butabasha gusobanukirwa n'ibitagir'akagero; kandi yuk'umunt'ufit'ubgenge bugerwa atabasha kumeny' impamvu z'imigambi y'lmana Nyir'ubgenge bgose. {KY 54.2}

Abatizera b'abahakanyi bamwe bakerens'ljambo ry'lmana, kuko batabasha gusobanukirwa n'amayoberan'aririmo yose; ndetse n'abavuga ko bizera Bibliya, bose ntibarager'aho batsind'ako kaga ko kuyisebya gaterwa n'ubujiji. Intumwa Paulo yaravuz'ati: "Mwirinde, bene Data, hatagi'uwo muri mw'ugir'umutima mub'utizera, utera kurek'lmana ihoraho." Abaheburayo 3:12. {KY 54.3}

Ni byiza kuzimbura twitonz'ibyo Bibliya yigisha byose no gusesengura ibitamenyekana by'lmana (1 Abakorinto 2:10), "ari byo bihishuririrwa mu Byanditswe Byera." Kandi n'ubgo "ibihishwe ar iby'Uwiteka Imana yacu, ibyahishuwe n'ibyacu n'urubyaro rwac'iteka." Gutegeka 29:29. Umurimo wa Satani n'uwo kwonon'imbaraga z'ubgenge buzimbura.

Abantu bigana Bibliya ubgenge bgirarira, bakunda kubabara no kugubga nabi iyo batsinzwe, batakibashije gusobanur'lbyanditswe byos'uko bashaka. Bibater'isoni rwose kwibona ko batumv'lbyanditswe Byera, bigatuma batabasha kwihangana kugez'ahw Imana yemera kubahishurir'ukuri. {KY 54.4}

Bibgira k'ubgenge bgabo buhagije, ngo ntibgananirwa no gusobanukirwa na Bibliya, maze rero kutabyumva kwabo kukabatera guhakana ko yahumetswe n'lmana. Harihw imyigishirize yigishwa n'amadini, rubanda bakunda kwibgira kw ikomoka muri Bibliya, nyamar'itagir'ihuriro, ihabanye n'amahame yo mu Byanditswe Byera rwose. Ibyo byatumye benshi bashoberwa bagahagarik'umutima no gushidikanya. Ariko rer'ibyo ntitwabiherereza kw Ijambo ry'lmana, ngo ni ryo rigoramye, ahubgo twabiherereza ku bantu barigoretse. {KY 54.5}

Iyaba byashobokerag'abantu kurondor'iby'lmana rwose, maze rero, bamara gushyikir'urwo rugero, ntibabe bakigir'ibindi bashigaje kwongera kumenya, n'umutima ntiwab'ukigir'ikind'ukennye. Imana ntiyab'ikibasumbye; n'abantu na bo kuko baba bashyikiriy'ubgenge buheranije butyo, ntibaba bagishobora kunguk'ukundi. Dushimir'lmana kukw atari ko biri. Iby'lmana ntibigir'iherezo. "Muri yo ni h'ubutunzi bgose by'ubgenge no kumenya bgahishwe." Abakolosayi 2:3. Ni cyo gitum'abantu bashobora gushakashak iteka, bakajya bunguk'iteka, nyamara ntibamar'ubutunzi bg' ubgenge bg'lmana. {KY 54.6}

Imana ishaka kujy ihishurir abay'ukuri kw' Ijambo ryayo kwose. Icyakora, harih uburyo bumwe rukumbi bgadushyikiriz'ubgo bgenge. Dushobora gushyikir'ubgenge butwumvish'ljambo ry'lmana, iyo tujijuwe na wa Mwuka waritanze. "Nta munt'umeny'iby'lmana, kerets'Umwuka w'lmana, kuk' Umwuka arondora byose, n'ibitamenyekana by'lmana." 1 Abakorinto 2:11, 10. {KY 54.7}

Yesu yasezeraniy'abigishwa be ati: "Uwo Mwuka w'ukuri n'aza, azabayobora mu by'ukuri byose ... kukw azenda ku byanjye, akabibabgira." Yohana 16:13, 14. {KY 55.1}

Imana yifuriz'abantu ubgenge bujijutse. Nta gihwanye no kwiga Bibliya kungur'umunt'ubgenge no kumujijura. Icyakora dukwiriye kwitondera kutirat'ubgenge bgacu, ngo twibgire ko tutabasha gufudika, ntitwibuke kandi yuk'ubgenge bgacu bgaheneberejwe na kamere yacu yononekaye. Ni dushaka k'ubgenge bgacu butarindagira, ngo tutumv'lbyanditswe, dukwiriye kwicisha bugufi tukabgirizwa nk'umwana muto, tugatabaz'Umwuka Wera kudufuturira Iyo tumaze gusobanukirwa n'ubury'ubgenge n'ububasha by' Imana bitagerwa, tukamenya n'uburyo twebgeho ari nta cyo turi cyo, ni ho twabumbur'ljambo ryayo twigengesereye, tukitonda nk'uko mbese twakwitonda tuyihagaz'imbere. Iyo twenze Bibliya yera, tuba dukwiriye kwiyoroshya rwose, tukunamir'lmana Nyir'ububasha, ngo tugengwe na yo. {KY 55.2}

Harihw ibintu byinshi byo muri Bibliya twibgira ko biruhije bitadusobanukira Ben'ibyo Imana izabisobanurir'abagir'umwete wo kubyumva, ariko ni tutayoborwa n'Umwuka Wera, tuzahora mu kaga ko kugorek'lbyanditswe cyangwa kubisobanur'uko bitari. Harih'uburyo

bginshi bgo gusoma Bibliya butatwungura na hato, ndetse kenshi cyane bukaduhindukir'umuvumo. Iyo tubumburany'ijambo ry'lmana icyubahiro gike, tutabanje gusenga; n'iyo tuterekej'imitima yacu ku Mana by'ukuri, cyangwa s'iyo tunyujij'ukubiri n'iby'ishaka, ubgenge bgarindagizwa no gushidikanya; ndetse uko twarushaho kwiga Bibliya ben'ako kageni, ni na ko twarushaho kutanyurwa na yo, tukagez'aho tuyihakana rwose. Bibaye bityo, mur'ako kany'umwanzi aherako akadutwar'umutima, akatwitegekera, akadutera guteta ku kizadukoraho. Iteka ryos'abantu batihatira gushyira hamwe n'lmana, ngo bayikurikize bamaramaje mu byo bakora no mu byo bavuga, nubgo baba bariz'ubgahe, baba bishyize mu kaga ko kuyoba no kutumv'lbyanditswe Byera. Ben'abo bantu dukwiriye kubirinda cyane, twe guteg'amakiriro ku buryo basobanura Bibliya. Abasomera Bibliya kuyishakamw ibitumvikana ntibahabg'Umwuka wo kubibafuturira. Kuko baba bahumy'amaso, ntibababasha kurabukw'amahame y'ingenzi, nubgo yab' agaragara rwos'ataruhije ate. {KY 55.3}

Nubg'abahakanyi n'abashidikanya batang'impamvu nyinshi bishingikirizah'ubuhakanyi bgabo, ubigenzuye witonze, wasanga yuko kenshi cyan' impamvu nyakuri, ar'iy'uko bagundir'ibyaha bakabikunda. Uwirarira kand' ufit'umutim'ukund'ibyaha, ntazanezezwa n'ibyo Bibliya yigisha bimukom' ibibi, kand'abanga gukor'ibyo Bibliya yigisha, ni bo cyane cyane bahakan' inkomoko yayo. Ni dushaka kumeny'ukuri icy'ari cyo, tuba dukwiriye kukurangamira tubishishikariye, tukagira n'umutima woroshye wemera kukwumvira. Abigana Bibliya umutim'umez'utyo bazabonamw impamvu nyinshi zihamy'ubury'ar'ljambo ry'lmana by'ukuri, byongeye kandi bazashobora kwiyungur'ubgenge bg'ukuri kwayo buzabageza ku gakiza. {KY 55.4}

Kristo yaravuz'ati: "Umuntu n'ashaka gukor'ibyo Data akunda, azameny' ibyo nigisha, ko byavuye ku Mana." Yohana 7:17. Mu cyimbo cyo guhakana no kujy'impaka z'iby'utumva, jya wita no gukomez'ibyo wumva, kukw ari h'uzongerw'ibindi. N'ukomez'ibyagusobanukiye nez'ukabyitaho rwose, ubiheshwa n'imbabazi za Yesu, hanyum'azakubashisha kumva no gukomeza bya bindi byaguteraga gushidikanya. {KY 56.1}

Hari n'ikindi gihamya gishobokera bose, ar'abaciy'akenge cyangw'abaswa. Icyo gihamya cyitwa kugerageza. Imana iturarikira kugeragez'ubgacu ngo turebe kw Ijambo ryay'ari ryo kuri koko, n'ukw amasezeran'aryanditswemo na y'ar'ay'ukuri. Iratubgir'iti: "Nimusogongere, mumenye yuk'Uwiteka agira neza." Zaburi 34:8. Aho guteg'amakiriro ku byavuzwe n'undi muntu wese, dukwiriye kwisogongerer'ubgacu. Iravug'iti: "Musabe, muzahabga." Yohana 16:24. Iryo sezerano ryayo ntirikuka, bisubiye, nta cyayibuza kurisohoza. Nuko rero, uko turushaho kwegera Yesu, tukishimira mu rukundo rwe ruhebuje, ni na ko gushidikanya kwacu n'umwijim'utugose, bizarushaho gutamururwa n'umucyo usāb'abamwegera bose. {KY 56.2}

Intumwa Paulo yavuze kw Imana "yadukijij'ubutware bg'umwijima, idukuramo, itujyana mu bgami bg'Umwana wayo." Abakol. 1:13. Kand' uvuye mu rupfu akajya mu bugingo, abasha "gushyirwahw ikimenyetso eye kimenyesha yukw Imana ar'lnyakuri." Yohana 3:33.

Abasha guhamy'ati: "Nabuz'ikimfasha, maze nkibonera muri Yesu. Icyo nari nkennye cyose nakibonye. Yesu yammaze gusonza kwo mu mutima wanjye, nuko noneho Bibliya yamberey'ikimpishurira Yesu Kristo. Mumbaz'impamvu nizera Yesu? N'uko yamberey'Umukiza wavuye mw ijuru. N'iki gituma nizera Bibliya? N'uko nasanz'ar'ljwi ry'lmana rivugira mu mutima wanjye." Na twe tubasha guhamya duty'ubgacu, tumenya neza tudashidikanya ko Bibliya ar'ukuri n'uko Kristo ar'Umwana w'lmana koko. Ni bgo tuzaba tumenye yuko tudakurikij'imigani yahimbge n'ubgenge bg'abantu. {KY 56.3}

Petero yihanangirij'abo bizera kimwe "gukurira mu buntu bg'lmana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza." 2 Petero 3:18. Abantu b'lmana iyo bakurira mu buntu, ni bgo bajya barushaho kwumv'ljambo ryayo mu buryo busobanutse. Ni bgo kandi bajya basohoz'undi mucy'urabagirana umurikir'ukuri kwayo. Uko ni ko byagenze mu bihe byose by' itorero bishize, kandi ni ko bizakomeza kumera kugeza ku mperuka. "Inzira y'umukiranutsi imeze nk'umucyo w'umusek'urushaho kwaka kugeza ku manywa y'ihangu." Imigani 4:18. {KY 56.4}

Kubgo kwizera tubasha kurabukw'ibizaba, tugasingir'isezerano Imana yadusezeranije ry'ukw izungur'ubgenge bgacu ngo butubashishe kwiyunga no gusābāna na yo, twongere gushumbushw'ishusho yayo yaturemanye mbere. Ubgo ni bgo tuzashobora kwishimira yukw ibyaduhagarits'umutima n'ibiturushya byose bizaba biduhishurirwa, n'ibitunanira tutumva bizaba bisobanurwa; kand'ibyayoberag'ubgenge bgacu buke bizadufutukira rwose, "kuko none turebera mu ndorerwam'ibirorirori, arikw icyo gihe tuzareba nk'abarebana mu maso. None mmenyahw igice, arikw icyo gihe nzamenya rwose nk'uko namenywe rwose." 1 Abakorinto 13:12. {KY 56.5}

Umutwe 13—Kwishimira mu Mwami

Imana iteze kw abana bayo basohoz'inshingano yabo, ari yo yo kumenyekanisha Yesu ngo babe mu cyimbo cye, bagaragaz'ineza y'Umwami n'imbabazi ze Nk'uko Yesu yaduhishuriy'imico ya Se ni na ko natwe dukwiriye guhishurira Kristo ab'isi bataz'urukundo rwe n'impuhwe Yesu yaravuz'ati: "Data, uko wantumye mw isi nanjye ni ko nabatumye mw iSI." "Jyewe mbe muri bo, naw'ube muri jye ... ngw ab'isi bamenye kw ari wowe wantumye." Yohana 17:18, 23. Intumwa Paulo yabgiy'abigishwa ba Yesu iti "Rwose mur'urwandiko rwa Kristo, urw'abantu bose bamenya bagasoma." 2 Abakorinto 3:2, 3. Umwana w'lmana wese, Yesu yamugiz'urwandiko atuma ku b'isi Nib'ur'umwigishwa wa Kristo, ub'uhmduts'urwandiko yandikiye bene wanyu, n'abo mu kirorero cyanyu, n'abo ku musozi wanyu Yesu uba muri wowe, akab'ashaka kukubgirirish'imitima y'abatamuzi Nubgo baba batazi gusoma Bibliya, ngo bumv'ijwi ry'lmana rivugana na bo, ariko rero wehoho, nib'uri mu kigwi cya Kristo by'ukuri, ntibabura kurabukwa bike by'ineza n'urukundo rwe, babimenyeshejwe n'imibereho yawe, ndets'ahari byagez'aho biyegurira Yesu burundu babitewe n'icyitegererezo cyawe bareberaho. {KY 57.1}

Abakristo bashyiriweho kub'abatwara-mucyo bamurikir'mzir'igana mw ijuru Bakwiriye kumurikishiriz'ab'isi umucyo Kristo yabaviriye Ukubaho kwabo n'imico yab'ikwiriye kub'iyo gutum'abandi bamenya Yesu n'ubuhake bge uko biri koko. {KY 57.2}

Ni tuba mu kigwi cya Kristo by'ukuri, tuzatum'ubuhake bge bushimwa nk uko bikwiriye kuba biri koko Abakristo bahoran'ishavu no kuganya, bivovota no kwinuba, baba baber'aband'icyitegererezo kibi kigayish'lmana n ubugingo bga Gikristo Ben'abo ni bo bater'abandi gutekereza kw Imana idakunda kw abana bayo banezerwa, nuko bagahindukira Data wo mw ijuru abagabo b'ibinyoma. {KY 57.3}

Satani yitera hejuru, akavuz'impundu rwos'iy'abashije gutum abana b Imana bacogora, ngo bareke kwizera bagakuk imitima Yishimira cyane iy'abonye tutakiringir'lmana, tukayikeka kw idashaka kudukiza, ndetse kw itabibashije Anezerwa cyane ly'abashije gutuma twibgira k Uwiteka yibasiye kutugirira nabi Umurimo Satani amaranira gukora kurut ibindi ndetse. n'ukudutera kwibgir k'Uwiteka ar'umunyamwaga w ubukana bginshi, utagir imbabazi n'impuhwe Ibiyihamya by'ukuri arabigoreka, agater'imitima y'abantu gukek'lmana hw ibinyoma; ibyo bigatuma badohoka bitotomba batukish'inzira y'ukuri, aho kunamba ku Mana no kuyiyegurira burundu Satani ahor'agerageza kurushy'abagendera mu nzira y'Ubukristo ngo bakuk imitima Amaranira guter'Abakristo kwibgira ko gukorera Yesu ar ugushebeka birenz'urugero. {KY 57.4}

Hariho benshi, bagendera mu nzira y'ubugingo, bahoz agatima ku mafuti yabo n'ibinanirana n'akababaro kabaho, maz'ibyo bigatum'imitima yab' isābga n'agahinda bagacik'intege bagacogora. Ubgo nari nd'i Bulaya, hariho mwene Data umwe war'umez'atyo, akuk'umutima rwose; nukw anyandikira, ashaka ko mmurem'agatima. Ijoro rikurikiy'umunsi nabony'urwandiko rwe, ndota ndi mu murima, ndi kumwe na mwene Data

uwo, nuko nyir'uwo murima atuyobora mu tuyira twawo. Nacag'uburabyo bumwe bumwe, nnezezwa n'impumuro yabgo. Mwene Data uwo twagendanaga, aherakw arantakira, anyerek'amahwa yamukingirij'inzira, amuhanda, yivovota no kurira. Aho gukurikir'utuyobora mu kayira; yateshuts'inzira, nukw agwa mu mahwa no mu bisura. Ati: "N'ishyano, ubonye ngw aya mahwa n'ibisura bibe mur'uyu murima mwiza!" Uwatuyoborag'ati: "Rek'amahw' arahanda, n'ibisura bikababana, ahubg'utor'uburabyo bg'igikundiro." {KY 57.5}

Mbese aho wa musomyi we nta byiza binezeza wigez'ugira? Mbese nta mahirwe wigez'ubona yatumy'umutima waw'ushyika mu nda? Iy'ureby' inyuma mu myak'ihise, mbese nta by'igikundiro binezeza byakubayeho? Mbes'amasezerano y'lmana ntakumereye nk'uburabyo buhumura neza, bumera mu nzira yawe hose? Mbese ntiwarek'ubgiza bgayo no kunogera kwayo bikuzuz'umutima waw'umunezero? {KY 58.1}

Amahwa n'ibisura ntibigir'ikindi bikora keretse guhanda no kubabaza kandi nib'ar'iby'urangamira gutora gusa, ukabih'abandi, uretse kugayish' ineza y'Imana mbese ntiwaba wabujije n'abandi bagukikije kugenda mu nzira y'ubugingo? {KY 59.1}

Si byiza guteraniriza hamwe ibibabaza byose byababayeho mu bihe bishize Ibyaha byawe n'ibihe wahemuwemo, we kujy'ubiganira no kubi ganya, ngo ugez'ah'ucik'intege rwose Umutim'ucits'intege uba wuzuyemw umwi|im'ubuz'umucyo w'lmana kuwinjiramo, ugatera n'igicucu mu nzira y'abandi {KY 59.2}

Mu cyimbo cyo kumer'utyo, ahubgo uiy'uhimbariz'lmana ibintu byiza yadushyiz'imbere Tuiye duteramriza hamw'amasezerano y'urukundo rwayo. tubone kuyahozah'umutim'iteka Tekereza naw'ubury'Umwana w Imana yemeye guhar'ubgiza butarondoreka yahoranye mw ijuru, ngw aze mur'iyi mbura-gasam y'isi, kuturokora mu minwe ya Satani, tekereza naw'uburyo yadutsindiy'imbaraga y'urukongi rw'ibyaha, akabona kudukingurir'amarembo y'ijuru Yesu yadukuye mu kuzimu k'urupfu, adushyira mu nzira izatugeza mu bgami bge butazahanguka, ah'urupfu n'ibibabaza bizahunga Mbese har'icyadushimisha kurut'ibyo? Nib'ari nta kindi ngaho b'ari by' utekereza no kubirangamira! {KY 59.3}

Iyo dushidikanije kw Imana idukunda, tugatangira kutizer'amasezerano yayo, tuba tuyigayishije tukababaza n'Umwuka wayo wera Mbes'umubyeyi yabon'abana be bahora bamugaya, bakamwinuba nk'ahw abifuriza nabi, kand'ahor'agir'ukw ashobora kose kubagirira neza no kubah'ibibanezeza, uragira ngo yamer'ate? Mbese bashidikanya kw abakunda, ntibyamumen' umutima? N'undi mubyeyi wese wagirirw'atyo n'abana be yamer'ate? None se Data wo mw ijuru we, uragira ngw adutekerez'ate iyo tutizey'urukundo rwe, ari rwo kandi rwatumy'ahar'Umwana we w'ikinege kugira ngo tubone kubaho? Intumwa Paulo yarandits'ati "Ītimany'umwana wayo, ikamutanga ku bgacu twes'izabur'ite kuduhera byose kuri we?' Abaroma 8 32 Nyamara, ni bangahe bagaragariza mu byo bakora, yuko batizer'iryo sezerano? Bakibgira mu mitima yabo bati: "Ibyo Umwami ntabinyifuriza Ahar akund' abandi, ariko jyeweho ntankunda." {KY 59.4}

Ben'ibyo bitekerezo byic'umutima wawe, kukw ijambo ryose ryo gushidkanya uvuga ab'ar'ukwihamagarira Satani kugushukashuka, byongeye kand' ibyo bitum'urushaho gushidikanya no guhez'abamaraika bagukorera, bakakwitarura bakivumbura, Satani na w'akakwoshya Ntukongorer'ijambo na rimwe ryo gushidikanya kukw iy'ubikoze, ub'umuciriy'icyanzu, akuzuz umutima wawe ibigutera kutizera no kugoma N'utitegeka ngo wibuze kuvug'uko wumv'umeze, igitekerezo cyo gushidikanya cyos uzavuga uretse kukugwa nab'ubgawe, kizahinduk akabuto kamera mu mitima y'abandi kabazanir'umuvumo ndetse kugez'aho byakunanira kubuz ishyano ryazanywe n'amagambo yawe Icyakora, wenda wabasha gukir'imitego ya Satani ubgawe nubgo yakugejeie kure kubi, arikw abandi bo. bagushijwe n'amagambo yawe wabaroshyemo, ntibabon uko bakir'ishyano wabagushijeho Mbeg'uburyo dukwiriye kwigengesera mu byo tuganiriz abandi bitazagir ingaruka ibavuts'ubugmgo bg'iteka! {KY 59.5}

Abamaraika bahora baguteger'amatwi, bumv'uk'uvug'Umutware wawe wo mw ijuru, ur'imbere y'ab'isi. Ureke Yesu ab'ari w'uganiriz'abandi. N'ufat' inshuti ukuboko, murek'ishimwe ry'lmana ribe mu kanwa kanyu no mu mitima yanyu. Ibyo bizerekez'ibitekerezo bye kuri Yesu. {KY 60.1}

Nta utagir'amagorwa; cyangw'ishavu rishengura, n'ibishuko biruhij itsinda. Ariko rero, aho kubiganyira bagenzi bawe bahwanyije nawe kugir'intege nke, ujy'ubyikorez'lmana yaw'usenga. Wishyirehw itegeko ryo kutagir'ubg'uvug'ijambo na rimwe uritewe no gushidikanya cyangwa gucogora. Hariho byinshi wabasha gukora byakomez' abandi no kubarem' agatima kubgo kuganira na bo amagambo y'irema-mutima n'ineza. {KY 60.2}

Hariho n abantu benshi bakirana n'ibibagerageza, benda kudohoka barwanya kwitsinda, barwana n'imbaraga z'Umubi. Ntukagir'ubg'ukur'umutima w'umez'atyo, ng'umutsinde ku gasi. Ahubgo umukomeresh'amagambo y'irema-mutima, amusubizamw akabaraga, ngw akomez'urugendo atway' ubugabo. Mur'ubgo buryo mubasha gutum'umucyo wa Kristo ubaviramo. Kenshi cyane abandi babasha gukomezwa natwe bakongerw'imbaraga, baturebeyeho tutabizi; cyangwa se babasha gukuk'umutima bakava kuri Kristo bakayobagurika, kubg'icyitegererezo cyacu, "kukw ari nta ubaho kubge." Abaroma 14:7. {KY 60.3}

Hariho benshi bagir'ibitekerezo bifutamye, bibgira ko Yesu yanenag' abantu bamwe, ngo ntiyakundaga gufatanya n'abandi, ngo ntiyasekaga, bakavuga ko yar'umunyamwaga uhoran'igitsure, utanezerwa. Ubukristo bg'abantu benshi bgarahindanijwe ben'ako kangeni. {KY 60.4}

Benshi bavuga ko Yesu yariraga, ntagir'ubg'amwenyura. Icyakora koko, Umukiza wacu yabay'umunyamubabaro, amenyer'intimba, abitewe n'uko yikorey'amakuba n'amahano yacu yose. Ariko rero n'ubgo yigomwag'atyo, ntiyabigaragazaga. Ntiyahoranag'agahanga gakambije, ngo yirirw'arir'aboroga Umutima we war'isoko y'ubugingo; kand'aho yajyaga hose yagendanag'ituza n'amahoro, n'umunezero no kwishima. {KY 60.5}

Umukiza wacu yaritondaga rwose akamaramaza muri byose. Ariko rero nta bgo yigeze yiyunamir'aganya yiyumvira. Abamwigana by'ukuri bitonze bamaramaje nka we, ntibabura gusohoz'inshingano bashinzwe. Nta bihwahwa bigendana na bo, ngo habonek'urusaku. Kutitonda kubacibgamo, nta rusaku rw'abakwenkwenura bavug'ibitey'isoni n'amahomvu; nta gucyocyorana n'amashyengo y'isoni nke bibangikana n'abigana Yesu by'ukuri, kukw idini ye izanir'abayo amahoro atagir'impinduk'atemba nk'uruzi. Ntizimy' umucyo w'umunezero, kandi ntigabanura kwishima. Ntiter'igicuc'amaso y'unezerew'umwenyura. Kristo ntiyazanywe no gukorerwa, ahubgo yazanywe no gukorer'abandi; kand'urukundo rwe ni rusaba mu mitima yacu by'ukuri tuzager'ikirenge mu cye. {KY 60.6}

Ni duhoz'imitima yacu ku bibi abandi batugiriye baturenganya, tuzasanga ko bitadushobokera kubakunda mu buryo Kristo yadukunze; ariko rero ni tujya dutekerez'iby'urukundo rutangaje rwa Kristo, n'imbabazi ze yatugiriye, uwo mutima we tuzawugirir'abandi. Dukwiriye gukundana no kūbahana, nubgo habahw ibintu bidatunganye tutabura kubona mu bandi. Dukwiriye kwihatira kwicisha bugufi no kutigira shyashya tukihanganir'ibicumuro by'abandi Ibyo ni byo bizatumaramw ingeso zoze zo kwikanyiza bikadutera guhinduk abantu b ubuntu bazirikan'abandi Umunyezaburi yaravuz'ati "Wiringir'Uwiteka ukor'ibyiza." Zaburi 37:1. {KY 60.7}

Umunsi wose wiharir'imibabaro yawo, n'amaganya yawo n'lbihagarik' umutima byawo, kand' iyo tubonanye, ibyo dukunda kuganira cyane cyane n ibitubabaza n'ibidukomereye Uburyo duhererekany'agahinda n'ibyago, dukek'ibidutey'ubgoba byinshi, tukavug'ibibi byose bitugose, ni byo byatum' abatwumva bibgira ko nta Mukiza mwiza udukunda dufite, uteze kūmv'ibyo tumusaba byose, ngw atuber'ubuhungiro butabura kuboneka mu byago no mu makuba {KY 61.1}

Hariho bamwe bahoran'ubgoba, bagakaby amakuba Nubgo bagotwa n'ibimenyetso byinshi by'urukundo rw'lmana iteka, bakaba batunzwe n'iyo bakesha byose, nyamara birengagiz'ayo mahirwe babon'urudaca bakabikerensesha guhora batekerez'ibmtu bibabaza, bagatinya ko bizababaho, cyangwa se gutubur'akaruho gato, kakabahum'amaso rwose, maze ntibabon' ibindi byinshi by'inkora-mutima Imana yabagabiye Ibiruhije bajya babona, aho kubatera gusang'lmana Nyir'imbaraga, bibatandukanya na yo, kuko babihagarikir'imitima no kubyivovotera, aho kubiyīkoreza. {KY 61.2}

Mbese aho kutizera dutyo biradukwiriye? Duterwa n'iki kub'mdashima no kujya tutiringir'uwadupfiriye? Yesu ni we nshuti yacu by'ukuri, n'abera bo mw ijuru bose baduhanz'amaso batwifuriz'ibyiza Kuko bibaye bityo ntidukwiriye kwemera kw ibiturushya n'imibabar'itubaho biduhagarik umutima no kudukamby'agahanga, kuko ni tubikora, tuzahoran'ibiturakaza bitubabaza Ntidukwiriye kujya tugir'igishyika cyonzerez'amagara yac'ubusa kitadufasha gutsind'ibyago. {KY 61.3}

Wend'umutima waw'uhagarikwa n'iby'imirimo yawe, n'ibikur'imbere bikarushaho kub'umwaku, ndets'ukaba mu kaga ko gupfush'ibyawe Nubgo byamera bite ntukwiriye gukuk'umutima no gucogora Byos'ubiganyir Imana, wirem'agatima, maz'ukomere

unezerwe Usab'ubgenge bgo gukor'umuri mo wawe witonze, kugira ng'udapfush'ibyawe Kor'uk ushobora kwose kwihombōra, ntugahweme. Yesu yasezeranye kw azagufasha, n'ukor'urwawe rutabe N'umara kwiragiz'Umufasha wacu, ugakor'uk'ushoboye kose, ibiza kubaho hanyuma byose, nubgo byamera bite, uzabyemer'utinubye. {KY 61.4}

Imana ntishaka kw abantu bayo bicwa n'imibabaro, ariko rer'Umwami wacu ntadushuka ngw atubgir'ati: "Humura, nta kag'uzabonera mu nzira yawe." Azi ko har'imibabaro n'amakuba bigera ku muntu wese, ni cyo gitum abitwerurira neza. Ntashaka gukur'abantu be mur'iyi si y'ibyaha n ibyago ahubg'aberek'ubuhungiro bahungiramo Yasabiy'abigishwa be ati Sinsaba k'ubakura mw isi, ahubg'ubarind'Umubi Ati "Mw isi muhoran umubabaro ariko nimuhumure, naneshej'isi." Yohana 17:15; 16:33. {KY 61.5}

Ubgo Kristo yigishirizaga ku musozi yigishij'abigishwa be ibyigisho by'ingenzi byerekey'uburyo dukwiriye kwiringir'Imana Ibyo byigisho bye yabigeneye gukomez abana b'lmana mu bihe byose, ni cyo gituma bitugeraho natwe mur'iki gihe cyacu, byuzuyemw ibiduhana n'ibidukomeza n'ibiduhumuriza Umukiza yigishishij abigishwa be inyoni zo mu kirere abibuts uburyo zijwigira zihimbaza, zitababazwa n'imitim'ihagaze kuko nubgo zitabiba, ntizisarure, ariko rero Data wa twes'ukomeye arazigaburira. Ni cyo gitum'Umukiza atubaz'ati: "Mwebge ntimuziruta cyane?" Matayo 6:26. Imana n'Umutunz'ukomeye utung'abantu n'inyamaswa, apfumbatur'igipfunsi cye, akagaburir'ibyo yaremye byose. Inyoni zo mu kirere ntazikerensa ngw azirengagize, nkanswe twebg'abo yaremye mw ishusho y'ubge! Icyakora, ntazitamik'ibizitunga, arikw ahor'abiziringaniriza. Ni zo zigomba kwitorer'imbuto yazinyanyagirije hose. Ni zo zigomba kwishakir'ibyo zarikish' ibyari byazo. Kandi zo zigomba kugaburir'abana bazo. Zijya gukora zijwigira kuko "So wo mw ijuru azigaburira." Noneho "mwebgeho ntimuziruta cyane?" Mbese wehoho ufit'ubgenge, uzi gusengera mu mutima, nturuta cyane inyoni zo mu kirere? Mbese Nyir'ubugingo bgacu, Umurinzi wacu, Uwaturemye mw ishusho ye yera, ntazaduh'ibidutunga biduhagije tumwīzēye? {KY 61.6}

Kristo yigishirij'abigishwa be ku burabyo bgo ku gasozi, bukunda kumera cyane bukarabagiranish'ubgiza bgabgo Data wo mw ijuru yabuhaye, bugaragariz'abantu kw abakunda akabazirikana. Ati: "Mutekerez'uburabyo bgo ku gasozi uko bumera, n'uko bugir'ubgiza burush'ubga Salomo." Twebg' abantu nubgo twahirimban'ubgahe, ntitwarem'imyambaro igir'ubgiza bugir' isano n'ubg'uburabyo bgimejej'lmana yaremye. Ni cyo gituma Yesu atubaz' ati: "Imana ubgo yambik'ubgatsi bgo ku gasozi ityo, buriho none n'ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika, mwa bafite kwTzera guke mwe?" Matayo 6:28, 30. Niba Imana yo mw ijuru ih'uburabyo bushira mu muns'umwe amabara meza rwos'amez'atyo, ntizarushaho cyane kwita ku bo yaremye kw ishusho yayo? Icyo cyigisho cya Kristo gihan'ufit' umutima w'igishyika uhagaritswe no kutīzēra. {KY 62.1}

Uwiteka yifuriz'abahungu be n'abakobga be bose, amahoro n'umunēzēro. Yesu yaravuz'ati: "Amahoro yanjye ndayabahaye. Kandi simbaha nk'ukw ab'isi batanga. Imitima yanyu

ntihagarare, kandi ntitinye. Ibyo mbibabgiriye kugira ng'umunēzēro wany'ube mwinshi." Yohana 14:27; 15:11. {KY 62.2}

Umunēzēro tumaranira gushyikira iyo tubitewe no kwikunda no kwinezeza gusa, ntukomera; urajegajega, ukayoyoka rwose; n'iy'ushize, umutim' usigaramw irungu n'agahinda; ariko rero mu buhake bg'lmana har'umunēzero no kugubga neza. Imana ntihan'Umukristo nyakuri, ngw anyure mu nzir'iyoberanye imutera kumirwa no gushoberwa. Nubgo twabur'ibinēzēza byo mur'ubu bugingo, twabasha kwishimira kurutaho turangamiy'ibinezeza bizaramba tuzaronka mu bugingo buzaza. {KY 62.3}

Ariko rero, mur'iyi si yacu na ho, Abakristo bashobora kunēzēzwa, no gusabana na Kristo; babasha no guhoran'umucyo w'urukundo rwe, no guhumurizw'iteka n'ukw ababa bugufi. Intambge yose duter'ibasha kutwegereza Yesu kurushaho, ikaduha kumenyer'urukundo rwe kurushaho, no kutwegerez'i wacu h'amahoro n'ihirwe. Nuko rero, twe gukuk'imitima, ahubgo dukomere kuruta kera kose. "Uwiteka yaratuzahuye, kugeza n'ubu." 1 Samweli 7:12. Kand'azakomeza kutuzahura kugeza ku mperuka. Turebere ku bimenyetso Umwami yaduhaye bitwibuts'ibyo yadukoreye mu bihe byashize, ngw adukomeze no kudukiz'ukuboko kwa kirimbuzi. Tujye twibuk'iteka imbabazi n'impuhwe Imana yatugiriye, n'amarira yaduhanaguye, n'imibabaro yadukijije, n'agahinda n'ubgoba n'ubukene yatumaze n'imigisha yaduhaye Ibyo byose tubikuremw intandaro yo gushikama no gukomera kubg'ibitur'imbere byose, kugeza mw iherezo ry'urugendo rwacu. {KY 62.4}

Nubgo tuzi ko tuzaterwa n'ibindi byago, turwan'intambara yo kwizera, dukwiriye gusubiz'amas'inyuma twibuk'uburyo yatugendereye tukavuga tuti "Uwiteka yaratuzahuye kugez'ubu." "Ukw iminsi yaw'ingana ni kw intege zawe zizangana." Gutegeka 33:25. Ntizagukundira kugeragezw ibirut iby'ushobora. Nuko rero, kuko bibaye bityo, nimutyo dukoran'umwet'ibyo yaduhaye gukora, twizeye yuko uko bizaba kwose, tuzahabg'imbarag' ihagije yo gutsinda {KY 63.1}

Hanyuma amarembo yo mw ijuru ni yugururirw'abana b'lmana, tuzumv' umugish'uvuye mu kanwa k'Umwami w'ubgiza, ugwe mu matwi yacu nk'ibicurangwa byiz'ati: "Nimuze abo Data yahay'umugisha, muragw ibyabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi." Matayo 25:34. {KY 63.2}

Ubgo ni bg'abakipjwe bazakirwa ngo bibanire na Yesu muri ya mazu yagiye kubategurira Mur'icyo gihugu ntibazabana n'ab'inkozi z'ibibi n ab' isoni nke, n'abanyabmyoma, n'abaseng'ibishushanyo, n'abahehesi. n' abatlzera; ahubgo bazabana n'abatsmze Satani bunjndu, bafit'imico iboneye rwose Amarere y'ibibi n'igishmja cyose kidatunganye, ndetse n'inenge yos'ibangTz'ubu, byose bizaba bibakuwemo kubg'amaraso ya Yesu, bisimbuzw'ubgiza butarondoreka butigeze gutekerezwa n'abantu bapfa, burabagirana ndetse kurush'izuba. Bazahagarar'imbere y'lntebe y'lmana yera, batagifit'inege, basangir'icyubahiro n'amahirwe n'abamaraika. {KY 63.3}

Kubga gakondo itangaje umuntu wes'abasha kubona, "yatang'iki gucungur'ubugingo bge?" Matayo 16:26. Yenda yab'ar'umukene, arik ubutunzi n'icyubahiro yabikiwe, ab'isi

ntibabasha kubitanga Umutim’ukijijw’ibyaha, ukeye kand’uboneye, ukoreran’lmana imbaraga zawo nziza zose, ufit’igiciro kiruta byose; kandi mw ijuru hab’umunēzēro mwinsh’imbere y’lmana n’abamaraika bera iy’umuntu umw’akijijwe, n’umunezero ugaragazwa no kuririmb’indirimbo zera zo kunesha. {KY 63.4}